



REPUBLIC OF RWANDA
SUPREME COURT
P.o. Box. 2197 KIGALI
www.judiciary.gov.rw



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 4 - 2021
Ukwakira, 2021




RWANDA LAW REPORTS

Law Reports V. 4 - 2021
October, 2021



ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 4 - 2021
Ukwakira, 2021



RWANDA LAW REPORTS

Law Reports V. 4 - 2021
October, 2021

ISHAKIRO

| | |
|---|------|
| ABAGIZE KOMITE Y’UBWANDITSI..... | iii |
| IRIBURIRO | ix |
| IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO..... | xi |
| INYITO..... | xi |
| AMATEGEKO YASHINGIWEHO..... | xiii |
| IMANZA ZIFASHISHIJWE | xvii |
| AMAGAMBO MPINE..... | xix |
| Re ASIIMWE..... | 1 |
| Re. KABASINGA N’UNDI | 25 |
| NTEGEYE v ECOBANK RWANDA LTD N’UNDI..... | 99 |
| ACCESS BANK RWANDA LTD v RUHANDO | 121 |
| NTAGANZWA v MUNYANTORE N’UNDI..... | 151 |
| RWANDA TEA TRADING LTD v GT BANK LTD..... | 177 |

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI

I. ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

UWINKINDI Angelique

II. KOMITE YEMEZA IMANZA

- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : Perezida wa Komite,
Umucamanza mu Rukiko
rw'Ubujurire
- Dr. MUHIRE G. Yves** : Visi Perezida wa Komite,
Umwarimu muri
Kaminuza y'u Rwanda
- NSENGIYUMVA Jean Claude** : Umwanditsi wa Komite,
Umugenzuzi w'Inkiko
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : Perezida w'Urukiko
rw'Ubujurire
- Dr. KARIMUNDA M. Aimé** : Umucamanza mu Rukiko
rw'Ikirenga
- NDAHAYO Xavier** : Perezida w'Urukiko Rukuru
- RUTAZANA Angeline** : Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko
- KALIWABO Charles** : Umucamanza mu
Rukiko rw'Ubujurire
- Dr. KAYIHURA Didas** : Umuyobozi wa ILPD
- BURAYOBERA UMUZAYIRE
Bibiane** : Visi Perezida wa Komisiyo
y'u Rwanda ishinzwe
Ivugururwa ry'Amategeko

- BWIZA N. Blanche** : Umugenzuzi w'Inkiko
- KIBUKA Jean Luc** : Umucamanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi
- HABARUREMA Jean Pierre** : Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
- BUNYOYE Grace** : Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
- KABIBI Specioza** : Intumwa ya Leta
- MUREREREHE Saouda** : Umucamanza mu Rukiko Rukuru
- Lt. col. MADUDU A. Charles** : Umucamanza mu Rukiko rwa Gisirikare
- Dr. NSHIMIYIMANA Didace** : Perezida w'Urukiko Rwisumbuye
- GIRANEZA Clémentine** : Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye
- TASHOBYA Benon** : Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye

- BAGABO Faustin** : Avoka mu Rugaga
rw'Abavoka
- GAPARAYI Idi** : Umwarimu muri University
of Kigali
- Dr. SHEMA Pierre** : Umwarimu muri ULK
- KARAKE Canisius** : Umwarimu muri UNILAK
- Dr. HABIMANA Pie** : Avoka mu Rugaga rw'Abavoka
- RWIGEMA Royck** : Umucamanza mu Rukiko
rw'Ubucuruzi
- YANKURIJE Dorothée** : Perezida w'Urukiko
rw'Ibanze

IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Tunejewe no kubagezaho icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko, Volime 4 [2021]. Nk'uko mubizi, tubahitiramo imanza zikubiyemo bimwe mu bisubizo by'ibibazo muhura nabyo kenshi, haba mu mirimo yanyu ndetse no mu buzima bwa buri muni.

Muri iyi numero murasangamo imanza esheshatu (6) zikurikira: imanza ebyiri (2) zerekeranye n'ibirego bisaba kwemeza ko Itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga, urubanza rumwe (1) rw'imbonezamubano, urubanza rumwe (1) rw'ubucuruzi n'izindi ebyiri (2) zerekeranye n'imiburanishirize y'imanza.

Nk'uko mumaze kubimenyera imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no ku rubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga: <http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do>.

Dr NTEZILYAYO Faustin
Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na
Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO

Iki Cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga n’Urukiko rw’Ubujurire.

INYITO

Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo:

[2021] 4 RLR

AMATEGEKO YASHINGIWEHO

a. Amategeko akoreshwa ubu

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015;

ingingo ya 15 n'ya 29.....6

ingingo ya 3, 29, 38 n'ya 151.....33

Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu, u Rwanda rwemeje ku wa 18/09/1962, ingingo ya 11...34

Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki, u Rwanda rwemeje burundu n'Itegeko No 8/75 ryo ku wa 6 Gashyantare 1975, agatangazwa mu igazeti ya Leta mu 1975,

ingingo ya 10,15 n'ya 19.....34

ingingo ya 14, igika cya 1 n'icya 5.....6

Amasezerano Nyafurika ku burenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage 8 (Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples), u Rwanda rwemeje n'Itegeko No 10/1983 ryo ku wa 01/07/1983, agatangazwa mu igazeti ya Leta yo ku wa 01/07/1983, ingingo ya 7.....34

Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 2, 3, 49, 84, 92, 133, 256 n'ya 271.....33

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko,

ingingo ya 53.....101

ingingo ya 46, igika 2 n'ya 52, igika cya 3.....6

| | |
|--|------------|
| <i>Itegeko N° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, ingingo ya 48.....</i> | <i>33</i> |
| <i>Itegeko N° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'Abahesha b'Inkiko, ingingo ya 60.....</i> | <i>153</i> |
| <i>Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 80 n'ya 60.....</i> | <i>180</i> |
| <i>Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/05/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 62.....</i> | <i>34</i> |

b. Amategeko yakuweho ariko yakoreshwaga igihe ikibazo cyavukaga

| | |
|---|------------|
| <i>Itegeko N°21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, ingingo ya 186, agace ka 6.....</i> | <i>124</i> |
| <i>ingingo ya 147, 263, 295, 306, 307, 312 n'ya 315.....</i> | <i>153</i> |
| <i>Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 83.....</i> | <i>101</i> |
| <i>Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana mu ingingo ya 257, 326, 477 n'ya 478.....</i> | <i>33</i> |
| <i>Itegeko N° 09/2004 ryo ku wa 29/04/2004 ryerekeye imyitwarire mu kazi k'ubucamanza, ingingo ya 4 n'ya 5.....</i> | <i>34</i> |
| <i>Itegeko –Teka N° 21/77 ryo ku wa 18 Aout 1977 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana.....</i> | <i>33</i> |
| <i>Itegeko – teka ryo ku wa 30/07/1888, rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, ingingo ya 532.....</i> | <i>124</i> |

IMANZA ZIFASHISHIJE

| | |
|---|-----------|
| <i>Attorney-General for England and Wales v Times Newspapers Ltd rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire mu Bwongereza.....</i> | <i>34</i> |
| <i>Bridges v. California, 314 US 252 (1941); Pennekamp v. Florida, 328 US 331 (1946); Craig v. Harney 331 US 367 (1946).....</i> | <i>35</i> |
| <i>Cullen v. Toibin rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo muri Ireland.....</i> | <i>34</i> |
| <i>Dagenais v. Canadian Broadcasting Corp., No 23403, 1994: January 24, 1994, December 8, P.5.....</i> | <i>35</i> |
| <i>DPP v Independent Newspapers (Irl) Ltd,42 rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Ireland.....</i> | <i>34</i> |
| <i>Kelly v O'Neill41 rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Ireland.....</i> | <i>34</i> |
| <i>Kotak Mahindra Bank Pvt. Limited Vs Ambuj A. Kasliwal & Ors, Supreme Court of India, Civil Appellate Jurisdiction, Civil Appeal N^o. 538 of 2021,.....</i> | <i>7</i> |
| <i>John D. Pennekamp v. State of Florida57 rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo muri Amerika.....</i> | <i>35</i> |
| <i>Nebraska Press Association v. Hugh Stuart: (1976) 427 US 539.</i> | <i>35</i> |
| <i>R. v. Beauregard, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada.....</i> | <i>34</i> |
| <i>Reliance Petrochemicals v. Proprietor of Indian Express56 rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo mu Buhinde.....</i> | <i>35</i> |

RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC, Re Me Kabasinga rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 4/12/2019.....7

RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS, Rutabayiro n'abandi v Mukakabano, rwaciwe n'urukiko rw'Ikirenga ku wa 27/09/2019.....7

South Africa Supreme Court of Appeal: Midi Television v Director of Public Prosecutions (Western Cape) 2007 (3) SA 318 (SCA) at para 19.....35

South Africa Supreme Court of Appeal: The NDPP v Media 24 Limited & others and HC Van Breda v Media 24 Limited & others (425/2017) [2017] ZASCA 97 (21 June 2017), at para.37.....35

The Sunday Times v. United Kingdom, 26 April 1979, Series A N^o. 30, 14 EHRR 229, par. 63.....35

Worm v. Austria, 29 August 1997, Application 22714/93, 25 EHRR 454, par.50.....34

AMAGAMBO MPINE

- 1. Amategeko agenga amasezerano** – Impamvu itunguranye (force majeure) – Impamvu ntarengwa itunguranye (force majeure) igomba kuba ari impamvu koko ntarengwa kandi akaba nta wayihagarika (irresistible), idaturutse ku ruhande ruri mu masezerano (extérieure) kandi ikaba ari impamvu itunguranye (imprévisible).
RWANDA TEA TRADING LTD v GT BANK LTD.....177

- 2. Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza z’ubucuruzi** – Gusubirishamo urubanza ingingo nshya – Kwitiranya ibintu uko byagenze – Kwitiranya uko ibintu byagenze ni ukutumva neza ikibazo giteje impaka hagati y’abaturanyi ndetse n’ibyashingirwaho mu kugikemura, ibi bigatuma umucamanza agera ku mwanzuro atagombaga kugeraho iyo asobanukirwa neza cyangwa abona neza uko ibintu byari biri
ACCESS BANK RWANDA LTD v RUHANDO.....121

- 3. Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza zasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z’akarengane** – Gusubirishamo urubanza ingingo nshya – Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane ni inzira idasanzwe idashobora gufungura izindi nzira z’ubujurire kuko ziba zarangiye – Urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane ruba ari urwanyuma ndetse ntitushobora gusubirishwamo ingingo nshya.
NTEGEYE v ECOBANK RWANDA LTD N’UNDI.....99

4. **Cyamunara** – Kwegukana umutungo uguzwe muri cyamunara – Mu gihe uberewemo umwenda yitabiriye cyamunara y'igurisha ry'umutungo w'umubereyemo umwenda akaba ari we uyitsindira, ntibimuhesha uburenganzira bwo kuwegukana atishyuye ikiguzi yitwaje umwenda aberewemo, kuko iyo yitabiriye iyo cyamunara afatwa nk'abandi baguzi bose

NTAGANZWA v MUNYANTORE N'UNDI.....151

5. **Itegeko nshinga** – Ubujurire bwa kabiri mu manza zinshinjabyaha – Ubutabera buboneye – Kuba uwaburanye ahakana icyaha aregwa ashobora kwemererwa ubujurire bwa kabiri hashingiwe ku gihano yahawe mu gihe nyamara uwaburanye yemera icyaha aregwa ubujurire bwe bwa kabiri butakirwa binyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko.

Re. ASIIMWE.....1

Itegeko rihana ibyaha – Itegeko rihana rigomba kwandikwa mu buryo busobanutse kandi butarimo urujijo – Si inshingano y'umucamanza kugena ibikorwa bigize icyaha bigomba guhanwa, ahubwo ibyo ni inshingano y'umushingamategeko – Itegeko rigomba kwandikwa ku buryo buri wese ashobora kumenya imbibi z'icyemewe n'ikibujijwe, n'ingaruka z'ibihano igihe akoze ikibujijwe, kugirango ashobore kucyirinda (predictability) – Itegeko niryo rigena icyaha (igikorwa gihanwa) n'igihano gihanishywa

Re. KABASINGA N'UNDI.....25

Ubujurire – Ubujurire bwa kabiri – Ubutabera buboneye – Uburenganzira bwo kujurira ntayegayezwa ni ubujurire bwa mbere kandi nabwo bushobora gushyirwaho imbibe (limitations) hagamijwe intego ifite ireme – Uburenganzira

bwo kujurira bushobora kugabanywa ku bujurire bwa kabiri, ariko bigakorwa hagaragazwa intego yemewe n'amategeko n'isano yumvikana ifitanye n'uburyo bwakoreshejwe.

Re. ASIIMWE.....1

Ubutabera buboneye – Imbibi ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo – N'ubwo umucamanza ashobora gufata icyemezo atitaye ku byatangajwe, abaturanyi n'abandi baturage bo bashobora gutekereza ko yabigendeyeho, bigatuma icyemezo cyose yafata kitakirwa neza, kandi ihame ari uko ubutabera butagomba gutangwa gusa bigomba no kugaragara ko bwatanzwe..

Re. KABASINGA N'UNDI.....25

Ubwisanzure n'ubwigenge bw'umucamanza – Igihano ntayegayezwa – Umucamanza afite ubwisanzure bwo kuburanisha no guca imanza mu nzira n'uburyo biteganywa n'amategeko, akabikora nta gitutu icyo aricyo cyose cyaba icy'inzego za Leta, n'icy'abandi – Nta wavuga ko umucamanza yigenga mu gutanga igihano mu gihe agomba gutanga igihano ntayegayezwa kitajyanye n'uburemere bw'icyaha, uburyo cyakozwemo, n'igihe hari impamvu nyoroshyacyaha zikomeye zari gutuma agabanyirizwa igihano.

Re. KABASINGA N'UNDI.....25

Urubanza rutabera (fair trial) – Igihano ntayegayezwa – Igihano ntayegayezwa kinyuranye n'ihame ryo guca urubanza rutabera kuko uwo cyahamye ntashobora kujuririra ibirebana n'igihano bitewe n'uko umucamanza uburanisha ubujurire adashobora kugihindura bitewe n'uko nyine ari ntayegayezwa – Mu manza mpanabyaha, Umucamanza afite inshingano zo gutanga igihano

gishingiye ku mikorere y'icyaha, ku myitwarire n'imibereho y'uwigikoze, ku muryango cyakorewemo no ku wagikorewe`

Re. KABASINGA N'UNDI.....25

IBIREGO BYIHARIYE

**IBIREGO BISABA KWEMEZA KO
ITEGEKO RINYURANYE
N'ITEGEKO NSHINGA**

Re ASIIMWE

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INCONST/SPEC
00004/2020/SC (Ntezilyayo, P.J., Nyirinkwaya, Cyanzayire,
Hitiyaremye na Rukundakuvuga, J.) 26 Werurwe 2021]

Itegeko Nshinga – Ububasha bw'inkiko – Ubujurire – Ubujurire bwa kabiri – Ubutabera buboneye – Uburenganzira bwo kujurira ntayegayezwa ni ubujurire bwa mbere kandi nabwo bushobora gushyirwaho imbibe (limitations) hagamijwe intego ifite ireme – Uburenganzira bwo kujurira bushobora kugabanywa ku bujurire bwa kabiri, ariko bigakorwa hagaragazwa intego yemewe n'amategeko n'isano yumvikana ifitanye n'uburyo bwakoreshejwe.

Itegeko nshinga – Ububasha bw'inkiko – Ingingo zinyuranyije n'itegeko nshinga – Ubujurire bwa kabiri mu manza z'inshinjabyaha – Ubutabera buboneye – Kuba uwaburanye ahakana icyaha aregwa ashobora kwemererwa ubujurire bwa kabiri hashingiwe ku gihano yahawe mu gihe nyamara uwaburanye yemera icyaha aregwa ubujurire bwe bwa kabiri butakirwa kandi aba yarafashije ubutabera, ibi bakaba ari ugusumbanya ababuranyi no kutabafata kimwe ndetse bikaba binyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko.

Incamake y'ikibazo: Asiiimwe yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga asaba kwemeza ko ingingo ya 52, igika cya 3 n'iya 46, igika cya 2 z'Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko zinyuranye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. Asobanura ko izo ngingo zibangamiye ubutabera buboneye buteganywa n'Itegeko Nshinga kuko mu gihe urukiko rusuzuma ubujurire bwa kabiri rugarukira

gusa mu kureba ko umuburanyi yatsinzwe ku mpamvu zimwe mu nkiko ebyiri zabanje ndetse no kuba yaremeyemo ibyo aregwa atemerewe gutanga ubujurire bwa kabiri.

Uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko izo ngingo zavuzwe haruguru zitanyuranye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga kuko amategeko yateganyije izindi nzira z'ubujurire umuburanyi ashobora kwiyambaza mu gihe yaba asanga yararenganye.

Urukiko rwakiriye ikirego cy'Urega gihabwa nimeru maze ku munsu w'iburanisha hasuzumwa ikibazo kijyanye no kumenya niba kutakira ubujurire bwa kabiri hashingiwe ku kuba uwajuriye yaratsinzwe ku mpamvu zimwe mu nkiko zibanza bibangamiye uburenganzira ku butabera buboneye hamwe n'ikibazo cyo kumenya niba kutakira ubwo bujurire ku manza z'ababuranye bemera ibyo baregwa binyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko riteganyijwe n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga, bityo bikaba binanyuranyije n'uburenganzira ku butabera buboneye buteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

Ku kibazo cy'ingingo ya 52, igika cya gatatu, y'Itegeko n°30/2018 ryavuzwe haruguru iteganya kutakira ubujurire bwa kabiri hashingiwe ku kuba uwajuriye yaratsinzwe ku mpamvu zimwe mu nkiko zabanje, Urega avuga ko ituma uwarenganyijwe n'inkiko zo hasi iyo yiyambaje Urukiko rw'Ubujujire kugira ngo rukosore inenge zose zakozwe n'izo nkiko, rwiambura ububasha ruvuga ko yatsinzwe ku mpamvu zimwe bigatuma rudasuzuma urubanza mu mizi kugira ngo rumenye niba harabaye kwica amategeko cyangwa kwirengagiza ibimenyetso, bikaba binyuranyije n'itegeko y'inzira y'ubujurire, bityo uwajuriye akaba yambuwe uburenganzira ku butabera buboneye.

Akomeza avuga ko iyo itegeko riteganya ko Urukiko rw'Ubujujire rutakira ubujurire bwa kabiri mu gihe uwajuriye

yatsinzwe mu nkiko zibanza ku mpamvu zimwe, ariko rubanje gusuzuma niba hatarabaye kwica amategeko no kwirengagiza ibimenyetso, uburenganzira bw'umuburanyi ku butabera buboneye bwari kuba bwubahirijwe. Asoza kuri iyi ngingo avuga ko kuba hari imanza zisubirwamo ku mpamvu z'akarengane, bisobanuye ko inkiko zibanziriza Urukiko Rukuru, n'Urukiko rw'Ubujurire zishobora gukora amakosa mu icibwa ry'imanza. Bityo, mu gihe cyose iyo ngingo ya 52, igika cya 3 y'Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru yakomeza gukoreshwa mu buryo Urukiko rw'Ubujurire ruyikoresha, umuburanyi wavukijwe uburenganzira bwo kuburana mu mizi kandi abizi neza ko yarenganyijwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri, ashobora kubifata nko kwimakaza akarengane na ruswa mu butabera.

Uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko amategeko u Rwanda rugenderaho yemera ihame ry'ubujurire bumwe, ariko hanateganyijwe irengayobora ku manza zimwe zishobora kujuririrwa kabiri habanje gusuzumwa niba inkiko ebyiri ziri ku nzego zitandukanye zarafashe umwanzuro umwe zishingiye ku mpamvu zimwe cyane cyane ko inkiko zizeweho gutanga ubutabera buboneye.

Avuga kandi ko ku ngingo irebana n'ubutabera buboneye, Umushingamategeko yageneye uburenganzira ku buryo bungana abafitanye ikibazo. Ku ruhande rumwe hateganywa uburenganzira bwo kujurira k'uwatsinzwe n'urubanza, ku rundi ruhande uburenganzira bwo guhabwa ubutabera k'uwatsinze urubanza, bikaba aribyo bihura n'ibiteganywa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga iteganya ko abantu bose bareshya imbere y'amategeko, itegeko ribarengera ku buryo bumwe. Asoza avuga ko igika cya 2 cy'ingingo ya 46 n' igika cya 3 cy'ingingo ya 52 z'Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru bitanyuranye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

Ku kibazo kijyanye no kutakira ubujurire bwa kabiri ku manza z'ababuranye bemera ibyo baregwa, Urega avuga ko ibiteganywa n'igika cya 2 cy'ingingo ya 46 n' igika cya 3 cy'ingingo ya 52 z'Itegeko n°30/2018 ryavuzwe haruguru bizitira uwajuriye waburanye yemera icyaha mu nkiko zabanje, mu gihe uregwa waburanye ahakana icyaha we ubujurire bwe bwemerwa harebwe gusa niba yarahanishijwe igihano cy'igifungo cy'imyaka 15, agasanga iyo ngingo inyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rivugwa mu ngingo ya 15 y'Itegeko Nshinga. Agaragaza ko mu manza nshinjabyaha, igikwiye kumvikana neza, ari uko n'ubwo uwakoze icyaha aba yemeye icyaha mu nkiko zabanje, bidakwiye kumwambura uburenganzira bwo kujuririra Urukiko rw'Ubugurire mu gihe asanga Inkiko zabanje zitaramuhaye igihano gikwiye.

Asoza avuga ko kuba hari izindi nzira z'ubujurire zidasanzwe zateganyijwe harimo no gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, bidakemura ikibazo kuko n'ubundi iyo uwatsinzwe asubirishijemo urubanza ku mpamvu z'akarengane, yiyambaza Urukiko rutakiriye ubujurire, bikaba nta kizere cyo kurenganurwa aba afite.

Uhagarariye Leta y'u Rwanda, avuga ko ingingo ya 52, igika cya 3 n'ingingo ya 46, igika cya 2 z'Itegeko n°30/2018 rigena ububasha bw'inkiko zitanyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga kuko n'ubwo ubujurire bwa kabiri butakirwa kubera ko uwajuriye yaburanye yemera mu nkiko zabanje, ariko amategeko ateganya uburyo aramutse yararenganyijwe yarenganurwa.

Incamake y'icyemezo: 1. Ku mpamvu y'imigendekere myiza y'itangwa ry'ubutabera, umushingamategeko yateganyije ko kugira ngo ubujurire bwa kabiri bwakirwe, uwajuriye agomba kuba ataratsinzwe ku mpamvu zimwe, ibyo rero ntibimwambura

uburenganzira ku butabera buboneye kuko aba yarahawe uburenganzira bwo kujuririra urubanza bwa mbere, kandi bukaba aribwo burenganzira ntayegayezwa adashobora kuvutswa, n'ubwo nabwo bushobora gushyirwaho imbibi (*limitations*) hagamijwe intego ifite ireme;

2. Kuba ikirego cy'umuburanyi kitakiriwe kuko yatsinzwe ku mpamvu zimwe ntibyatumye arengana kuko umushingamategeko yateganyije inzira yo gushubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane apfa gukurukiza ibihe biteganywa n'amategeko, bityo rero ingingo ya 46, igika cya 2 n'ingingo ya 52, igika cya 3 z'Itegeko n° 30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko ntizinyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, icyakora imyandikire y'ingingo ya 52 y'iryo Tegeko yakosorwa, igika cya 3 ntikijyane n'uduce twose tw'igika cya 2 cy'ingingo ya 52, ahubwo kikajyana gusa n'agace ka 8 n'aka 9 tw'igika cya 2; ibyo ninako byagenda ku bireba ingingo ya 46, igika cya 2 kikajyana gusa n'agace ka 6 k'igika cya 1

3. Kuba uwaburanye ahakana icyaha aregwa ashobora kwemererwa ubujurire bwa kabiri hashingiwe ku gihano yahawe mu gihe nyamara uwaburanye yemera icyaha aregwa ubujurire bwe bwa kabiri butakirwa kandi aba yarafashije ubutabera, ni ugusumbanya ababuranyi no kutabafata kimwe ndetse bikaba binyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko riteganyijwe mu ngingo ya 15 y'Itegeko Nshinga; bityo rero igice cy'igika cya 3 cy'ingingo ya 52 n'igice cy'igika cya 2 cy'ingingo ya 46 z'Itegeko n°30/2018 rigena ububasha bw'inkiko birebana no kutakira ubujurire bwa kabiri kubera ko uwajuriye yemeye ibyo aregwa binyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, bikaba binanyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

Ikirego kigamije gukuraho ingingo zinyuranyije n'Itegeko Nshinga gifite ishingiro kuri bimwe. Igika cya 2 cy'ingingo ya 46 n'igice cy'igika cya 3 cy'ingingo ya 52 z'Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko birebana no kutakira ubujurire bwa kabiri “*ku manza z'ababuranye bemera ibyo baregwa*” binyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 15 n'ya 29 Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbenezamubano no mu bya politiki, ingingo ya 14, igika cya 1 n'icya 5; Itegeko N°30/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 46, igika 2 n'ya 52, igika cya 3;

Imanza zifashishijwe:

RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC, Re Me Kabasinga rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 4/12/2019.
RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS, Rutabayiro n'abandi v Mukakabano, rwaciwe n'urukiko rw'Ikirenga ku wa 27/09/2019;
Kotak Mahindra Bank Pvt. Limited Vs Ambuj A. Kasliwal & Ors, Supreme Court of India, Civil Appellate Jurisdiction, Civil Appeal No. 538 of 2021, <https://indiankanoon.org/doc/56200562/>.

Inyandiko z'Abahanga :

Serge Guinchard, Droit processuel : Droit commun et droit comparé du procès équitable, 4ème Ed. Dalloz 2007, Page 420

The Right to Appeal as a Fundamental Right under International Acts and Jurisprudence, with Special Emphasis on Criminal Procedure. Acta Universitatis Danubius. Juridica, Vol 13, No 1 (2017), <http://journals.univ-danubius.ro/index.php/juridica/article/view/3868/4027>

Nuala Mole et Catharina Harby, Le droit à un procès équitable, Un guide sur la mise en oeuvre de l'article 6 de la Convention européenne des Droits de l'Homme, Conseil de l'Europe 2007, p. 43

Tarun Jain, Limitations on Second Appeal: The Law Revisited, 18 November 2010, <http://legalperspectives.blogspot.com/2010/11/limitations-on-second-appeal-law.html>; Sabodt Asthana, Second Appeal under Civil Procedure Code: Nature, Scope, Forum and Procedure, 4 January 2020, <https://blog.ipleaders.in/second-appeal>

Kotak Mahindra Bank Pvt. Limited Vs Ambuj A. Kasliwal & Ors, Supreme Court of India, Civil Appellate Jurisdiction, Civil Appeal No. 538 of 2021

Urubanza

I. IMITERERE Y'IKIBAZO

[1] Asiimwe Frank yaregeye Urukiko rw'Ikirenga arusaba kwemeza ko ingingo ya 52, igika cya 3 n'iya 46, igika cya 2 z'Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha

bw'inkiko zinyuranye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ikirego cye cyandikwa kuri N° RS/INCONST/SPEC 00004/2020/SC.

[2] Asobanura ko kuba mu gusuzuma ubujurire bwa kabiri, Urukiko rugarukira gusa ku kureba ko umuburanyi yatsinzwe mu Nkiko ebyiri zibanza ku mpamvu zimwe rudasuzumye niba izo mpamvu zikurikije amategeko, bibangamiye uburenganzira ku butabera buboneye. Avuga kandi ko kuba uwaburanye yemera ibyo aregwa mu nkiko zibanza atemererwa ubujurire bwa kabiri nabyo bibangamiye ubutabera buboneye, agasobanura ko kwemera ibyo umuntu aregwa bitandukanye no kwemera imicire y'urubanza.

[3] Uharariye Leta y'u Rwanda avuga ko ingingo ya 52, igika cya 3 n'ya 46, igika cya 2 z'Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko zitanyuranye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga iteganya ko: “*Buri muntu wese afite uburenganzira ku butabera buboneye*” kuko amategeko yateganyije izindi nzira z'ubujurire umuburanyi ashobora kwiyambaza mu gihe yaba asanga yararenganye.

[4] Iburanisha ry'uru rubanza ryashyizwe ku wa 11/01/2021, kuri uwo muni ntiryaba ryimurirwa ku wa 04/03/2021, uwo muni iburanisha ribera mu ruhame, ababuranyi bose bitabye, Asimwe Frank yunganiwe na Me Rwigema Vincent, Me Kabasinga Florida, Me GAKUNZI Musore Valéry na Me Munyentwali Charles, naho Leta y'u Rwanda ihagarariwe na Me Gahongayire Myriam.

[5] Rushingiye ku myanzuro y'urega n'imiburanire ye n'abamwunganiye, Urukiko rusanga ibibazo bikwiye gusuzumwa ari ibi bikurikira:

Kumenya niba kutakira ubujurire bwa kabiri hashingiwe ku kuba uwajuriye yaratsinzwe ku mpamvu zimwe mu nkiko zibanza bibangamiye uburenganzira ku butabera buboneye buteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga;

Kumenya niba kutakira ubujurire bwa kabiri ku manza z'ababuranye bemera ibyo baregwa binyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko riteganyijwe n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga, bityo bikaba binanyuranyije n'uburenganzira ku butabera buboneye buteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

II. ISESENGURA RY'IBIBAZO BIGIZE URUBANZA

A. Kumenya niba kutakira ubujurire bwa kabiri hashingiwe ku kuba uwajuriye yaratsinzwe ku mpamvu zimwe mu nkiko zibanza bibangamiye uburenganzira ku butabera buboneye buteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga

[6] Mu myanzuro Asiiimwe Frank n'abunganizi be bashyikirije Urukiko no mu miburanire yabo, bavuga ko ingingo ya 52, igika cya 3 y'Itegeko n°30/2018 ryavuzwe haruguru, ituma uwarenganyijwe n'inkiko zo hasi iyo yiyambaje Urukiko rw'Ubujurire kugira ngo rukosore inenge zose zakozwe n'izo nkiko, rwiya mbura ububasha ruvuga ko yatsinzwe ku mpamvu zimwe. Basobanura ko uko kudasuzuma urubanza mu mizi kugira ngo rumenye niba harabaye kwica amategeko cyangwa kwirengagiza ibimenyetso, binyuranyije n'intego y'inzira y'ubujurire iteganyijwe mu ngingo za 150 na 157 z'Itegeko n° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize

y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu.

[7] Bashyigikira icyo gitekerezo bavuga ko kutakira ubujurire kuko umuburanyi yatsinzwe ku mpamvu zimwe, byambura uwajuriye uburenganzira ku butabera buboneye. Ihame ry'ubutabera buboneye barisobanura mu buryo bubiri bashingiye ku rubanza n° RS/INCONST/SPEC00003/2019/SC rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga: ubutabera buboneye bashingiye ku migendekere, ni ukuvuga uruhererekane rw'ibigomba kubahirizwa mu migendekere y'urubanza hashingiye ku mahame ateganywa n'amategeko; n'ubutabera buboneye bashingiye ku biteganywa n'itegeko. Ubu buryo bukaba bubuza ishyirwaho ry'amategeko cyangwa izindi ngamba bidashyira mu gaciro zibangamira uburenganzira bw'abaturage.

[8] Basobanura ihame ry'uburenganzira ku butabera buboneye, banahereye ku rugero rw'urubanza East African Law Society v Attorney General of the Republic of Burundi & The Secretary General of the East African Community,¹ bavuga ko urwo Rukiko rwashingiye ku kuba uwatanze ikirego yaravukijwe uburenganzira ku butabera buboneye, bityo bikaba binyuranyije n'ihame ryo kugendera ku mategeko riteganyijwe mu ngingo ya 6(d) na 7(2) y'Amasezerano ashahiraho Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba.

[9] Bavuga kandi ko ubwo burenganzira bunashimangirwa n'ingingo ya 14 y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki (International Covenant on Civil and Political Rights) iteganya ihame ryo guca urubanza rutabera. Basobanura ko ibiteganyijwe

¹ EACJ, Reference No. 1 of 2014, delivered on 15 May 2015.

n'ingingo ya 46, igika cya 2 n'ingingo ya 52, igika cya 3 z'Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru binyuranyije n'iryo hame kuko bishyiraho inzitizi zibuza umuburanyi warenganyijwe n'inkiko ebyiri, kujuririra urundi rukiko kugira ngo arenganurwe.

[10] Basobanura kandi ko impamvu zimwe zitagomba kwitiranywa n'impamvu zimwe ziboneye, zifite ishingiro kandi zikurikije amategeko, izo mpamvu zikaba zidashobora kugaragazwa Urukiko rutinjiye mu mizi y'urubanza, cyane ko mu nkiko zibanza akenshi umuburanyi ataba yunganiwe, bikumvikana ko mu Rukiko rw'Ubujurire aba abonye amahirwe yo gucukumbura ibimenyetso. Bavuga ko iyo Itegeko riteganywa ko Urukiko rw'Ubujurire rutakira ubujurire bwa kabiri mu gihe uwajuriye yatsinzwe mu nkiko zibanza ku mpamvu zimwe, ariko rubanje gusuzuma niba hatarabaye kwica amategeko no kwirengagiza ibimenyetso, uburenganzira bw'umuburanyi ku butabera buboneye bwari kuba bwubahirijwe.

[11] Bagaragaza ko mu gihe Urukiko rw'Ubujurire rutakiriye ubujurire kuko uwajuriye yatsinzwe ku mpamvu zimwe, n'iyi yasubirishamo urwo rubanza ku mpamvu z'akarengane mu Rukiko rw'Ubujurire ku manza zaciwe n'Urukiko Rukuru cyangwa mu Rukiko rw'Ikirenga, atarenganurwa kuko izo nkiko mu gusuzuma akarengane hasuzumwa gusa urubanza rwaciwe bwa nyuma harebwa niba mu kugera ku mwanzuro inkiko zabanje zarashingiye ku mpamvu zimwe nk'uko byemejwe mu rubanza RS/INJUST/RP 00002/2019/SC Ubushinjacyaha buburana na Habimana Innocent.

[12] Basoza kuri iyo ngingo bavuga ko kuba hari imanza zisubirwamo ku mpamvu z'akarengane, bisobanuye ko inkiko zibanziriza Urukiko Rukuru, n'Urukiko rw'Ubujurire zishobora gukora amakosa mu icibwa ry'imanza. Basobanura ko mu gihe

cyose iyi ngingo ya 52, igika cya 3 y'Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru yakomeza gukoreshwa mu buryo Urukiko rw'Ubujurire ruyikoresha, umuburanyi wavukijwe uburenganzira bwo kuburana mu mizi kandi abizi neza ko yarenganyijwe ku rwego rwa mbere n'urwa kabiri, ashobora kubifata nko kwimakaza akarengane na ruswa mu butabera.

[13] Me Gahongayire Myriam Uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko amategeko u Rwanda rugenderaho yemera ihame ry'ubujurire bumwe, ariko hanateganyijwe irengayobora ku manza zimwe zishobora kujuririrwa kabiri (ingingo ya 46 n'ya 52 z'Itegeko n° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko) habanje gusuzumwa niba inkiko ebyiri ziri ku nzego zitandukanye zarafashe umwanzuro umwe zishingiye ku mpamvu zimwe cyane cyane ko inkiko zizeweho gutanga ubutabera buboneye.

[14] Avuga kandi ko ingingo ya 55 y'Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru iteganya impamvu zishobora gutuma urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ko umuburanyi wakumva yarenganye ariko akazitirwa n'ingingo ya 46 n'ya 52 yakwitabaza iyo nzira. Yongeraho ko, nubwo byagaragaye ko imanza 3% mu zasubirishijwemo arizo zigaragaramo akarengane, iyo ngingo yashyizweho mu rwego rwo gufasha umuturage no kumurinda kuba yavutswa uburenganzira.

[15] Avuga kandi ko ku ngingo irebana n'ubutabera buboneye, Umushingamategeko yageneye uburenganzira ku buryo bungana abafitanye ikibazo (urega n'uregwa). Ku ruhande rumwe hateganywa uburenganzira bwo kujurira k'uwatsinzwe n'urubanza, ku rundi ruhande uburenganzira bwo guhabwa ubutabera k'uwatsinze urubanza, kandi ko ibyo bihura

n'ibiteganywa n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga iteganya ko “*abantu bose bareshya imbere y'amategeko, itegeko ribarengera ku buryo bumwe.*” Asoza avuga ko igika cya 2 cy'ingingo ya 46 n' igika cya 3 cy'ingingo ya 52 z'Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru bitanyuranye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[16] Urukiko rusanga mbere y'uko rusuzuma niba igika cya 2 cy'ingingo ya 46 n'igika cya 3 cy'ingingo ya 52 z'Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru binyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga ari ngombwa kubanza gusobanura ihame rirebana n'uburenganzira ku butabera buboneye, n'uburenganzira bwo kujurira.

[17] Ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga iteganya ko “*huri muntu wese afite uburenganzira ku butabera buboneye*”. Iyo ngingo ikaba igaragaza bimwe mu bigize uburenganzira ku butabera buboneye. Mu rubanza n° RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC,² Urukiko rw'Ikirenga rwasobanuye uburenganzira ku butabera buboneye mu buryo bubiri nk'uko byagaragajwe mu gika cya 7 cy'uru rubanza.

[18] Urukiko rusanga ingingo ya 14, igika cya 1 n'icya 5, y'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki (*International Covenant on Civil and Political Rights*) igaragaza uburenganzira bwo kuburanira imbere y'urukiko rubifitiye ububasha

² RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC haburana Me Kabasinga Florida rwaciye n'Urukiko rw'Ikirenga kuwa 4/12/2019, ku rupapuro rwa 4 n'urwa 5.

n'uburenganzira bwo kujurira nka bimwe mu bigize uburenganzira ku butabera buboneye. Uburenganzira bwo kujurira, abahanga mu mategeko babusobanura nk'uburenganzira buri muburanyi utishimiye icyemezo yafatiwe n'Urukiko, afite bwo gusaba mu Rukiko rwisumbuye guhindura cyangwa gukosora icyo cyemezo.³

[19] Undi muhanga witwa Vilard BYTYQI asobanura ko ihame ry'ubujurire rishingiye ku burenganzira bw'uregwa n'ubw'Ubushinjacyaha bwo guhabwa amahirwe yo kujuririra urubanza rwaciwe ku rwego rwa mbere kugira ngo hakosorwe amakosa ashobora kuba yarakozwe n'Urukiko rwaruciye. Uburenganzira bwo gutanga ubujurire buhamiriza ababuranyi ko ihame ryo kuburana ku nzego ebyiri rizubahirizwa.⁴

[20] Ikindi ni uko mu bisobanuro by' igika cya 5 cy'ingingo ya 14 y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira

³ Serge Guinchard, *Droit processuel: Droit commun et droit compare du procès equitable*, 4ème Ed. Dalloz 2007, Page 420, Le droit d'accès à un tribunal est l'une des deux expressions du droit à un recours. Le droit au recours est le droit de toute personne de pouvoir contester une mesure prise à son encontre, devant une instance investie d'un pouvoir de réformation de cette mesure et/ou de réparation de ses conséquences dommageables.

⁴ The Right to Appeal as a Fundamental Right under International Acts and Jurisprudence, with Special Emphasis on Criminal Procedure. *Acta Universitatis Danubius. Juridica*, Vol 13, No 1 (2017), <http://journals.univ-danubius.ro/index.php/juridica/article/view/3868/4027> - The notion of appeal refers to the right of the accused and the prosecutor (the prosecuting authority) to have the chance to appeal the judgement of the court of first instance, under the pretense of any eventual error undertaken by this level of trial. Therefore, the appeal plays the role of the instrument that fixes the eventual errors, which could have been done by the court of first instance. The right to submit the appeal guarantees the procedural parties that the principal of two instances will be respected.

mu by'imbonezamubano no mu bya politiki (*International Covenant on Civil and Political Rights*) havugwa ko umuntu wahamijwe icyaha cyaba icy'ubugome, igikomeye cyangwa cyoroheje, yemerewe gusaba Urukiko rwisumbuye k'urwafashe icyemezo kongera gusuzuma ibimenyetso n'amategeko byashingiweho. Hasobanurwa ariko ko ingingo yavuzwe haruguru idategeka ibihugu gushyiraho inzira nyinshi z'ubujurire, ko ariko mu gihe mu mategeko y'Igihugu hateganyijwe izindi nzira z'ubujurire, uwatsinzwe agomba kwemererwa kwiyambaza buri nzira mu buryo ayo mategeko abiteganyanya.⁵

[21] Abahanga mu mategeko nka Nuala Mole et Catharina Harby bavuga ko uburenganzira bwo kwiyambaza urukiko cyangwa kumvwa n'umucamanza atari ntakuka. Bagaragaza ko Urukiko rw'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'i Burayi mu rubanza *Golder c. Royaume-Uni*, rwasobanuye ko uburyo busanzwe bukoresha, bufatwa nk'igabanywa ryemewe ry'ubwo burenganzira ari ukuba inzira runaka y'ubujurire

⁵ Le paragraphe 5 de l'article 14 dispose que toute personne déclarée coupable d'une infraction a le droit de faire examiner par une juridiction supérieure la déclaration de culpabilité et la condamnation conformément à la loi, c'est à dire les modalités selon lesquelles le réexamen par une juridiction supérieure doit être effectué, ainsi que la détermination de la juridiction chargée de procéder au réexamen conformément au Pacte. Le Paragraphe 5 de l'article 14 n'exige pas aux Etats parties qu'ils mettent en place plusieurs instances d'appel. Toutefois si le droit interne prévoit d'autres instances d'appel, le condamné doit pouvoir utiliser effectivement chacune d'entre elles. (Nations Unies, Pacte international relatif aux droits civils et politiques, Remarques générales No. 32, 23 aout 2007, <http://hrlibrary.umn.edu/gencomm/french/f-gencom32.pdf>)

ishobora kwemerwa habanje gusuzumwa iyakirwa ryayo, ibi bigashingira ku mategeko ashwirwaho n'ibihugu.⁶

[22] Urwo Rukiko rwemeje na none ko ubwo burenganzira bushobora kugabanywa hashingiwe ku ngingo ya 6 (§ 1) y'Amasezerano y'Iburayi y'Uburenganzira bwa muntu kubera impamvu ebyiri zikurikira:

- a. Hagamijwe intego ifite ireme;
- b. Kugaragaza ko hari isano yumvikana hagati y'uburyo bwakoreshejwe n'intego igamijwe.⁷

[23] Abandi bahanga mu mategeko bakomeza bavuga ko uburenganzira ku bujurire bwa mbere bufatwa nk'uburenganzira bw'ibanze, amategeko y'ibihugu akagenda uko bukoresheha. Naho ubujurire bwa kabiri kimwe n'izindi nzira z'ubujurire biteganyijwe mu mategeko y'Igihugu bikorwa hashingiwe kubyo umuryango ukeneye, kandi Umushingamategeko akaba ashobora

⁶ Nuala Mole et Catharina Harby, *Le droit à un procès équitable*, Un guide sur la mise en œuvre de l'article 6 de la Convention européenne des Droits de l'Homme, Conseil de l'Europe 2007, p. 43. Toutefois, le droit d'accès à un tribunal n'est pas absolu. La Cour a ajouté dans l'arrêt *Golder c. Royaume-Uni* que ce droit appelle, de par sa nature même, une réglementation émanant de l'Etat (qui peut varier dans le temps et dans l'espace en fonction des besoins et des ressources de la collectivité et des particuliers), laquelle ne doit en aucun cas porter atteinte à la substance dudit droit ni se heurter à d'autres droits consacrés par la Convention.

Les juges de Strasbourg ont en outre précisé dans leur jurisprudence qu'une limitation du droit d'accès ne serait compatible avec l'article 6 qu'à la double condition de :

- a. poursuivre un but légitime ;
- b. présenter un rapport raisonnable de proportionnalité entre les moyens employés et le but visé.

⁷ Ibidem.

nabwo guteganya ibigomba kubahirizwa kugira ngo ubujurire bwakirwe.⁸

[24] Guteganya ibigomba kubahirizwa kugira ngo ubujurire bwakirwe, binagaragara mu rubanza rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga rw’Ubuganda haburana *Kotak A. Mahindra Bank Pvt. Limited v Ambuj A. Kasliwal & Ors*⁹, aho Urukiko rwavuze ko bisanzwe byemewe ko iyo uburenganzira bwo kujurira buteganyijwe n’Itegeko, mu gihe itanga ubwo burenganzira, Inteko Ishinga Amategeko ishobora guteganya ibigomba kubahirizwa kugirango ubwo burenganzira bukoreshwe, igihe cyose ibyo bigomba kubahirizwa bitabangamira ugomba kubikora ku buryo ahubwo biba imbogamizi zidafite ishingiro zimuvutsa ubwo burenganzira.

[25] Urukiko rusanga Umushingamategeko wo mu Rwanda, nk’uko bimeze mu bindi bihugu, yateganyije uburyo umuburanyi ashobora kujuririra urubanza mu rukiko ruri hejuru y’urwaruciye, anateganya mu ngingo ya 46 n’iya 52 y’Itegeko n° 30/2018 ryavuzwe haruguru, uburyo ubujurire bwa kabiri bushobora gutangwamo. Aha niho yateganyije, mu gika cya 2

⁸ Tarun Jain, Limitations on Second Appeal: The Law Revisited, 18 November 2010, <http://legalperspectives.blogspot.com/2010/11/limitations-on-second-appeal-law.html>; Sabodt Asthana, Second Appeal under Civil Procedure Code: Nature, Scope, Forum and Procedure, 4 January 2020, <https://blog.iplleaders.in/second-appeal/>

⁹ *Kotak Mahindra Bank Pvt. Limited Vs Ambuj A. Kasliwal & Ors*, Supreme Court of India, Civil Appellate Jurisdiction, Civil Appeal No. 538 of 2021, <https://indiankanoon.org/doc/56200562/>: “It is well settled that when a Statute confers a right of appeal, while granting the right, the Legislature can impose conditions for the exercise of such right, so long as the conditions are not so onerous as to amount to unreasonable restrictions, rendering the right almost illusory.”

cy'ingingo ya 46 n'igika cya 3 cy'ingingo ya 52 y'Itegeko ryavuzwe haruguru ko ubujurire bwa kabiri budashobora kwakirwa ku muburanyi watsinzwe mu nkiko zombi ku mpamvu zimwe.

[26] Urukiko rusanga kuba, ku mpamvu y'imigendekere myiza y'itangwa ry'ubutabera, umushingamategeko yarateganyije ko kugira ngo ubujurire bwa kabiri bwakirwe, uwajuriye agomba kuba ataratsinzwe ku mpamvu zimwe, bitamwambura uburenganzira ku butabera buboneye kuko aba yarahawe uburenganzira bwo kujuririra urubanza bwa mbere, kandi bukaba aribwo burenganzira ntayegayezwa adashobora kuvutswa, n'ubwo nabwo bushobora gushyirwaho imbibi (limitations) hagamijwe intego ifite ireme.

[27] Ku kibazo cyo kuba nta yindi nzira yatuma umuburanyi arenganurwa igihe yatsinzwe ku mpamvu zimwe kandi inkiko zombi zaramurenganyije, Urukiko rusanga kuba Urukiko rw'Ubujurire rwanze kwakira ikirego cye bitamubuza gusaba ko rwa rubanza rwamurenganyije rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane; apfa kutarenza iminsi mirongo itatu kuva amenyeshejwe icyemezo cy'Urukiko rw'Ubujurire nk'uko uru Rukiko rwabitanzeho umurongo mu manza zinyuranye.¹⁰

[28] Rushingiye kubisobanuro byatanzwe, Urukiko rusanga ingingo ya 46, igika cya 2 n'ingingo ya 52, igika cya 3 z'Itegeko n° 30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko zitanyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

¹⁰ Urugero ni nko mu rubanza No. RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS, rwaciye ku wa 27/09/2019, mu gika cya 28.

[29] Urukiko rusanga ariko imyandikire y'ingingo ya 52 y'iryo Tegeko yakosorwa, igika cya 3 ntikijyane n' uduce twose tw'igika cya 2 cy'ingingo ya 52, ahubwo kikajyana gusa n'agace ka 8 n'aka 9 tw'igika cya 2. Ni nako byagenda kandi ku bireba ingingo ya 46, igika cya 2 kikajyana gusa n'agace ka 6 k'igika cya 1. Koko rero, umucamanza ntakwiye kwirengagiza inenge zivugwa m'uduce kuva ku ka 2 kugeza ku ka 7 tw'ingingo ya 52, n'uduce kuva ku ka 1 kugeza ku ka 5 tw'ingingo ya 46, kabone n'ubwo umuburanyi yaba yaratsinwe mu nkiko zombi ku mpamvu zimwe.

B. Kumenya niba kutakira ubujurire bwa kabiri ku manza z'ababuranye bemera ibyo baregwa binyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko riteganyijwe n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga, bityo bikaba binanyuranyije n'uburenganzira ku butabera buboneye buteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

[30] Ku birebana n'imanza nshinjabyaha, Asiimwe Frank n'abunganizi be bavuga ko uburenganzira bwo kujurira k'uwahamwe n'icyaha bushimangirwa n'ingingo ya 14 y'amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki (*International Covenant on Civil and Political Rights*) u Rwanda rwashyizeho umukono. Bagasobanura ko ubundi ukwemera icyaha bigira inyungu k'uregwa mu buryo butandukanye nko kugabanya ingaruka zacyo k'uwigikorewe, kugabanya umwanya n'amafaranga agenda ku bikorwa by'iperereza n'iburanisha, by'umwihariko k'uwakoze icyaha bituma agabanyirizwa igihano nk'uko byanemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RPAA 0014/10/CS rwaciye ku wa 25 Ukwakira 2013, Ubushinjacyaha bwaregagamo Dusabeyezu Damascène.

[31] Bavuga ko igikwiye kumvikana neza mu manza nshinjabyaha, ari uko n'ubwo uwakoze icyaha aba yemeye icyaha mu nkiko zabanje, bidakwiye kumwambura uburenganzira bwo kujuririra Urukiko rw'Ubujurire mu gihe asanga Inkiko zabanje zitaramuhaye igihano gikwiye, ariko ko ibiteganywa n'igika cya 2 cy'ingingo ya 46 n' igika cya 3 cy'ingingo ya 52 z'Itegeko n°30/2018 ryavuzwe haruguru bititira uwajuriye waburanye yemera icyaha mu nkiko zabanje, mu gihe uregwa waburanye ahakana icyaha we ubujurire bwe bwemerwa harebwe gusa niba yarahanishijwe igihano cy'igifungo cy'imyaka 15, bagasanga iyo ngingo inyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko rivugwa mu ngingo ya 15 y'Itegeko Nshinga.

[32] Bakomeza basobanura ko abahanga mu mategeko bavuga ko intego nkuru yo kujurira mu manza nshinjabyaha ari ukugira ngo hatangwe ubutabera. Bikumvikana ko inzitizi iyo ariyo yose ivutsa uwarenganyijwe uburenganzira bwo kujurira iba inyuranye n'amahame y'imitangire y'ubutabera.

[33] Batanga ingero z'imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire aho rwanze kwakira ubujurire kuko uwajuriye yaburanye yemera icyaha mu nkiko zabanje. Izo manza ni izi zikurikira: urubanza n° RPAA 00147/2018/CA Ubushinjacyaha burega Munyurangabo Jean Paul wemeye icyaha cyo gusambanya umwana mu nzego zose, Urukiko rumuhanisha igihano cy'igifungo cya burundu y'umwihariko, ajurira mu Rukiko Rukuru rwemeza ko ubujurire bwe nta shingiro bufite maze anajuririye Urukiko rw'Ubujurire rwemeza ko ubujurire bwe butari mu bubasha bw'Urukiko kuko yatsinzwe kabiri ku mpamvu zimwe. Bagaragaza n'urubanza RPAA 00166/2018/CA haregwa Habimana Cedrick, urubanza RPAA 00168/2018/CA

haregwa Bizumuremyi Thadée, urubanza RPAA 00069/2018/CA haregwa Ngezahoguhora Olivier n’urubanza RPAA 00167/2018/CA Ubushinjacyaha buregamo Museruka Fabrice.

[34] Basobanura ko ingingo ya 107, igika cya 1 y’Itegeko n° 027/2019 rigenga imiburanishirize y’imanza nshinjabyaha iteganya ko ibimenyetso byemeza icyaha bitangwa n’Ubushinjacyaha n’uregera indishyi. Bashimangira ko gushingira ku kwemera icyaha konyine k’uregwa, Urukiko rukanga kwakira ubujurire bwe byaba bibangamiye ihame ryo kutishinja.

[35] Basoza bavuga ko kuba hari izindi nzira z’ubujurire zidasanzwe zateganyijwe harimo no gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane, bidakemura ikibazo kuko n’ubundi iyo uwatsinzwe asubirishijemo urubanza ku mpamvu z’akarengane, yiyambaza Urukiko rutakiriye ubujurire, bikaba nta kizere cyo kurenganurwa aba afite. Banagaragaza ko icyo Umushingamategeko yari agamije mu gushyiraho ingingo ya 52, igika cya 3 n’iya 46, igika cya 2 z’Itegeko n° 30/2018 kwari ukugena ububasha hashingiwe ku ngano y’ikiburanwa cyangwa igihano cyatanzwe, akaba aribyo byagumaho.

[36] Me Gahongayire Myriam, uhagarariye Leta y’u Rwanda, avuga ko ingingoya 52, igika cya 3 n’ingingo ya 46, igika cya 2 z’Itegeko n°30/2018 rigena ububasha bw’inkiko zitanyuranije n’ingingo ya 29 y’Itegeko Nshinga kuko n’ubwo ubujurire bwa kabiri butakirwa kubera ko uwajuriye yaburanye yemera mu nkiko zabanje, ariko amategeko ateganya uburyo aramutse yararenganyijwe yarenganurwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[37] Ingingo ya 52, igika cya 3 y'Itegeko n°30/2018 ryavuzwe haruguru igira iti: “*ubujurire bwa kabiri ntibushobora kwakirwa ku manza z'ababuranye bemera ibyo baregwa [....]*,” akaba ari nako biteganywa n'ingingo ya 46, igika cya 2 y'iryo Tegeko ku birebana n'iyakirwa ry'ubujurire bwa kabiri mu Rukiko Rukuru.

[38] Ku kibazo kijyanye n'uburenganzira bwo kujurira mu manza nshinjabyaha, Urukiko rusanga nk'uko rwabisobanuye haruguru, uburenganzira bwo kujurira ntayegayezwa ari ubujurire bwa mbere, n'ubwo nabwo bushobora gushyirwaho imbibe (*limitations*) hagamijwe intego ifite ireme. Ubwo burenganzira bushobora kugabanywa ku bujurire bwa kabiri, ariko bigakorwa hagaragazwa intego yemewe n'amategeko n'isano yumvikana ifitanye n'uburyo bwakoreshejwe nk'uko byemejwe n'Abacamanza bo mu Rukiko rw'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'I Burayi.¹¹

[39] Urukiko rusanga mu manza nshinjabyaha, ingingo ya 52, igika cya 2, agace ka 9 y'Itegeko n°30/2018 ryavuzwe haruguru yemerera uregwa wahamijwe icyaha n'Urukiko Rukuru cyangwa Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, agahanishwa igifungo nibura cy'imyaka 15 kujurira mu Rukiko rw'Ubujurire.

[40] Urukiko rurasanga ariko igika cya 3 cy'ingingo ya 52 y'Itegeko n°30/2018¹² rimaze kuvugwa, giteganywa ko ubujurire bwa kabiri bw'ababuranye bemera ibyo baregwa budashobora kwakirwa, bikumvikana ko abaregwa bahamijwe icyaha kimwe

¹¹ Ibi byasobanuwe mu bika bya 21 na 22 by'uru rubanza

¹² Ibi binareba n'igika cya 2 cy'ingingo ya 46 y'Itegeko ryavuzwe haruguru ku bujurire bwa kabiri mu Rukiko Rukuru.

bagahabwa igihano kimwe gituma bemererwa kujuririra Urukiko rw'Ubujurire, umwe waburanye ahakana ashobora kwemererwa kujurira hashingiwe gusa ku gihano yahawe, undi ubujurire bwe ntibwakirwe kuko yaburanye yemera, kandi nyamara aba yaranafashije ubutabera. Ibi byaba ari ugusumbanya ababuranyi no kutabafata kimwe, bikaba binyuranyije n'ihame ryo kureshya imbere y'amategeko riteganyijwe mu ngingo ya 15 y'Itegeko Nshinga.

[41] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe, Urukiko rusanga igice cy'igika cya 3 cy' ingingo ya 52 n'igice cy'igika cya 2 cy'ingingo ya 46 z'Itegeko n°30/2018 rigena ububasha bw'inkiko birebana no kutakira ubujurire bwa kabiri kubera ko uwajuriye yemeye ibyo aregwa binyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda, bityo bikaba binanyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[42] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Asiimwe Frank gifite ishingiro kuri bimwe.

[43] Rwemeje ko igice cy'igika cya 2 cy'ingingo ya 46 n'igice cy'igika cya 3 cy'ingingo ya 52 z'Itegeko ryo ku wa 02/06/2018 n°30/2018 rigena ububasha bw'Inkiko birebana no kutakira ubujurire bwa kabiri *“ku muburanyi watsinzwe mu nkiko zombi hashingiwe ku mpamvu zimwe”* bitanyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda. Urukiko rurajya inama ariko ko ingingo ya 52 y'iryo Tegeko yakosorwa ku buryo ibiteganyijwe mu gika cya 3 cyayo bireba gusa uduce twa 8 na 9 tw'igika cya kabiri, ndetse n'igika cya 2 cy'ingingo ya 46 kikareba gusa agace ka 6 k'igika cya 1 cy'iyi ngingo.

[44] Rwemeje ko igice cy'igika cya 2 cy'ingingo ya 46 n'igice cy'igika cya 3 cy'ingingo ya 52 z'Itegeko n°30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko birebana no kutakira ubujurire bwa kabiri *“ku manza z'ababuranye bemera ibyo baregwa”* binyuranyije n'ingingo ya 15 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, bikaba nta gaciro bifite hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko Nshinga.

[45] Rutegetse ko uru rubanza rutangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Re. KABASINGA N’UNDI

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RS/INCONST/SPEC
00005/2020/CS - RS/INCONST/SPEC 00006/2020/CS –
(Mukamulisa, P.J., Cyanzayire, Hitiyaremye, Muhumuza na
Rukundakuvuga, J.) 12 Gashyantare 2020]

Itegeko inshinga –Itegeko rihana ibyaha – Itegeko rihana rigomba kwandikwa mu buryo busobanutse kandi butarimo urujijo – Si inshingano y’umucamanza kugena ibikorwa bigize icyaha bigomba guhanwa, ahubwo ibyo ni inshingano y’umushingamategeko – Itegeko rigomba kwandikwa ku buryo buri wese ashobora kumenya imbibi z’icyemewe n’ikibujijwe, n’ingaruka z’ibihano igihe akoze ikibujijwe, kugirango ashobore kucyirinda (predictability) – Itegeko niryo rigena icyaha (igikorwa gihanwa) n’igihano gihanishwa..

Itegeko Inshinga – Urubanza rutabera (fair trial) – Igihano ntayegayezwa – Kuba uwahamwe n’icyaha adashobora kujuririra igihano yahawe kugira ngo kigabanywe hashingiye ku mpamvu nyoroshiyacyaha binyuranyije n’ihame ry’uburenganzira ku butabera buboneye n’iry’ubwisanzure bw’umucamanza mu kugena igihano gikiwiye.

Itegeko Nshinga – Ubwisanzure n’ubwigenge bw’umucamanza – Igihano ntayegayezwa – Umucamanza afite ubwisanzure bwo kuburanisha no guca imanza mu nzira n’uburyo biteganywa n’amategeko, akabikora nta gitutu icyo aricyo cyose cyaba icy’inzego za Leta, n’icy’abandi – Nta wavuga ko umucamanza yigenga mu gutanga igihano mu gihe agomba gutanga igihano ntayegayezwa kitajyanye n’uburemere bw’icyaha, uburyo

cyakozwemo, n'igihe hari impamvu nyoroshyacyaha zikomeye zari gutuma agabanyirizwa igihano.

Itegeko Nshinga – Ubutabera buboneye – Imbibi ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo – N'ubwo umucamanza ashobora gufata icyemezo atitaye ku byatangajwe, abaturanyi n'abandi baturage bo bashobora gutekereza ko yabigendeyeho, bigatuma icyemezo cyose yafata kitakirwa neza, kandi ihame ari uko ubutabera butagomba gutangwa gusa ahubwo bugomba no kugaragara ko bwatanzwe.

Incamake y'ikibazo: Kabasinga na Niyomugabo buri wese yaregeye Urukiko rw'Ikirenga avuga ko zimwe mu ngingo z'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange zinyuranyije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015. Ibirego byabo byahurijwe mu kirego kimwe kuko hari ingingo bahurizaho.

Abarega bavuga ko ingingo ya 92, n'ingingo ya 133 igika cya 3 ari nayo bahurizaho, z'iryo tegeko riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, zibuza umucamanza kugabanya igihano kubera impamvu nyoroshyacyaha, zikaba zibangamiye ihame ryo kugira uburenganzira ku butabera buboneye riteganywa mu ngingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, ndetse n'ihame ry'ubwisanzure bw'umucamanza riteganywa n'ingingo ya 151 y'iryo Tegeko.

Kabasinga anavuga ko igika cya 4 cy'ingingo ya 84 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ryavuzwe haruguru, kitagaragaza ibihe umucamanza ashobora guhana cyangwa kudahana icyitso iyo bireba uwashyiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane, bikaba bibangamiye ihame ry'uburenganzira ku butabera buboneye. Avuga kandi ko ibivugwa mu ngingo ya 271 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa

30/08/2018 ko umuntu wese uhimba, ukoresha cyangwa ukwirakwiza mu buryo ubwo ari bwo bwose impapuro zivunjwamo amafaranga, aba akoze icyaha, nabyo bibangamiye ihame ry'uburenganzira ku butabera buboneye.

Indi ngingo agaragaza ko inyuranyije n'Itegeko Nshinga, ni iya 256 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange avuga ko ibangamiye ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo, bityo ikaba inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga.

Ku ngingo ijyanye no kumenya niba, kuba igika cya 4 cy'ingingo ya 84 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ryavuzwe haruguru, kitagaragaza ibihe umucamanza ashobora guhana cyangwa kudahana icyitso iyo bireba uwashyingiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane, bibangamiye ihame ry'uburenganzira ku butabera buboneye rivugwa mu ngingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, Kabasinga avuga ko Umushingamategeko atagaragaje niba abo bantu bahanwa nk'ibitso cyangwa niba badahanwa, ibi bigaterwa no kuba yaravuze ko umucamanza ashobora kutabahana, bivuga ko ashobora no kubahana, akaba kandi atari we ukwiye kubyimenyera.

Ikindi ni uko uburyo iyi ngingo yanditse bunyuranyije n'ihame ry'uko amategeko ahana agomba kuba asobanutse, atagenekereza, kandi adateye urujijo. Mu gihe ateye urujijo, abayavugwamo ntibamenya niba bagomba kwirinda kuba ibyitso by'abo bashakanye cyangwa abo bafitanye amasano kugera ku gisanira cya kane. Asoza avuga kandi ko inyuranyije n'ingingo ya 2 agace ka mbere y'iryo Tegeko, kuko iha umucamanza urubuga rwo kuba yafata umwanzuro ashatse, ushobora kurenganya cyangwa kubererekera uwo acira urubanza kubera imiterere y'Itegeko. Kubera izi mpamvu zose akaba asaba

Urukiko ko iyi ngingo ikurwaho cyangwa rugategeka ko ihindurwa ikandikwa mu buryo budateye urujijo.

Leta y'u Rwanda ivuga ko ingingo ya 2, igika cya mbere, agace ka 5 y'iryo tegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange isobanura ufatwa nk'icyitso uwo ariwe, ko ari umuntu wafashije uwakoze icyaha mu bikorwa bitegura ikorwa ry'icyaha mbere. Bisobanuye ko uwashakanye n'uwakoze icyaha akamubera icyitso, kimwe n'abo bafitanye amasano kugera ku gisanira cya kane iyo bamubereye icyitso, bashobora guhanwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 84 y'Itegeko ryavuzwe haruguru. Umushingamategeko yavuze ko urukiko rushobora kubasonera ibihano bigenewe ibyitso hashingiwe ku mikorere y'icyaha, ubwo bushishozi bwo kumenya niba basonerwa cyangwa bahanwa bukaba bwarahariwe umucamanza, ibi bikaba ntaho binyuranyije n'ingingo ya 29, agace ka kane y'Itegeko Nshinga.

Ku kibazo kijyanye no kumenya niba kubuza kugabanya ibihano kubera impamvu nyoroshiyacyaha nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 92 n'ingingo ya 133 igika cya 3 z'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange binyuranyije n'ingingo ya 29, n'iya 151 z'Itegeko Nshinga, Kabasinga asobanura ko izi ngingo zituma umuntu wakoze ibyo byaha atabona ubutabera buboneye, mu gihe adashobora kugabanyirizwa igihano kabone n'ubwo haba hari impamvu nyoroshiyacyaha, ndetse zikamwima uburenganzira bwo kujuririra igihano gusa mu gihe yahamwe n'icyaha, bikaba rero bibangamiye uburenganzira bw'uregwa bwo guhabwa ubutabera buboneye. Akomeza avuga ko muri izo ngingo usanga ububasha bw'umucamanza bugarukira gusa ku kureba niba uregwa ahamwa n'icyaha, kuko igihano cyo kiba giteganyijwe n'itegeko, ibi bikaba bivuguruzwa ingingo ya 49 y'itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, iteganya ibyo umucamanza ashingiraho

atanga igihano. Ikindi ni uko ziniga ubwisanzure bw'umucamanza bwo gushyira mu gaciro mu gihe cyo kugena igihano, zikanabangamira ubwigenge bwe mu guca imanza zitabera, kuko zimubuza kugereranya ibyatuma atanga igihano gito cyangwa kinini. Kubera izo mpamvu zimaze kuvugwa, asaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza ko izo ngingo zombi zinyuranyije n'Itegeko Nshinga, rukanategeka ko zivanwaho.

Niyomugabo nawe avuga ko ingingo ya 133 igika cya 3 y'itegeko ryavuzwe haruguru iteganya igihano ntayegayezwa ku cyaha cyo gusambanya umwana utarageza ku myaka 14, kabone n'iyi haba hari impamvu nyoroshyacyaha, byazatuma atabona ubutabera buboneye yemererwa n'Itegeko Nshinga kubera ko izitira umucamanza ntashobore kumugabanyiriza igihano ndetse ikaba inyuranye n'ihame ry'uko abantu bose bareshya imbere y'amategeko bakaba bagomba gufatwa kimwe, bityo akaba asaba ko ikwiye gukurwaho.

Leta y'u Rwanda ivuga ko isanga nta mpamvu yo kubyisobanuraho kuko Urukiko rw'Ikirenga rwabifasheho icyemezo mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC ndetse runatanga inama ku zindi ngingo zifite ikibazo kimwe ariko zitaregwe.

Muri uru rubanza hasuzumwe kandi ikibazo kijyanye no kumenya niba ibivugwa mu ngingo ya 271 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, binyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga. Kabasinga asobanura ko iyi ngingo ifite ibikorwa bitatu kandi buri cyose kikaba kigize icyaha ukwacyo, aribyo byo guhimba impapuro mvunjwafaranga, kuzikoresha no kuzikwirakwiza. Imyandikire y'iyi ngingo isa n'ibuza ikoreshwa ry'impapuro mvunjwafaranga mu Rwanda, ndetse n'ikwirakwiza ryazo, hakaba hakwiye gutandukanywa uwazikwirakwije mu buryo bunyuranyije

n'amategeko n'uwabikoze mu nyungu z'ikigo akorera. Mu bikorwa bigize iki cyaha haburamo ubushake bwo kugikora (*intention de nuire*).

Leta y'u Rwanda isobanura ko nta kibazo kiri mu myandikire y'iyi ngingo ya 271 kubera ko guhimba impapuro mvunjwafaranga, kuzikoresha zahimbwe, no kuzikwirakwiza zahimbwe mu buryo ubwo aribwo bwose, biba bigize icyaha. Bivuze ko izi mpapuro zifite uburyo zikoreshwamo bwemewe n'amategeko, kunyuranya nabyo akaba aribwo bigize icyaha giteganywa n'iyi ngingo. Kuvuga ko iyi ngingo inyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga sibyo, kuko ibigize icyaha aribwo kuba icyaha cyagambiriwe, cyashyizwe mu bikorwa kandi gihanwa n'amategeko, bigomba kuba byuzuye kugirango umuntu afatwe nk'uwakoze icyaha.

Ku ngingo yo kumenya niba ingingo ya 256 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga, Kabasinga avuga ko ibigize icyaha kivugwa muri iyo ngingo ari ugutangaza ibitekerezo ugamije kuyobya umucamanza cyangwa umutangabuhamya, ariko iyo ngingo ntisobanura aho ibyo bitekerezo bitangarizwa. Ntibisobanutse niba bigomba gutangazwa imbere mu rubanza, nyamara ibyo umucamanza ashingiraho aca urubanza ari ibintu bidatangazwa na rubanda, umuntu ku giti cye cyangwa ibitangazamakuru, kuko ashingira ku nyandiko n'ibindi bimenyetso afite muri dosiye. Bivuze ko umucamanza adashobora kuyobya n'ibyatangajwe mu buryo ubwo ari bwo bwose bitavugiwe mu iburanisha.

Akomeza avuga ko iyi ngingo ikumira buri muntu kuvuga cyangwa gutanga igitekerezo cye ku gikorwa cyabaye, mu gihe kiri gukurikiranwa mu nkiko, kugira ngo bitazitwa ko yari agamije kuyobya umucamanza, kandi nyamara uwo mucamanza

ari we ukwiye kwirinda gutwarwa cyangwa gushingira ku byo yumvise ahandi hatari mu iburanisha cyangwa muri dosiye. Iyi ngingo ibangamiye itangazamakuru kuko ibikorwa byinshi bigize ibyaha cyangwa se bikurikiranwa mu nkiko bikunze kwandikwaho n'itangazamakuru. Iyi ngingo yatuma kandi abayobozi ndetse n'inzego z'umutekano zirinda gutanga ibiganiro bifite aho bihuriye n'ibikorwa bishobora gukurikiranwa mu nkiko, ndetse bishobora no kubuza abakorera abandi ubuvugizi gutangaza ndetse no kugaragaza uko bumva ibintu kugira ngo bitazitwa ko bari bagamije kuyobya umucamanza cyangwa abatangabuhamya.

Leta y'u Rwanda ivuga ko iyi ngingo ya 256 idateye impungenge, kuko utangaje inkuru ku rubanza ruri mu rukiko ariko rutaracibwa adafatwa nk'ushaka kuyobya, keretse bigaragajwe n'inzego zishinzwe kugenza ibyaha ko aribyo yari agamije. Ntaho inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga, kuko itavuga abanyamakuru, kandi nabo bakaba basanzwe bagaragaza ibitekerezo byabo ku manza zikiburanishwa ntibakurikiranweho icyaha cyo gushaka kuyobya umutangabuhamya cyangwa umucamanza, kuko biba bigaragara ko ataricyo kigamijwe.

Incamake y'icyemezo: 1. Itegeko mpanabyaha rigomba kwandikwa mu buryo busobanutse kandi butarimo urujijo kandi rikandikwa ku buryo buri wese ashobora kumenya imbibi z'icyemewe n'ikibujijwe, n'ingaruka z'ibihano igihe akoze ikibujijwe, kugirango ashobore kucyirinda (predictability), bityo igika cya 4 cy'ingingo ya 84 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange kitubahirije ihame ry'uko ibyaha n'ibihano bigomba kugenwa n'itegeko, bityo kikaba kibangamiye ihame ry'uburenganzira ku butabera

buboneye riteganyijwe mu ngingo ya 29 agace ka kane y'Itegeko Nshinga.

2. Kuba uwahamwe n'icyaha adashobora kujuririra igihano yahawe kugira ngo kigabanywe hashingiye ku mpamvu nyoroshyacyaha binyuranyije n'ihame ry'uburenganzira ku butabera buboneye n'iry'ubwisanzure bw'umucamanza mu kugena igihano gikwiye kuko mu manza mpanabyaha, Umucamanza afite inshingano zo gutanga igihano gishingiye ku mikorere y'icyaha, ku myitwarire n'imibereho y'uwigikoze, ku muryango cyakorewemo no ku wagikorewe.

3. Nta wavuga ko umucamanza yigenga mu gutanga igihano mu gihe agomba gutanga igihano ntayegayezwa kitajyanye n'uburemere bw'icyaha, uburyo cyakozwemo, n'igihe hari impamvu nyoroshyacyaha zikomeye zari gutuma agabanyirizwa igihano.

4. N'ubwo umucamanza ashobora gufata icyemezo atitaye ku byatangajwe, ababuranyi n'abandi baturage bo bashobora gutekereza ko yabigendeyeho, bigatuma icyemezo cyose yafata kitakirwa neza, kandi ihame ari uko ubutabera butagomba gutangwa gusa ahubwo bigomba no kugaragara ko bwatanzwe.

Igika cya 4 cy'ingingo ya 84 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange kinyuranyije n'ingingo ya 29 agace ka kane y'Itegeko Nshinga kikaba nta gaciro gifite hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko Nshinga; Igice cy'ingingo ya 92 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, kigira kiti: “kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha”, kinyuranyije n'ingingo

ya 29, n'ya 151 z'Itegeko Nshinga; icyo gice kikaba nta gaciro gifite;
Igika cya 3 cy'ingingo ya 133 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, agace kavuga ko iyo gusambanya umwana byakorewe ku mwana uri muni y'imyaka cumi n'ine (14), igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, kanyuranyije n'ingingo ya 29, n'ya 151 z'Itegeko Nshinga; ako gace kakaba nta gaciro gafite;
Ingingo ya 271 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, itanyuranyije n'Itegeko Nshinga;
Ingingo ya 256 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, itanyuranyije n'Itegeko Nshinga.

Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 3, 29, 38 n'ya 151.
 Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana mu ingingo ya 257, 326, 477 n'ya 478.
 Itegeko –Teka n° 21/77 ryo ku wa 18 AOOUT 1977 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana.
 Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 2, 3, 49, 84, 92, 133, 256 n'ya 271.
 Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, ingingo ya 48.

- Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 62.
- Itegeko n° 09/2004 ryo ku wa 29/04/2004 ryerekeye imyitwarire mu kazi k'ubucamanza, ingingo ya 4 n'ya 5.
- Amasezerano Nyafurika ku burenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage⁸ (Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples), u Rwanda rwemeje n'Itegeko n° 10/1983 ryo ku wa 01/07/1983, agatangazwa mu igazeti ya Leta yo ku wa 01/07/1983, ingingo ya 7.
- Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbenezamubano no mu bya politiki, u Rwanda rwemeje burundu n'Itegeko n° 8/75 ryo ku wa 6 Gashyantare 1975, agatangazwa mu igazeti ya Leta mu 1975, ingingo ya 10,15 n'ya 19.
- Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu, u Rwanda rwemeje ku wa 18/09/1962, ingingo ya 11.

Imanza zifashishijwe:

- Re Kabasinga, RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 04/12/2019.
- R. v. Beauregard, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada.
- Cullen v. Toibin rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo muri Ireland.
- Kelly v O'Neill⁴¹ rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Ireland.
- DPP v Independent Newspapers (Irl) Ltd,⁴² rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Ireland.
- Attorney-General for England and Wales v Times Newspapers Ltd rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire mu Bwongereza.
- Worm v. Austria, 29 August 1997, Application 22714/93, 25 EHR 454, par.50.

- The Sunday Times v. United Kingdom, 26 April 1979, Series A No. 30, 14 EHRR 229, par. 63.
- Dagenais v. Canadian Broadcasting Corp., No 23403, 1994: January 24, 1994, December 8, P.5.
- Bridges v. California, 314 US 252 (1941); Pennekamp v. Florida, 328 US 331 (1946); Craig v. Harney 331 US 367 (1946); Wood v. Georgia 370 US 375 (1962).
- South Africa Supreme Court of Appeal: The NDPP v Media 24 Limited & others and HC Van Breda v Media 24 Limited & others (425/2017) [2017] ZASCA 97 (21 June 2017), at para.37.
- South Africa Supreme Court of Appeal: Midi Television v Director of Public Prosecutions (Western Cape) 2007 (3) SA 318 (SCA) at para 19.
- Nebraska Press Association v. Hugh Stuart: (1976) 427 US 539.
- Reliance Petrochemicals v. Proprietor of Indian Express56 rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo mu Buhinde.
- John D. Pennekamp v. State of Florida57 rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo muri Amerika.

Inyandiko z'abahanga zifashishijwe :

- Santerre Christine, Étude franco-canadienne du principe légaliste: le processus qualitatif et interprétatif du texte pénal. In: Revue internationale de droit comparé. Vol. 68 N°4, 2016, p.4.
- Canadian Fondation for Children, Youth and the Law c. Canada (Procureur Général), [2004] 1 S.C.R. 76, 2004 SCC 4, Note 14, Par. 16.
- R. c. Nova Scotia Pharmaceutical Society, 9 Juillet 1992, no 22473, p.3-4.
- Déc. n° 96-377 DC du 16 juillet 1996, cons. No 3 et s., citée par Bertrand de Lamy (Professeur de Droit à L'Université

de Toulouse I), Cahiers du Conseil Constitutionnel N o 26 (Dossier la Constitution et le droit Pénal)- Aout 2009, p. 12.

See Mukong v. Cameroon, views adopted by the UN Human Rights Committee on 21 July 1994, No .458/1991, para. 9.7.

SIRACUSA Principles on the Limitation and Derogation of Provisions in the International Covenant on Civil and Political Rights, Annex, UN Doc E/CN.4/1984/4 (1984).

Background Paper on Freedom of Expression and Contempt of Court for the International Seminar Promoting Freedom of Expression with three specialized international mandates, *op. cit.*, p. 3.

Cited by Law Commission of India, 20 Report on trial by media, Free speech and Fair trial under Criminal procedure code 1973, August 2006, p. 12 & 13.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Kabasinga Florida yaregeye Urukiko rw'Ikirenga arusaba kwemeza ko:

- a. Ingingo ya 84 igika cya 4, ingingo ya 92, ingingo ya 133 igika cya 3, ingingo ya 271 z'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange zinyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.
- b. Ingingo ya 92 kimwe n'ingingo ya 133 igika cya 3 z'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya

ibyaha n'ibihano muri rusange zinyuranyije n'ingingo ya 151 y'Itegeko Nshinga.

- c. Ingingo ya 256 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ritaganyanya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga.

Ikirego cyeye cyanditswe kuri RS/INCONST/SPEC 00006/2020/SC.

[2] Niyomugabo Ntakirutimana nawe yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ikirenga arusaba kwemeza ko ingingo ya 133 igika cya 3 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ritaganyanya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'ingingo ya 29 n'iya 151 z'Itegeko Nshinga. Ikirego cyeye cyanditswe kuri RS/INCONST/SPEC 00005/2020/SC.

[3] Ibyo birego byombi byahurijwe mu rubanza rumwe kubera isano bifatanye, byandikwa kuri RS/INCONST/SPEC 00005/2020/SC - RS/INCONST/SPEC 00006/2020/SC, iburanishwa ryabyo rishyirwa ku wa 12/01/2021.

[4] Kuri iyo tariki, iburanisha ry'urubanza ryabereye mu ruhamwe, Kabasinga Florida yitabye yunganiwe na Me Mugabonabandi Jean Maurice, Niyomugabo Ntakirutimana ahagarariwe na Me Kayirangwa Marie Grâce na Me Gabiro David, Leta y'u Rwanda ihagarariwe na Me Cyubahiro Fiat afatanyije na Me Batsinda Aline.

[5] Ibibazo byagaragajwe n'abarega byashyirwa mu byiciro 2 by'ingenzi:

- a. Ingingo abarega bavugaga ko zibangamiye ihame ryo kugira uburenganzira ku butabera buboneye rivugwa mu ngingo

ya 29 y'Itegeko Nshinga, n'ihame ry'ubwisanzure bw'umucamanza mu kugena igihano rivugwa mu ngingo ya 151 y'Itegeko Nshinga.

- b. Ingingo umwe mu barega avuga ko ibangamiye ihame ry'ubwisanzure bw'itangazamakuru, kugaragaza ibitekerezo no guhabwa amakuru, rivugwa mu ngingo ya 38 y'Itegeko Nshinga.

[6] Mu cyiciro cya mbere hagaragaramo ingingo enye arizo:

- a. Ingingo ya 84, igika cya 4, y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange Kabasinga Florida avuga ko inyuranyije n'ingingo ya 29¹ y'Itegeko Nshinga, iyo ngingo ikaba irebana no guhana icyitso igihe bireba uwashyingiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane (4).
- b. Ingingo ya 92 n'ya 133 igika cya 3 z'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rimaze kuvugwa, abarega bavuga ko zinyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, ku bijyanye no kutabona uburenganzira bwo kugabanyirizwa igihano ku wakoze ibyaha bivugwa muri izo ngingo

¹ “Buri muntu wese afite uburenganzira ku butabera buboneye, burimo uburenganzira bwo:

1°.....
.....;

4° kudakurikiranwa, kudafatwa, kudafungwa cyangwa kudahanirwa ibyo yakoze cyangwa atakoze, iyo amategeko y'Igihugu cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igihe byakorwaga. Ibyaha n'ibihano bijyanye na byo biteganywa n'amategeko;

5°.....
.....

kabone n'iyo haba hari impamvu nyoroshyacyaha. Bavuga kandi ko izo ngingo zinyuranyije n'ingingo ya 151² y'Itegeko Nshinga ku bijyanye n'ubwisanzure bw'umucamanza mu kugena igihano.

Ikibazo kireba ingingo ya 133 igika cya 3 nicyo gihuriweho n'abarega bombi Kabasinga Florida na Niyomugabo Ntakirutimana.

- c. Ingingo ya 271 Kabasinga Florida avuga ko inyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, ngo kuko itagaragaza ibikorwa bigize icyaha cyo guhimba impapuro zivunjwamo amafaranga, kuzikoresha cyangwa kuzikwirakwiza.

[7] Mu cyiciro cya kabiri hagaragaramo ingingo ya 256 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ihana utangaza ibitekerezo agamije kuyobya icyemezo cy'umucamanza cyangwa umutangabuhamya. Kabasinga Florida avuga ko iyo ngingo inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga, yerekeye ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru.

[8] Ibibazo bimaze kuvugwa nibyo byasuzumwe muri uru rubanza, hakurikijwe ibyiciro birimo.

² Ubucamanza bugengwa n'amahame akurikira: abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge kandi batavugirwamo n'ubutegetsu cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose

II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

A. Ingingo abarega bavuga ko zibangamiye ihame ryo kugira uburenganzira ku butabera buboneye n'ihame ry'ubwisanzure bw'umucamanza mu kugena ibihano

A.1. Kumenya niba, kuba igika cya 4 cy'ingingo ya 84 y'Itegeko n°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange, kitagaragaza ibihe umucamanza ashobora guhana cyangwa kudahana icyitso iyo bireba uwashyingiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane, bibangamiye ihame ry'uburenganzira ku butabera buboneye rivugwa mu ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga

a. Ibisobanuro bitangwa na Kabasinga Florida

[9] Kabasinga Florida n'umwunganira bavuga ko igika cya 4 cy'ingingo ya 84³ kinyuranye n'agace ka kane k'ingingo ya 29

³ Ingingo ya 84 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange, igira iti: Umufatanyacyaha ahanwa nk'uwakoze icyaha.

Icyitso ntigihanwa kimwe n'uwakoze icyaha keretse igihe:

1 ° itegeko ribiteganyaga ukundi;

2 ° umucamanza abona ko uruhare rw'icyitso mu gukora icyaha rungana cyangwa ruruta urw'uwakoze icyaha.

Icyitso gishobora gukurikiranwa n'ubwo icyaha kitashoboye gukurikiranwa ku wagikoze kubera impamvu zimureba ku giti cye nk'urupfu, uburwayi bwo mu mutwe cyangwa kutamenyekana.

Icyakora, iyo abantu bavugwa mu gace ka 5 d), aka 5 e) n'aka 5 f) tw'ingingo ya 2 y'iri tegeko ari uwashyingiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo

y'Itegeko Nshinga gateganya ko igikorwa gihanwa iyo giteganyijwe n'amategeko ahana. Ibyo babishingira ku mpamvu zikurikira:

- a. icyo gika cya kane ntigisobanura igihe uwashakanye n'uwakoze icyaha akamubera icyitso, kimwe n'abo bafitanye amasano kugera ku gisanira cya kane, bahanwa. Umushingamategeko ntiyagaragaje niba abo bantu bahanwa nk'ibitso cyangwa niba badahanwa, ibi bigaterwa no kuba yaravuze ko umucamanza ashobora kutabahana, bivuga ko ashobora no kubahana.
- b. Uko gushobora cyangwa kudashobora kubahana niho hateye ikibazo, kuko binyuranyije cyane n'amahame agenderwaho mu manza nshinjabyaha yo gufata igikorwa nk'igihanwa cyangwa ikidahanwa mu mategeko. Ibyo byagira ingaruka nini ku mitangire y'ubutabera buboneye, kuko igika cya kane cy'ingingo ya 84 kitamurikira umucamanza igihe agomba guhana abavugwa muri icyo gika n'igihe atagomba kubahana, akaba kandi atari we ukwiye kubyimenyera.
- c. Uburyo iyi ngingo yanditse bunyuranyije n'ihame ry'uko amategeko ahana agomba kuba asobanutse, atagenekereza, kandi

bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane (4) bashobora gusonerwa n'urukiko ibihano bigenewe icyitso.

adateye urujijo. Mu gihe ateye urujijo cyangwa agenekereje, abuza abantu kugera ku butabera buboneye kuko nko mu ngingo ya 84 yavuzwe haruguru, abantu bayivugwamo batamenya niba bagomba kwirinda kuba ibyitso by'abo bashakanye cyangwa abo bafitanye amasano kugera ku gisanira cya kane, mu gihe batazi niba babihanirwa cyangwa batabihanirwa.

- d. Imiterere y'ingingo ya 84, igika cya 4, y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange, inanyuranyije n'ingingo ya 2, agace ka mbere y'iryo Tegeko⁴, kuko iha umucamanza urubuga rwo kuba yafata umwanzuro ashatse, ushobora kurenganya cyangwa kubererekera uwo acira urubanza kubera imiterere y'Itegeko.

[10] Kabasinga Florida n'umwunganira bongeraho ko icyo asaba Urukiko ari uko iyo ngingo yakurwaho kuko inyuranyije n'Itegeko Nshinga, ariko ko bibaye ngombwa Urukiko rwategeka ko ihindurwa ikandikwa mu buryo budateye urujijo.

b. icyo Intumwa za Leta zibivugaho

[11] Abahagarariye Leta y'u Rwanda bavugaga ko ibivugwa n'urega nta shingiro bifite kubera impamvu zikurikira:

⁴ icyaha: igikorwa kibujijwe n'itegeko cyangwa kwanga gukora igitegetswe ku buryo bihungabanya umutekano mu bantu kandi hari itegeko ribiteganyiriza igihano.

a. Ingingo ya 2, igika cya mbere, agace ka 5° y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange isobanura ufatwa nk'icyitso⁵ uwo ariwe. Hashingiwe kuri iyo ngingo, habaho icyitso ari uko hari uwakoze icyaha, kandi hari icyaha cyakozwe giteganywa n'amategeko. Umuntu yitwa icyitso cy'uwoze icyaha ari uko yamufashije mu bikorwa bitegura ikorwa ry'icyaha mbere.

b. Hashingiwe kuri icyo gisobanuro, uwashakanye n'uwoze icyaha akamubera icyitso, kimwe n'abo bafitanye amasano kugera ku gisanira cya kane iyo bamubereye icyitso, bashobora guhanwa mu buryo buteganywa n'ingingo ya 84 y'Itegeko ryavuzwe

⁵ Icyitso: umuntu wafashije uwakoze icyaha mu byagiteguye bigaragarira muri kimwe mu bikorwa bikurikira:

- a) utuma hakorwa icyaha akoresheje igihembo, isezerano ry'igihembo, iterabwoba, agakabyo k'ubutegetsi cyangwa k'ububasha cyangwa amabwiriza agamije gukoresha icyaha;
- b) ufasha uwakoze icyaha mu byagiteguye, mu byoroheje imikorere yacyo cyangwa mu byakinonosoye kandi yarabikoze abizi, cyangwa uwashishikaje uwakoze icyaha;
- c) utuma undi akora icyaha akoresheje imbwirwaruhame, urusaku rushishikaza cyangwa iterabwoba, bibereye ahantu hateraniye abantu barenze babiri (2), inyandiko, ibitabo cyangwa ibindi byanditswe n'icapiro, biguzwe cyangwa bitangiwe ubuntu cyangwa byatangarijwe ahantu hateraniye abantu benshi, amatangazo amantse cyangwa yeretswe rubanda;
- d) uwahishe uwakoze icyaha, umufatanyacyaha cyangwa uwahishe icyitso kugira ngo ataboneka cyangwa adafatwa, umufasha kwihisha cyangwa gucika cyangwa umuha aho kwihisha cyangwa uwamufashije guhisha ibintu byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoreshwa icyaha;
- e) uwahishe abizi ikintu cyangwa ibikoresho byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoresha icyaha;
- f) uwiba, uhisha cyangwa wonona nkana ku buryo ubwo aribwo bwose ibintu byagombye gufasha kugenza icyaha, gutahura ibimenyetso cyangwa guhana abakoze icyaha.

haruguru. Umushingamategeko yavuze ko urukiko rushobora kubasonera ibihano bigenewe ibyitso hashingiwe ku mikorere y'icyaha, ubwo bushishozi bwo kumenya niba basonerwa cyangwa bahanwa bukaba bwarahariwe umucamanza, ibi bikaba ntaho binyuranyije n'ingingo ya 29, agace ka kane, y'Itegeko Nshinga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[12] Ingingo ya 84 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rimaze kuvugwa, isobanura uburyo icyitso gihanwa; mu gika cyayo cya kane, igateganya irengayobora igihe uwabaye icyitso ari uwashyiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane (4). icyo gika kigira giti: icyakora, iyo abantu bavugwa mu gace ka 5 d), aka 5 e) n'aka 5 f) tw'ingingo ya 2 y'iri tegeko ari uwashyiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane (4) bashobora gusonerwa n'urukiko ibihano bigenewe icyitso.

[13] Abantu bavugwa mu duce twa 5 d), 5 e) na 5 f) tw'ingingo ya 2 y'iri tegeko ni aba bakurikira:

d. Uwahishe uwakoze icyaha, umufatanyacyaha cyangwa uwahishe icyitso kugira ngo ataboneka cyangwa adafatwa, umufasha kwihisha cyangwa gucika cyangwa umuha aho kwihisha cyangwa uwamufashije guhisha ibintu byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoreshwa icyaha;

e. Uwahishe abizi ikintu cyangwa ibikoresho byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoresha icyaha;

f. Uwiba, uhisha cyangwa wonona nkana ku buryo ubwo aribwo bwose ibintu byagombye gufasha kuzenza icyaha, gutahura ibimenyetso cyangwa guhana abakoze icyaha;

[14] Ibiteganyijwe mu gika cya 4 cy'ingingo ya 84, byumvikanisha ko iyo ukoze ibikorwa bivugwa mu duce twa 5 d), 5 e) na 5 f) tw'ingingo ya 2 tumaze kuvugwa ari uwashyiriranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane (4) bashobora guhanwa cyangwa bagasonerwa ibihano. Ikibazo Kabasinga Florida yagejeje ku Rukiko, akaba ari uko umushingamategeko atamurikiye neza umucamanza ngo amenye igihe agomba guhana uwabaye icyitso uvugwa muri icyo gika cya kane cy'ingingo ya 84, n'igihe atamuhana. Agaragaza ko ibyo bibangamiye ihame ry'uko amategeko ahana agomba kuba asobanutse, atagenekereje kandi adateye urujijo, bikaba byagira ingaruka ku burenganzira bwa buri muntu ku butabera buboneye buteganywa mu ngingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, by'umwihariko mu gace kayo ka 4.

[15] Mu gusubiza iki kibazo Kabasinga Florida yagejeje ku Rukiko, ni ngombwa gusuzuma niba ibiteganyijwe mu gika cya 4 cy'ingingo ya 84 yavuzwe haruguru bidasobanutse ku buryo byabangamira uburenganzira ku butabera buboneye buteganywa mu gace ka 4 k'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga imaze kuvugwa.

[16] Amagambo "bashobora gusonerwa n'urukiko ibihano" bigenewe icyitso yakoreshejwe mu gika cya 4 cy'ingingo ya 84, yumvikana nk'aha umucamanza ububasha bwo guhana n'ubwo gusonera ibihano, ariko ingingo ntigaragaze igihe akoresha ubwo bubasha bwo guhana, cyangwa gusonera igihano. Ibyo bishobora gutuma abantu babiri bakoze ibikorwa bimwe, bagejewe imbere y'abacamanza babiri batandukanye, umwe ashobora guhanwa undi ntahanwe, bitewe n'uko buri mucamanza ariwe wigenera

iby ashingiraho (*critère d'appréciation*) mu kwemeza igikorwa kigize icyaha gihanwa n'igikorwa gisonerwa igihano. Ese ibi binyuranyije n'ihame ryo kudahana igihe nta tegeko ribiteganyana riteganyijwe mu gace ka 4 k'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga?

[17] Igika cya mbere cy'ingingo ya 3 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyana ibyaha n'ibihano muri rusange, giteganyana ko nta muntu ushobora guhanwa kubera gukora ikibujijwe cyangwa kwanga gukora igitegetswe bitari icyaha hakurikijwe amategeko y'igihugu cyangwa mpuzamahanga mu gihe byakorwaga. Ibivugwa muri iki gika, bijyanye n'ihame rusange ryemewe mu mategeko, rivuga ko nta cyaha kibaho, nta n'igihano gitangwa, iyo bitateganyijwe n'itegeko (*Nullum crimen, nulla poena, sine lege = principe de la légalité des infractions et des peines*). Iri hame riboneka mu masezerano mpuzamahanga anyuranye, by'umwihariko amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwashyizeho umukono.

[18] Ingingo ya 11(2) y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu, u Rwanda rwemeje ku wa 18/09/1962, ihura neza n'ingingo ya 3 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 yavuzwe mu gika kibanza⁶. Ihura kandi n'ingingo ya 15(1) y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbenezamubano no mu bya politiki, u Rwanda rwemeje burundu n'Itegeko N° 8/75 ryo ku wa 6 Gashyantare 1975, agatangazwa mu igazeti ya Leta muri uwo mwaka⁷, kimwe n'ingingo ya 7(2) y'Amasezerano Nyafurika ku

⁶ Nul ne sera condamné pour des actions ou omissions qui, au moment où elles ont été commises, ne constituaient pas un acte délictueux d'après le droit national ou international.

⁷ Nul ne sera condamné pour des actions ou omissions qui ne constituaient pas un acte délictueux d'après le droit national ou international au moment où elles ont été commises.....

burenganzira bwa muntu n'ubw'abaturage⁸ (*Charte Africaine des Droits de l'Homme et des Peuples*), u Rwanda rwemeje n'Itegeko n° 10/1983 ryo ku wa 01/07/1983, agatangazwa mu igazeti ya Leta yo ku wa 01/07/1983.

[19] Ihame riteganyijwe mu ngingo ya 3 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018, ndetse no mu masezerano mpuzamahanga amaze kuvugwa, ni ryo riteganyijwe mu ngingo ya 29, agace ka 4, y'Itegeko Nshinga, rikaba ari kimwe mu bigize uburenganzira ku butabera buboneye. Iri hame ribuza guhanira umuntu ibikorwa itegeko ritateganyije nk'ibyaha, ryasobanuwe n'abahanga mu mategeko ndetse n'inkiko zinyuranye.

[20] Umuhanga mu mategeko Bertrand de Lamy, asobanura ko ihame ry'uko ibyaha n'ibihano bigomba kugenwa n'itegeko, rishingiye ku bintu bibiri by'ingenzi: kuba itegeko ari ryo ryonyine rifite ububasha bwo kugena uburenganzira bwo guhana, no kuba iri hame ari uburyo bwo gutuma hatabaho kudafata kimwe abagomba guhanwa; buri wese agashobora kumenya imbibi z'icyemewe n'ikibujijwe (*Le principe légaliste, ainsi affirmé, repose sur deux fondements particulièrement solides: l'un, politique, tenant à la souveraineté de la loi, expression de la volonté générale, et qui, seule, a la légitimité permettant d'asseoir le droit de punir; l'autre, plus philosophique, fait de la légalité criminelle le moyen d'assurer la mise en œuvre du libre arbitre, d'éviter l'arbitraire et de garantir l'égalité devant la répression en avertissant chacun des frontières du permis et de l'interdit*)⁹.

⁸ Nul ne peut être condamné pour une action ou une omission qui ne constituait pas, au moment où elle a eu lieu, une infraction légalement punissable.

⁹ Bertrand de Lamy (Professeur de Droit à L'Université de Toulouse I), *Dérives et évolution du principe de la légalité en droit pénal français* :

[21] Umuhanga mu mategeko Christine Santerre asobonura ko, ihame ry'uko ibyaha n'ibihano bigomba kugenwa n'itegeko, risaba ko itegeko rigena icyaha n'ibikigize byose, ni ukuvuga igikorwa kibujijwe n'igihano (*ce principe de la légalité des délits et des peines suborne l'existence d'une infraction à un texte de loi, lequel doit prévoir l'ensemble des composantes de celle-ci, c'est-à-dire la conduite prohibée et la peine*)¹⁰. Asobanura kandi ko iryo hame rishingiye ku bintu bibiri: icya mbere ni ugufasha umuturage kumenya ibikorwa bibujijwe n'ingaruka z'ibihano igihe bitubahirijwe. Icyamba kabiri ni ugushyira imbibi ku bubasha ntavogerwa bw'abashinzwe gushyira mu bikorwa amategeko, no kubuza ko amategeko adasobanutse aha inkiko ububasha bugari mu gusobanura itegeko (*Deux fondements de ce principe: le premier vise à formuler au citoyen un avertissement raisonnable afin qu'il soit avisé des conduites prosrites et des conséquences pénales en cas du non-respect de la loi. La clarté et la précision du texte de loi exigées par le principe légaliste assurent ainsi au justiciable une juste connaissance des interdits pénaux. Le second fondement vise à limiter le pouvoir discrétionnaire des personnes chargées de l'application de la loi. Il s'agit d'éviter que des textes flous laissent aux tribunaux un vaste pouvoir d'interprétation*)¹¹.

[22] Muri urwo rwego kandi, Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada rwasobanuye ko itegeko ridasobanutse rituma umuturage atamenya ko ibyo agiye gukora bihanwa. Rituma kandi akazi k'abashinzwe kurishyira mu bikorwa kagorana, kimwe n'akazi

contribution à l'étude des sources du droit pénal français par Diffusion numérique : 4 mars 2010, n°2 (<https://id.erudit.org/iderudit/039334ar>)

¹⁰ Santerre Christine, Étude franco-canadienne du principe légaliste: le processus qualitatif et interprétatif du texte pénal. In: Revue internationale de droit comparé. Vol. 68 N°4, 2016, p.4.

¹¹ Ibid., p.6-7.

k'abacamanza igihe bagomba kwemeza ko icyaha cyakozwe; rikanatuma habaho impungenge ko abashinzwe kurishyira mu bikorwa bagira ububasha bwinshi budafite imbibi (*une règle de droit imprécise empêche le citoyen de se rendre compte qu'il s'aventure sur un terrain où il s'expose à des sanctions pénales. De même, elle complique la tâche des responsables de son application et des juges lorsqu'ils sont appelés à déterminer si un crime a été commis. Elle suscite également la crainte que les responsables de son application disposent d'un pouvoir discrétionnaire trop grand*)¹².

[23] Urwo Rukiko rwasobanuye kandi ko kuba amategeko ahana agomba kuba asobanutse bishingira ku ihame ry'uko abatwaga bagomba kumenya mbere y'igihe icyo babujijwe, kandi ububasha ntavogerwa bw'abashyira mu bikorwa amategeko bukagira aho bugarukira. Itegeko ryemezwa ko rinyuranyije n'Itegeko Nshinga iyo ridasobanutse ku buryo ntawe ushobora kumva icyo rishatse kuvuga hakurikijwe ibishingirwaho mu isesengura ry'amategeko (*La théorie de l'imprécision repose sur la primauté du droit, en particulier sur les principes voulant que les citoyens soient raisonnablement prévenus et que le pouvoir discrétionnaire en matière d'application de la loi soit limité. L'avertissement raisonnable aux citoyens comporte un aspect formel - la connaissance même du texte - et un aspect de fond - la conscience qu'une certaine conduite est assujettie à des restrictions légales. ... La théorie de l'imprécision peut donc se résumer par la proposition suivante: une loi sera jugée d'une imprécision inconstitutionnelle si elle manque de précision au point de ne pas constituer un guide suffisant pour un débat judiciaire, c'est-à-dire pour trancher*

¹² Canadian Foundation for Children, Youth and the Law c. Canada (Procureur Général), [2004] 1 S.C.R. 76, 2004 SCC 4, Note 14, Par. 16.

*quant à sa signification à la suite d'une analyse raisonnée appliquant des critères juridiques)*¹³.

[24] Urukiko rurinda Iremezo ry'Itegeko Nshinga rwo mu Bufaransa narwo rwasobanuye ko Umushingamategeko agomba gusobanura ibyaha mu buryo bwumvikana kandi budateye urujijo, kugira ngo hataba gufata ibyemezo bidafite icyo bishingiyeho (... *qu'il en résulte la nécessité pour le législateur de définir les infractions en termes suffisamment clairs et précis pour exclure l'arbitraire*)¹⁴.

[25] Rwasobanuye kandi ko Umushingamategeko agomba kwandika itegeko mu buryo umucamanza, usabwa kudasobanura itegeko rihana mu buryo bwagutse, adafata icyemezo kizagaragara nk'aho kidafite icyo gishingiyeho (*le législateur doit rédiger la loi « dans des conditions qui permettent au juge, auquel le principe de légalité impose d'interpréter strictement la loi pénale, de se prononcer sans que son appréciation puisse encourir la critique d'arbitraire*)¹⁵.

[26] Mu bisobanuro bitangwa n'abahanga mu mategeko ndetse n'ibyemezo by'inkiko binyuranye ku bijyanye n'ihame ry'uko ibyaha n'ibihano bigomba kugenwa n'itegeko, riteganyijwe mu ngingo ya 29 agace ka 4 y'Itegeko Nshinga, humvikanamo ibitekerezo by'ingenzi bikurikira:

¹³ R. c. Nova Scotia Pharmaceutical Society, 9 Juillet 1992, no 22473, p.3-4.

¹⁴ Cons. const., 20 janv. 1981, n° 80-127 DC. Lire en ligne: (<https://www.doctrine.fr/d/CONSTIT/1981/CONSTEXT000017665953>).

¹⁵ Déc. n° 96-377 DC du 16 juillet 1996, cons. N° 3 et s., citée par Bertrand de Lamy (Professeur de Droit à L'Université de Toulouse I), Cahiers du Conseil Constitutionnel N° 26 (Dossier la Constitution et le droit Pénal)- Aout 2009, p. 12.

- a. Itegeko niryo rigena icyaha (igikorwa gihanwa) n'ibikigize byose, ni ukuvuga igikorwa kibujijwe n'igihano;
- b. Si inshingano y'umucamanza kugena ibikorwa bigize icyaha bigomba guhanwa, ahubwo ibyo ni inshingano y'umushingamategeko;
- c. Itegeko rihana rigomba kwandikwa mu buryo busobanutse kandi butarimo urujijo, kugirango hatabaho gufata ibyemezo bigaragara nk'aho bidashingiye ku bintu bisobanutse, kandi bitareba abantu bose mu buryo bumwe (*pour éviter l'arbitraire*);
- d. Itegeko rigomba kwandikwa ku buryo buri wese ashobora kumenya imbibi z'icyemewe n'ikibujijwe, n'ingaruka z'ibihano igihe akoze ikibujijwe, kugirango ashobore kucyirinda (*predictability*).

[27] Urukiko ruhuje ibimaze kuvugwa n'ibiteganyijwe mu ngingo ya 84, igika cya 4, y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, rusanga:

- a. Iyi ngingo ivuga ko umucamanza ashobora gusonera igihano kigenewe icyitso uwashyingiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane (4), ariko ntigaragaze imyitwarire igize icyaha ku bamaze kuvugwa ishobora gutuma bahanwa nk'ibytso, n'imyitwarire ishobora gutuma haba ubusonerwe bw'igihano.
- b. Kuba itegeko ritagena imyitwarire ihanirwa, ni ukuvuga ibikorwa bigize icyaha, bituma umucamanza ariwe wigenera impamvu zatuma ahana cyangwa asonera

umuntu igihano, kandi bitari mu nshingano ze, ahubwo ari inshingano z'Umushingamategeko.

c. Ibyo bishobora gutuma kandi abacamanza batandukanye bafata mu buryo butandukanye abantu bakoze ibikorwa bimwe/bagize imyitwarire imwe, kuko itegeko ritasobanuye mu buryo bwumvikana kandi budateye urujijo ushobora guhanwa n'ushobora gusonerwa igihano.

d. Abantu bavugwa mu ngingo ya 84, igika cya 4, badashobora kumenya mbere y'igihe, bahereye ku byanditse mu itegeko, imyitwarire ibujijwe bagomba kwirinda kugirango itabaviramo guhanwa, kuko igenwa na buri mucamanza mu bushishozi bwe.

[28] Urukiko rusanga, hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, igika cya 4 cy'ingingo ya 84 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange kitubahirije ihame ry'uko ibyaha n'ibihano bigomba kugenwa n'itegeko, bityo kikaba kibangamiye ihame ry'uburenganzira ku butabera buboneye riteganyijwe mu ngingo ya 29 agace ka kane y'Itegeko Nshinga. Urukiko rurasanga icyo gika nta gaciro gifite hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko Nshinga.

[29] Harebwe amateka y'iyi ngingo, bigaragara ko Itegeko – Teka N° 21/77 ryo ku wa 18 Aout 1977 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ryahinduwe n'Itegeko Ngenga n° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012, mu ngingo yaryo ya 257, ryateganyaga ko uzahisha umuntu azi neza ko yakoze icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye, cyangwa azi ko ashakishwa n'ubucamanza kubera icyo cyaha, cyangwa uzamuhungisha ngo adafatwa cyangwa ataboneka cyangwa uzamufasha mubyo kwihisha cyangwa gucika, azahanwa

nk'icyitso cy'icyaha gikulikiranywe. Iyo ngingo yateganyaga kandi ko abatabihanirwa ari uwashakanye na nyiri icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, ababyeyi be, abavandimwe be cyangwa abo bashyingiranye kugarukira ku rwego rwa kane rukubiyemo. Iyo ngingo yaje guhindurwa n'Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana mu ngingo yaryo ya 478. Iyo ngingo yagiraga iti: Mu bihe byateganyijwe mu ngingo ya 477¹⁶ y'iri tegeko ngenga, urukiko rushobora gusonera igihano cyari gikwiye abafitanye isano n'uwakoze icyaha, uwo bashyingiranywe, ababyeyi be cyangwa abo mu muryango we kugeza ku rwego rwa kane.

[30] Mu ivugurura ry'igitabo cy'amategeko ahana ryakozwe mu mwaka wa 2018, iyo ngingo ntiyahindutse cyane. Mu nyandiko Urukiko rwabonye, y'ikiganiro cyatanzwe n'umukozi wa Komisiyo ishinzwe ivugurura ry'amategeko ku mushinga w'Itegeko ryo mu 2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange rivugurura Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, basobanuraga ko igishya kiri mu mushinga ari uko uwashyingiranywe n'uwakoze icyaha adasonerwa buri gihe igihano iyo yabaye icyitso cy'uwo bashyingiranywe. Iyo nyandiko yavugaga ko asonerwa gusa iyo

¹⁶ Umuntu wese, uretse uwakoze icyaha cyangwa icyitso cyo:

1° uhisha abizi, ibintu cyangwa ibikoresho byakoreshejwe cyangwa byagenewe gukoreshwa icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye, kijyanye n'umudendezo w'igihugu, ibikoresho cyangwa inyandiko byabonetse bikomotse kuri bene icyo cyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye; 2° ushwanyaguza, wiba, uhisha cyangwa uhindura nkana inyandiko zose zashoboye gufasha kugenzura icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, gutahura ibimenyetso cyangwa guhana abakoze icyaha kijyanye n'umudendezo w'igihugu; ahanwa nk'uwakoze icyaha cyo guhisha nk'uko kivugwa mu ngingo ya 326 y'iri Tegeko Ngenga.

yabimuhishe (bagomba kuba barashatse kuvuga « yamuhishe »), yahishe ibyo yibye cg yononnye ibimenyetso byari gutuma hagenzwa icyaha cyakozwe n'uwo bashyingiranywe. Mu bindi bihe (utuma hakorwa icyaha akoresheje igihembo, utanga ibikoresho bigamije gukoreshwa icyaha, uwashishikarije gukora icyaha, utuma undi akora icyaha akoresheje imbwirwaruhame), uwashyingiranywe wabaye icyitso ntasonerwa. Ibikorwa inyandiko yavugaga ko byasonerwa ni nabyo bigaragara mu duce twa 5 d), 5 e) na 5 f) twavuzwe mu gika cya 2 cy'uru rubanza, tw'ingingo ya 2 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ryavuzwe haruguru; ariko ingingo yakomeje kwandikwa nk'uko yari isanzwe imeze mu itegeko ryavuguruwe. Ibivugwa muri iyo

nyandiko bisa kandi n'ibigaragara mu mategeko ahana y'ibihugu bitandukanye nka Vanuatu¹⁷, Leta ya Nevada¹⁸, Cameroun¹⁹

¹⁷ Art.34. Accessory after the fact:

(1) An accessory after the fact shall mean a person who, knowing or having reasonable cause to suspect that another person has committed a criminal offence, shelters such person or his accomplice from arrest or investigation, or has possession of or disposes of anything taken, misappropriated or otherwise obtained by means of the offence or used for the purpose of committing the offence.

(2) Subsection (1) shall have no application to any ascendant, descendant, sibling or the spouse of the person sheltered.

(3) An accessory after the fact shall be punished as a principal offender.

¹⁸ NRS 195.030 Accessories:

1. Every person who is not the spouse or domestic partner of the offender and who, after the commission of a felony, destroys or conceals, or aids in the destruction or concealment of, material evidence, or harbors or conceals such offender with intent that the offender may avoid or escape from arrest, trial, conviction or punishment, having knowledge that such offender has committed a felony or is liable to arrest, is an accessory to the felony.

2. Every person who is not the spouse, domestic partner, brother or sister, parent or grandparent, child or grandchild of the offender, who, after the commission of a gross misdemeanor, harbors, conceals or aids such offender with intent that the offender may avoid or escape from arrest, trial, conviction or punishment, having knowledge that such offender has committed a gross misdemeanor or is liable to arrest, is an accessory to the gross misdemeanor.....

¹⁹ SECTION 100: Accessory after the Fact:

(1) An accessory after the fact shall mean a person who after the commission of a felony or misdemeanour shelters an offender or his accessories from arrest or from Investigation, or who has custody of or disposes of anything taken, misappropriated or otherwise obtained by means of the offence.

(2) This Section shall not apply as between husband and wife.

Urukiko rusanga, niba ibikubiye muri iyo nyandiko aribyo byari bigamijwe hashyirwaho igika cya kane cy'ingingo ya 84, byaragombaga kwandikwa ku buryo busobanutse.

[31] Urukiko ruratanga inama ko ingingo ya 84 igika cya 4 yakwandikwa neza ikagaragaza, mu buryo busobanutse, icyo umushingamategeko yari agamije ayishyiraho, igahuzwa n'ibiteganyijwe mu ngingo ya 29 agace ka 4 y'Itegeko Nshinga.

A.2. Kumenya niba kubuza kugabanya ibihano kubera impamvu nyoroshyacyaha nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 92 n'ingingo ya 133 igika cya 3 z'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyira ibyaha n'ibihano muri rusange binyuranyije n'ingingo ya 29, n'iya 151 z'Itegeko Nshinga.

a. Ibisobanuro bitangwa na Kabasinga Florida

[32] Kabasinga Florida n'umwunganira bavuga ko ingingo ya 92 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyira ibyaha n'ibihano muri rusange²⁰, n'ingingo ya 133 igika cya gatatu y'iryo Tegeko²¹, binyuranyije n'ingingo ya 29, n'iya 151 z'Itegeko Nshinga, kubera impamvu zikurikira:

a. Izo ngingo uko ari 2 zinyuranyije n'ingingo ya 29 kuko zituma umuntu uhanirwa icyaha cya Jenocide cyangwa cyo gusambanya umwana utarageza ku myaka 14 atabona ubutabera buboneye, mu gihe adashobora

²⁰ Umuntu wese ukoze kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 91 y'iri tegeko (iyi ngingo itanga igisobanuro cy'icyaha cya Jenocide) aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.

²¹ Iyo gusambanya umwana byakorewe ku mwana uri muni y'imyaka cumi n'ine (14), igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.

kugabanyirizwa igihano kabone n'ubwo haba hari impamvu nyoroshyacyaha.

b. Uwahamwe n'icyaha giteganyijwe n'imwe muri izo ngingo bimwima uburenganzira bwo kugabanyirizwa igihano mu gihe hari impamvu nyoroshyacyaha, ndetse bikamwima uburenganzira bwo kujuririra igihano gusa mu gihe yahamwe n'icyaha, bikaba rero bibangamiye uburenganzira bw'uregwa bwo guhabwa ubutabera buboneye, kuko butangirira mu iperereza, bukageza umuntu ahamwe n'icyaha agahabwa igihano.

c. Kuba umuntu yabuzwa kimwe mu bigize inzira zimaze kuvugwa, aba yimwe ubutabera n'itegeko ryagombaga kumurengera. Ibi bikaba byaremejwe n'Urukiko rw'Ikirenga rw'u Rwanda rwifashishije inyandiko z'abahanga ndetse n'ibyemezo by'inkiko zo mu bindi bihugu zasuzumye ikibazo gifitanye isano n'iki, aho rwagize ruti:” Urukiko rusanga mu manza nshinjabyaha, uburenganzira ku butabera buboneye butangirana n'ibikorwa by'iperereza, bugakomereza ku bikorwa by'ikurikiranacyaha, iby'iburanisha n'itangwa ry'ibihano ku byaha biteganyijwe n'amategeko ahana. Bivuze ko n'ibirebana n'isuzumwa ry'impamvu nyoroshyacyaha n'ibihano biri mu gice cy'iburanisha, nabyo bigomba kubahiriza amahame agize ubutabera buboneye kuri izo ngingo”.

d. Iyo urebye ingingo ya 49, igika cya mbere, y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyira ibyaha n'ibihano muri rusange, usangamo ibyo umucamanza

akurikiza mu gutanga igihano²², ku buryo kunyuranya nabyo byaba ari ukunyuranya n'ibigize uburenganzira ku butabera buboneye mu itangwa ry'igihano.

e. Mu gusesengura ingingo ya 92 na 133 igika cya 3, usanga ububasha bw'umucamanza bugarukira gusa ku kureba niba uregwa ahamwa n'icyaha, kuko igihano cyo kiba giteganyijwe n'itegeko, ibi bikaba bivuguruzwa ingingo ya 49 iteganywa ibyho umucamanza ashingiraho atanga igihano. N'ubwo ibyaha bivugwa mu ngingo zombi ari ibyaha bikomeye kandi bikwiye koko guhanwa ku buryo bukomeye, ntihabura impamvu nyoroshyacyaha zatuma uwabikoze agabanyirizwa ibihano.

f. N'ubwo igihugu cyiyemeje gukumira no kurwanya Jenocide, icyo cyaha kiramutse kigaragaye ku munyarwanda cyangwa umunyamahanga, ubwe akishyikiriza ubutabera, cyangwa se mu gihe akurikiranywe agafasha inzego z'iperereza kumenya abacuze uwo mugambi batari bazwi, ntiyabura kugabanyirizwa igihano kubera umusanzu aba atanze mu butabera. Icyaha cya Jenocide gikorwa rwihishwa ku buryo kubona abatangabuhamya bigorana, umucamanza bikaba bitamworohera kumenya ukuri.

g. Ku bireba icyaha cyo gusambanya umwana uri muni y'imyaka 14, n'ubwo byumvikana ko ari icyaha abantu benshi bumva ko kitakwihanganirwa, n'umucamanza uca bene izo manza aba yumva uburemere bwazo, ku buryo bidakwiye gukuraho ko hashobora kubaho impamvu

²² Umucamanza atanga igihano akurikije uburemere bw'icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye agikora, uko uwagikoze yari asanzwe yitwara, imibereho ye bwite n'uburyo icyaha cyakozwemo.

zabanjirije icyaha, izagikurikiye cyangwa izagiherekeje, zagabanya ubukana bwacyo ku buryo uwagikoze yagabanyirizwa igihano mu bushishozi bw'Urukiko.

h. Izi ngingo ziniga kandi ubwisanzure bw'umucamanza bwo gushyira mu gaciro mu gihe cyo kugena igihano, zikanabangamira ubwigenge bwe mu guca imanza zitabera, kuko zimubuza kugereranya ibyatuma atanga igihano gito cyangwa kinini. Guha umucamanza igihe cyo gutekereza ku guhamya umuntu icyaha cyangwa kumugira umwere, ukamubuza gutekereza ku gihano gikwiranye n'ibikorwa byakozwe, ni ukumwambura ubwisanzure no kwambura ababuranyi uburyo bashyiriweho bwo kubona ubutabera buboneye.

i. Izi ngingo zinaburizamo ubwigenge bw'umucamanza buteganywa n'ingingo ya 4 n'iya 5 z'Itegeko n° 09/2004 ryo ku wa 29/04/2004 ryerekeye imyitwarire mu kazi k'ubucamanza²³. Ibi byashimangiwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC, mu gika cya 35, aho rwagize ruti: "Ihame ry'ubwigenge bw'umucamanza mu kazi ke, rijyana n'ihame ry'ubwigenge bw'Urwego rw'Ubucamanza. Rifatwa nk'ubwisanzure umucamanza afite bwo kuburanisha no guca imanza mu nzira n'uburyo biteganywa n'amategeko, akabikora nta gitutu icyo aricyo cyose cyaba icy'inzego za Leta, n'icy'abandi ».

²³ Umucamanza yigenga mu kazi ke. Asuzuma, mu bwisanzure, ibirego yashyikirijwe kandi akabifataho ibyemezo, atitaye ku bamushyiraho igitugu. Mu manza yaregewe, umucamanza agomba kwirinda ikintu cyose cyatuma afata ibyemezo byaba binyuranyije n'imiburanishirize yagenwe n'amategeko. Ategetswe guca urubanza akurikije amategeko.

j. Ubwigenge bw'umucamanza bwashobanuwe no mu rubanza R. v. Beauregard, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada, mu magambo akurikira: « *The core of the principle of judicial independence is the complete liberty of the judge to hear and decide the cases that come before the court; no outsider, be it Government, pressure group, individual or even another judge should interfere, or attempt to interfere, with the way in which a judge conducts a case and makes a decision* ».

[33] Ashingiye ku mpamvu zimaze kuvugwa, Kabasinga Florida asaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza ko ingingo ya 92 n'ya 133 igika cya 3 zinyuranyije n'Itegeko Nshinga, rukanategeka ko zivanwaho.

b. Ibisobanuro bitangwa na Niyomugabo Ntakirutimana

[34] Niyomugabo Ntakirutimana n'abamuhagarariye basobanura ko kuba ingingo ya 133 igika cya 3 y'itegeko ryavuzwe haruguru iteganya igihano ntayegayezwa ku cyaha cyo gusambanya umwana utarageza ku myaka 14, kabone n'iyaha hari impamvu nyoroshyacyaha, byazatuma atabona ubutabera buboneye yemererwa n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 29 mu rubanza afite mu Rukiko rw'Ubujurire. Bavuga ko muri urwo rubanza akurikiranyweho icyaha cyo gusambanya umwana utarageza ku myaka 14, inkiko zikaba zidashobora kumugabanyiriza igihano kuko umucamanza azitiwe n'ingingo ya 133 igika cya 3.

[35] Niyomugabo Ntakirutimana n'abamuhagarariye bongeraho ko iyi ngingo ikwiye gukurwaho kuko idaha umucamanza ubwinyagamburiro bwo kuba yagabanya igihano,

ndetse ikaba inyuranye n'ihame ry'uko abantu bose bareshya imbere y'amategeko bakaba bagomba gufatwa kimwe. Ibindi bavuga bihura n'ibyagarutsweho na Kabasinga Florida.

c. icyo Intumwa za Leta zibivugaho

[36] Abahagarariye Leta y'u Rwanda bavuga ko basanga nta mpamvu yo kubyisobanuraho kuko Urukiko rw'Ikirenga rwabifasheho icyemezo mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC, mu bika byarwo bya 39²⁴ na 40²⁵, ndetse runatanga inama ku zindi ngingo zifite ikibazo kimwe ariko zitaregewe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[37] Urukiko rurasanga ikibazo gisa n'iki cyarasuzumwe mu rubanza RS/INCONST/SPEC00003/2019/SC rwaciwe ku wa 04/12/2019, mu kirego Kabasinga Florida yari yashyikirije uru Rukiko arusaba kwemeza ko ingingo ya 133, agace kayo ka 4 karebana no gusambanya umwana bigakurikirwa no kubana nk'umugabo n'umugore, inyuranyije n'ingingo ya 29 n'iya 151 z'Itegeko Nshinga. Itandukaniro rihari gusa, ni uko ubu Kabasinga Florida na Niyomugabo Ntakirutimana baregera

²⁴ Igika cya 39 hashingiwe ku bisobanuro bitanzwe mu bika bibanziriza iki, ibiteganywa n'ingingo ya 133 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ko iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, binyuranye n'ingingo ya 151,5 y'Itegeko Nshinga iteganya ko abacamanza bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge, kuko babujijwe gushingira ku mpamvu nyoroshyacyaha batanga igihano gikwiye.

²⁵ Igika cya 40: hari izindi ngingo ziteganywa ibihano bidashobora kugabanywa, Urukiko rukaba nta cyemezo rwazifataho kuko zitaregewe. Leta yazisuzuma ikareba niba zidakwiye guhindurwa kugirango zihuzwe n'ibivugwa muri uru rubanza.

ingingo ya 133 igika cya 3, n'ingingo ya 92 ku bireba Kabasinga Florida, ariko ibibazo bagaragaza ni bimwe, aribyo kuba izo ngingo zinyuranyije n'amahame y'uburenganzira ku butabera buboneye, n'ubwigenge bw'umucamanza mu kugena igihano.

[38] Muri urwo rubanza, Urukiko rwasanze ibiteganywa n'ingingo ya 133 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ko iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, binyuranye na rimwe mu mahame agize uburenganzira ku butabera buboneye rivuga ko umucamanza atanga igihano akurikije uburemere bw'icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye agikora, uko uwagikoze yari asanzwe yitwara, imibereho ye bwite n'uburyo icyaha cyakozwemo, rwemeza ko inyuranye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

[39] Urukiko rwasanze kandi, ibiteganywa n'ingingo ya 133 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ko iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, binyuranyije n'ingingo ya 151(5°) y'Itegeko Nshinga iteganya ko abacamanza bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge, kuko babujijwe gushingira ku mpamvu nyoroshyacyaha batanga igihano gikwiye.

[40] Mu gika cya 40 cy'urwo rubanza, Urukiko rwagaragaje ko hari izindi ngingo ziteganywa ibihano bidashobora kugabanywa, ariko rukaba ntacyo rwazivugaho kuko zitaregewe; rutanga inama ko Leta yazisuzuma, zigahindurwa kugira ngo zihuzwe n'ibivugwa muri urwo rubanza. Uru Rukiko rurasanga ingingo ya 92 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018, igice

cyayo kigira kiti “kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha”; n’ingingo ya 133 igika cya 3, agace kavuga ko iyo gusambanya umwana byakorewe ku mwana uri muni y’imyaka cumi n’ine (14), igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, ziri mu zivugwa mu gika cya 40 cy’urubanza RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC. Urukiko rusanga rero, uduce tw’izo ngingo tumaze kuvugwa, natwo tunyuranyije n’amahame y’uburenganzira ku butabera buboneye n’ubwigenge bw’umucamanza mu kugena igihano, hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC bitari ngombwa kugarukaho kuko ikibazo kivugwaho ari kimwe, bityo tukaba tunyuranyije n’ingingo ya 29, n’iya 151 z’Itegeko Nshinga.

[41] Urukiko ruributsa inama yari yatanzwe mu rubanza RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC rwaciwe ku wa 04/12/2019, ivuga ko izindi ngingo ziteganywa ibihano bidashobora kugabanywa, Urukiko rutagize icyo ruvugaho kuko zitaregewe, Leta yazisuzuma zigahindurwa kugira ngo zihuzwe n’ibivugwa muri urwo rubanza.

A.3. Kumenya niba ibivugwa mu ngingo ya 271 y’Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n’ibihano muri rusange ko “Umuntu wese uhimba, ukoresha cyangwa ukwirakwiza mu buryo ubwo ari bwo bwose impapuro zivunjwamo amafaranga, aba akoze icyaha”, binyuranyije n’ingingo ya 29 y’Itegeko Nshinga

a. Ibisobanuro bitangwa na Kabasinga Florida

[42] KABASINGA Florida n'umwunganira batanga ibisobanuro bikurikira:

a. Ingingo ya 271²⁶ y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ifite ibikorwa bitatu kandi buri cyose kikaba kigize icyaha ukwacyo. Ibyo bikorwa ni uguhimba impapuro mvunjwafaranga, gukoresha impapuro mvunjwafaranga, no gukwirakwiza impapuro mvunjwafaranga.

b. Igikorwa cya mbere kigize icyaha cyo guhimba impapuro mvunjwafaranga nta kibazo giteye kuko guhimba inyandiko iyo ari yo yose ari icyaha. Ibikorwa bindi bibiri nibyo byanditse mu buryo bubangamira Itegeko Nshinga, kuko gukoresha gusa impapuro mvunjwafaranga atari icyaha. Umushingamategeko akaba yaragombaga gutandukanya abakoresha impapuro mvunjwafaranga zihimbye kandi babizi, n'abazikoresha mu buryo bwemewe n'amategeko.

c. Imyandikire y'iyi ngingo isa n'ibuza ikoreshwa ry'impapuro mvunjwafaranga mu Rwanda, ndetse n'ikwirakwiza ryazo, hakaba hakwiye gutandukanywa uwazikwirakwije mu buryo bunyuranyije n'amategeko n'uwabikoze mu nyungu z'ikigo akorera. Mu bikorwa bigize iki cyaha kandi, haburamo ubushake bwo gukora icyaha (*intention de nuire*). Inyandiko zitandukanye z'abahanga mu mategeko zigaragaza ko kugira ngo

²⁶ “Umuntu wese uhimba, ukoresha cyangwa ukwirakwiza mu buryo ubwo ari bwo bwose impapuro zivunjwamo amafaranga, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'amafaranga y'amahimbano”.

habeho icyaha, uwagikoze agomba kuba yagize umutima mubi wo kwangiza cyangwa gukora ibikorwa bitemewe, bigamije kubuza umudendezo sosiyete, azi neza ko icyo akoze gifite ingaruka mbi ku wo gikorewe, ari byo byitwa *dol spécial*.

d. Hashingiwe ku ngingo ya 2, agace ka mbere, y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ryavuzwe haruguru, mu gutanga inyito y'icyaha umushingamategeko aba akwiye kugaragaza igikorwa avuga ko kigize icyaha. Iyo ngingo ivuga ko icyaha ari igikorwa kibujijwe n'itegeko, cyangwa kwanga gukora igitegetswe ku buryo bihungabanya umutekano w'abantu.

e. Ingingo ya 271 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ibangamiye ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, kuko urukiko rutatanga ubutabera buboneye mu gihe ibikorwa bigize icyaha bitagaragaza icyo bibangamiyeho sosiyete.

[43] Ashingiwe ku mpamvu zimaze kuvugwa, Kabasinga Florida asaba Urukiko kwemeza ko ingingo ya 271 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ritaganyira ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, ikaba yakurwa mu mategeko y'u Rwanda cyangwa ikandikwa ukundi.

b. Icyo Intumwa za Leta zibivugaho

[44] Abahagarariye Leta y'u Rwanda bavuga ko nta kibazo kiri mu myandikire y'ingingo ya 271 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 kubera impamvu zikurikira:

a. Guhimba impapuro mvunjwafaranga, gukoresha izo mpapuro mvunjwafaranga zahimbwe, no gukwirakwiza izo mpapuro mvunjwafaranga zahimbwe mu buryo ubwo

aribwo bwose, biba bigize icyaha. Impapuro mvunjwafaranga zifite uburyo zikoreshwamo bwemewe n'amategeko, kunyuranya nabyo akaba aribyo bigize icyaha giteganywa n'ingingo ya 271 y'Itegeko ryavuzwe haruguru. Gukoresha impapuro mvunjwafaranga no kuzikwirakwiza mu buryo buteganywa n'itegeko, bikaba bitashyirwa mu itegeko riteganywa ibyaha n'ibihano.

b. Ingingo ya 48 y'Itegeko n° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda, iteganywa ko iyi Banki ariyo ifasha mu gukora no gushyira ku isoko inyandiko mvunjwafaranga za Leta, bikaba bidakorwa n'umuntu ku giti cye. Iyo hagize ubikora aba akoze icyaha kibangamiye sosiyete nyarwanda nk'uko biteganywa mu ngingo ya 271 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange.

c. Kuvuga ko iyo ngingo inyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga sibyo, kuko ibigize icyaha aribyo kuba icyaha cyagambiriwe, cyashyizwe mu bikorwa kandi gihanwa n'amategeko, bigomba kuba byuzuye kugirango umuntu afatwe nk'uwakoze icyaha. Kuvuga rero ko mu bigize icyaha giteganywa n'ingingo ya 271 yavuzwe haruguru, haburamo ubushake, sibyo kuko ujya guhimba, gukoresha cyangwa gukwirakwiza impapuro mvunjwafaranga, aba yabigambiriye akanabishyira mu bikorwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[45] Interuro ya mbere y'Ingingo ya 271 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 igira iti: umuntu wese uhimba, ukoresha

cyangwa ukwirakwiza mu buryo ubwo ari bwo bwose impapuro zivunjwamo amafaranga, aba akoze icyaha.

[46] Kabasinga Florida avuga ko iyo usomye iyi ngingo, usanga umushingamategeko ataratandukanyije abakoresha impapuro mvunjwafaranga zihimbye kandi babizi, n'abazikoresha mu buryo bwemewe n'amategeko.

[47] Iyi ngingo iboneka mu cyiciro cya mbere cy'umutwe wa kane w'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018, cyitwa kwigana no guhindura ibimenyetso by'amafaranga. Inyito y'umutwe wa kane ni ibyaha bihungabanya ubwizere bw'igihugu, naho inyito y'ingingo ya 271 ikaba guhimba impapuro zivunjwamo amafaranga, kuzikoresha cyangwa kuzikwirakwiza. Ibi bihujwe n'ibikubiye mu nteruro ya mbere y'ingingo ya 271, birumvikanisha ko icyo umushingamategeko yashatse guhana, ari icyaha cyo guhimba impapuro zivunjwamo amafaranga, ugakoresha cyangwa ugakwirakwiza izo mpapuro zivunjwamo amafaranga zahimbwe. Koko rero, ntabwo umushingamategeko yari guteganya mu bikorwa bihanwa, igikorwa cyo gukoresha no gukwirakwiza impapuro zivunjwamo amafaranga, zakozwe mu buryo bwubahirije amategeko.

[48] Urukiko rwarebye uko ingingo zihana icyaha gisa n'iki mu bindi bihugu zanditse, rusanga hari amategeko agaragaza mu buryo butomoye ko hahanwa guhimba impapuro zivunjwamo amafaranga, gukoresha no gukwirakwiza izo mpapuro zivunjwamo amafaranga zahimbwe. Ibyo bihugu ni nka

Burkinafaso²⁷, Gabon²⁸, Sénégal²⁹, Cote d'ivoire³⁰(muri ibi Bihugu byose, hari ingingo ihana uhimba, hakaba n'indi yihariye ihana ukoresha cyangwa ukwirakwiza ibyahimbwe ari nayo yerekanywe hano).

[49] Urukiko rurasanga ikibazo kigaragazwa na Kabasinga Florida ku bijyanye n'ingingo ya 271 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, kidakwiye gushakirwa mu kuba yaba inyuranyije n'Itegeko Nshinga, ahubwo cyaba ari ikibazo cy'imyandikire ishobora kunozwa kugira ngo yumvikane kurushaho. Urukiko rukaba rusanga rero, iyi ngingo itanyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga. Urukiko ruratanga ahubwo inama ko mu gihe cyo

²⁷ Article 253, al 1 code pénal de 1996:

Est puni des peines prévues aux articles 250, 251 et 252, selon les distinctions qui y sont portées, quiconque participe à l'émission, l'utilisation, l'exposition, la distribution, l'importation de signes monétaires contrefaits, falsifiés, altérés ou colorés ».

²⁸ Art. 230 code pénal de 2019:

« Quiconque aura contrefait, falsifié, altéré ou détruit des billets de banque ou pièces de monnaie ayant cours légal au Gabon, ou participé à l'émission ou à l'exposition desdites pièces ou billets contrefaits, falsifiés ou altérés ou à leur introduction sur le territoire gabonais, sera puni de la réclusion criminelle à perpétuité ».

²⁹ Article 120, al. 1 code penal de 1965:

« Quiconque aura participé à l'émission, l'utilisation, l'exposition, la distribution, l'importation ou l'exportation de signes monétaires contrefaits, falsifiés, altérés ou colorés sera puni des peines prévues aux articles ci-dessus, selon les distinctions qui y sont portées ».

³⁰ Article 293-2, al. 1 code penal de 1981:

Est passible des peines prévues ci-dessus selon les distinctions susvisées, celui qui participe à l'émission, l'utilisation, l'exposition, la distribution, l'importation ou l'exportation des signes monétaires contrefaits, falsifiés, altérés ou colorés ».

kuvugurura itegeko, iyi ngingo yakwandikwa mu buryo bwumvikana kurushaho ku bayikoresha.

B. Ingingo Kabasinga Florida avuga ko ibangamiye ihame ry'ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru

a. Kumenya niba ingingo ya 256 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga

a. Ibisobanuro bitangwa na Kabasinga Florida

[50] Kabasinga Florida n'umwunganira bavuga ko ingingo ya 256 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'Itegeko Nshinga bashingiye ku mpamvu zikurikira:

a. Ibigize icyaha kivugwa mu ngingo ya 256 ni ugutangaza ibitekerezo ugamije kuyobya umucamanza cyangwa umutangabuhamya, ariko iyo ngingo ntisobanura aho ibyo bitekerezo bitangarizwa. Ntibisobanutse niba bigomba gutangazwa imbere mu rubanza, nyamara ibyo umucamanza ashingiraho aca urubanza ari ibintu bidatangazwa na rubanda, umuntu ku giti cye cyangwa ibitangazamakuru, kuko ashingira ku nyandiko n'ibindi bimenyetso afite muri dosiye. Mu mahame ashingirwaho mu guca imanza, umucamanza aca urubanza adashingiye ku byo aruziho, yaba ibyo yasomye cyangwa yumvise bitangazwa, ibyo bigashimangira ko adashobora kuyobya n'ibyatangajwe mu buryo ubwo ari bwo bwose bitavugiye mu iburanisha.

b. Ingingo ya 151(5) y'Itegeko Nshinga iteganya ko abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakora umurimo wabo mu bwigenge, batavugirwamo n'ubutegets cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose. Kuba Itegeko Nshinga riteganya ko umucamanza atavugirwamo n'ubutegets cyangwa ubuyobozi, byumvikana ko n'umuturage atamuvugiramo.

c. Ku bijyanye no kuba ibyatangajwe byayobya umutangabuhamya, ntibyashoboka harebwe igisobanuro cy'ubuhamya giteganyijwe n'ingingo ya 62 y'Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo. Iyo ngingo iteganya ko ubuhamya ari ibivugwa mu rukiko n'umuntu wabibonye cyangwa wabyumvise ubwe ku byerekeye ikiburanwa. Niba rero ubuhamya ari ibyo umuntu yibonye cyangwa yiyumviye ubwe, umushingamategeko ntakwiye guterwa impungenge n'uko hari umuntu uzumva ibintu bitangazwa na rubanda cyangwa na radio ngo abikoreshe mu butabera nk'ubuhamya.

d. Kubuza abantu kugira ibyo batangaza mu itangazamakuru cyangwa mu biganiri bitewe n'uko bumva ibyabaye, byaba bibangamiye ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru buteganyijwe mu ngingo ya 38 y'Itegeko Nshinga.

e. Ingingo ya 256 y'Itegeko ryavuzwe haruguru ikumira buri muntu kuvuga cyangwa gutanga igitekerezo cye ku gikorwa cyabaye, mu gihe kiri gukurikiranwa mu nkiko, kugira ngo bitazitwa ko yari agamije kuyobya umucamanza, kandi nyamara uwo mucamanza ari we ukwiye kwirinda gutwarwa cyangwa gushingira ku byo

yumvise ahandi hatari mu iburanisha cyangwa muri dosiye.

f. Iyi ngingo ibangamira n'itangazamakuru kuko ibikorwa byinshi bigize ibyaha cyangwa se bikurikiranwa mu nkiko bikunze kwandikwaho n'itangazamakuru. Umunyamakuru watangaza inkuru ku kibazo kiri mu nkiko, ashobora kutagira ubwisanzure buhagije mu gihe nta buryo bwo kumenya ibyitwa ko biyobya umucamanza cyangwa umutangabuhamya.

g. Iyi ngingo yatuma kandi abayobozi ndetse n'inzego z'umutekano zirinda gutanga ibiganiro bifite aho bihuriye n'ibikorwa bishobora gukurikiranwa mu nkiko, ndetse bishobora no kubuza abakorera abandi ubuvugizi gutangaza ndetse no kugaragaza uko bumva ibintu kugira ngo bitazitwa ko bari bagamije kuyobya umucamanza cyangwa abatangabuhamya.

h. Kuba umutururwanda yatangaza uko atekereza ibintu bifite aho bihuriye n'ibibazo biri mu nkiko, ndetse n'itangazamakuru uko ryabitangaza kose, ntibyatumye umucamanza cyangwa umutangabuhamya bahindura umurongo bakwiye gufata ku mwanzuro batanga cyangwa ku buhamya batanga, kandi si ngombwa ko ibyatangajwe n'abandi bantu bihura n'icyemezo cy'urukiko cyangwa n'ubuhamya butangwa. Urega atanga urugero ku rubanza rwatambutse mu itangazamakuru, n'abantu bakarutangaho ibitekerezo bitandukanye, aho ibitangazamakuru byavugaga ko itsinda ry'abakobwa bakubise mugenzi wabo, bagamije kumwica, bakanamwangiza imyanya ndangagitsina. Nyamara mu rubanza hakaba nta na hamwe byagaragaye ko uwo mukobwa yangijwe imyanya ndangagitsina.

[51] Kabasinga Florida n'umwunganira bavuga ko bashingiye ku mpamvu zavuzwe haruguru, basanga ingingo ya 256 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga, bakaba basaba Urukiko ko yakurwa mu mategeko ahana ibyaha mu Rwanda.

b. icyo Intumwa za Leta zibivugaho

[52] Abahagarariye Leta y'u Rwanda bavuga ko ingingo ya 256 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 idateye impungenge, kuko utangaje inkuru ku rubanza ruri mu rukiko ariko rutaracibwa adafatwa nk'ushaka kuyobya, keretse bigaragajwe n'inzego zishinzwe kugenza ibyaha ko aribyo yari agamije.

[53] Bavuga ko ntaho iyo ngingo inyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga, kuko itavuga abanyamakuru, kandi nabo bakaba basanzwe bagaragaza ibitekerezo byabo ku manza zikiburanishwa ntibakurikiranweho icyaha cyo gushaka kuyobya umutangabuhamya cyangwa umucamanza, kuko biba bigaragara ko ataricyo kigamijwe. Urugero rw'urubanza rw'itsinda ry'abakobwa bakubise mugenzi wabo hagatangazwa ibintu byinshi mu itangazamakuru bitagira aho bihuriye n'ukuri, rugaragaza ko ingingo ya 256 yavuzwe itanyuranyije n'iya 38 y'Itegeko Nshinga kuko ibitari ukuri abanyamakuru batangaje, bitafashwe nko kuyobya umucamanza cyangwa abatangabuhamya mu gihe atari cyo cyari kigamijwe hatangazwa izo nkuru.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[54] Ingingo ya 256 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko umuntu wese utangaza ibitekerezo agamije kuyobya abatangabuhamya cyangwa icyemezo cy'umucamanza mbere y'uko urubanza rucibwa, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

[55] Icyaha giteganyijwe mu ngingo imaze kuvugwa, kiri mu byaha bivugwa mu cyiciro cya 5 cy'umutwe wa 3 w'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018, cyerekeye gutambamira imigendekere myiza y'ubutabera. Ibyaha bigamije gutambamira imigendekere myiza y'ubutabera bihabwa inyito zitandukanye bitewe n'ibihugu. Mu bihugu bikoresha common law³¹, hari ibyo bita *contempt of court* bigaragara mu mategeko y'u Rwanda

³¹ In common law jurisdictions, contempt of court has traditionally been classified as either in facie curiae (in front of the court) or ex facie curiae (outside the court). Examples include yelling in the court room, publishing matters which may prejudice the right to a fair trial ("trial by media"), or criticisms of courts or judges which may undermine public confidence in the judicial system ("scandalizing the court")

The common law doctrine of contempt of court does not exist in civil law jurisdictions in such a broad, encompassing sense, but there are undoubtedly functional equivalents, particularly in matters relating to freedom of expression; Background Paper on Freedom of Expression and Contempt of Court for the International Seminar Promoting Freedom of Expression with three specialized international mandates, London, United Kingdom, 29-30 November 2000, p 1-2 (<https://www.article19.org/data/files/pdfs/publications/freedom-of-expression-and-internet-regulation.pdf>).

n'ubwo byose bidahabwa iryo zina, bisobanurwa mu byiciro bitatu bukurikira:

a. Ibyaha bikorewe mu rukiko, birimo imyitwarire ituma iburanisha ritagenda neza, bikabangamira imigendekere myiza y'ubutabera. [*contempt in the face of the court (contempt in facie curiae), which comprises conduct that deliberately disrupts or obstructs court proceedings and is prejudicial to the course of justice*)]³². Ibi byafatwa nk'ibyaha bibereye mu iburanisha (délits d'audience) bivugwa mu ngingo ya 80 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu.

b. Ibyaha byo gutesha agaciro urukiko, gutangaza ibintu bitari byo ku rukiko cyangwa ku mucamanza bishobora gutuma abantu batera icyizere urwego rw'ubucamanza (scandalizing the court, making or publishing untrue allegations about a court or judge that would undermine public confidence in the judiciary)³³. Bene ibi byaha biboneka mu Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018, mu cyiciro cy'ibyaha byitwa gutesha agaciro ubutabera no gusagarira abakora mu nzego z'ubutabera.

c. Ibyaha byo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera, hakoreshejwe gutangaza ibirebana n'urubanza rukiburanishwa mbere y'uko ricibwa (*sub*

³² Law Reform Commission of Ireland, Contempt of Court and other Offences and Torts Involving the Administration of Justice, 2016, p. 11 (<https://www.lawreform.ie/news/issues-paper-on-contempt-of-court-and-other-offences-and-torts-involving-the-administration-of-justice.644.html>)

³³ Law Reform Commission of Ireland, Contempt of Court and Other Offences and Torts Involving the Administration of Justice, op. cit, p. 11.

*judice contempt*³⁴, publishing prejudicial material about pending court proceedings that would interfere with the administration of justice³⁵). Ibiteganyijwe mu ngingo ya 256 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018, bihura n'ibivugwa muri iki cyiciro.

[56] Nyuma y'ibi bisobanuro rusange, Urukiko rurasuzuma niba ibivugwa mu ngingo ya 256 yavuzwe haruguru bibangamiye ihame ry' ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo riteganyijwe mu ngingo ya 38 y'Itegeko Nshinga. Iyi ngingo igira iti: ubwisanzure bw'itangazamakuru, ubwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru buremewe kandi bwubahirizwa na Leta. Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo guhabwa amakuru ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyifatire mbonezabupfura, ukurengera urubyiruko n'abana, n'uburenganzira bw'umwenehugu bwo kugira icyubahiro n'agaciro, ubwo kutagira uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we. Uko ubwo bwisanzure bukoreshwa n'iyubahirizwa ryabwo biteganywa n'amategeko.

[57] Muri urwo rwego, hifashishijwe inyandiko zinyuranye, hararebwa niba ihame ry'ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo ari ihame ndakuka (*absolu*), cyangwa niba ari ihame rifite imbibi rigarukiraho (limitations), izo arizo n'uburyo zisobanurwa n'izindi nkiko kimwe n'abahanga mu mategeko, hanyuma hasuzumwe niba ibiteganyijwe mu ngingo ya 256 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 birebwa cyangwa bitarebwa n'izo mbibi.

³⁴ Sub *judice contempt*”, or contempt in connection with pending proceedings, relates to publications concerning pending proceedings that are intended to interfere with the administration of justice”; *Ibid.*, p. 11.

³⁵*Ibid.*, p. 11.

[58] Ihame ry'ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo ryagiye rigarukwaho n'amasezerano mpuzamahanga anyuranye u Rwanda rwashyizeho umukono akinjizwa mu rwego rw'amategeko Iguhugu kigenderaho, by'umwihariko Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki, mu ngingo yayo ya 19³⁶.

[59] Nk'uko bigaragara mu ngingo ya 38 y'Itegeko Nshinga kimwe no mu ngingo ya 19 y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki, ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo si ihame ndakuka; rifite imbibi. Ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga igaragaza uburenganzira iryo hame ritagomba kubangamira, ikongeraho ko uburyo ubwo bwisanzure bukoreshwa n'iyubahirizwa ryabwo bigenwa n'amategeko. Ingingo ya 19,3 y'Amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano no mu bya politiki, iteganya ko ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo bugira ibyo bugomba kubahiriza, bukaba bugomba kugira aho bugarukira mu buryo

³⁶ Art. 19:

1. Nul ne peut être inquiété pour ses opinions.
 2. Toute personne a droit à la liberté d'expression; ce droit comprend la liberté de rechercher, de recevoir et de répandre des informations et des idées de toute espèce, sans considération de frontières, sous une forme orale, écrite, imprimée ou artistique, ou par tout autre moyen de son choix.
 3. L'exercice des libertés prévues au paragraphe 2 du présent article comporte des devoirs spéciaux et des responsabilités spéciales. Il peut en conséquence être soumis à certaines restrictions qui doivent toutefois être expressément fixées par la loi et qui sont nécessaires:
 - a) Au respect des droits ou de la réputation d'autrui;
- A la sauvegarde de la sécurité nationale, de l'ordre public, de la santé ou de la moralité publique.

buteganywa n'itegeko kandi buri ngombwa mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira bw'abandi.

[60] Hakurikijwe aya masezerano mpuzamahanga, kugabanya ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo bigomba kuba biteganyijwe n'itegeko, bikaba bigamije imwe mu mpamvu zifite ireme zivugwa mu mu ngingo ya 19 (3), kandi biri ngombwa mu rwego rwo kurengera iyo mpamvu (*Under the ICCPR, restrictions must meet a strict three-part test*³⁷. *First, the interference must be provided for by law. Second, the interference must pursue one of the legitimate aims listed in Article 19 (3). Third, the interference must be necessary to secure that aim*). Ibi byanagarutsweho mu mahame ya SIRACUSA yerekeye imbibi n'irengayobora ku biteganyijwe mu masezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbenezamubano no mu bya politiki, mu ngingo yayo ya 10 (*Whenever a limitation is required in the terms of the Covenant to be "necessary," this term implies that the limitation..... pursues a legitimate aim, and is proportionate to that aim*)³⁸

[61] Mu burenganzira bw'abandi buvugwa mu ngingo ya 19, 3 (a) nk'imwe mu mpamvu zifite ireme ishobora gutuma habaho gushyira imbibi ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo, humvikanamo uburenganzira ku butabera buboneye, burimo n'uburenganzira ku rubanza ruboneye (*The "rights of others" referred to in Article 19(3) (a) undoubtedly includes rights linked*

³⁷ See *Mukong v. Cameroon*, views adopted by the UN Human Rights Committee on 21 July 1994, N°.458/1991, para. 9.7.

³⁸ Background Paper on Freedom of Expression and Contempt of Court for the International Seminar Promoting Freedom of Expression with three specialized international mandates, op. cit., p. 3.

*to the administration of justice, such as the right to a fair trial and the presumption of innocence)*³⁹.

[62] Ibijyanye n'imbibi zishyirwa ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo mu rwego rwo kurengera uburenganzira ku butabera buboneye, byagiye bisobanurwa n'izindi nkiko mu buryo bukurikira:

a. Mu rubanza Cullen v. Toibin rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo muri Ireland, hemejwe ko uburenganzira bwo gutangaza ibitekerezo buteganywa n'Itegeko Nshinga ry'icyo Gihugu, butari ndakuka. Bukaba bushobora kutubahirizwa mu rwego rwo kurengera uburenganzira ku butabera buboneye. Urwo rubanza rusobanura kandi ko inkuru zitangajwe mu gihe urubanza rukirimo kuburanishwa, zishobora kubangamira uburenganzira ku rubanza ruboneye; kubera iyo mpamvu, bikaba byaba ngombwa kugabanya ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo hagamijwe kurengera uburenganzira ku rubanza ruboneye no kwimakaza ubutabera buboneye (*The right to freedom of expression is also protected by Article 40.6.1° of the Constitution of Ireland. This right is not absolute, however, and is subject to limitation. For example, the right may be restricted so as to uphold the right to a fair trial of an accused person and to protect the administration of justice. In cases where a prejudicial publication has been made, this clearly has the potential to impede an accused person's right to a fair trial. Therefore, it may be necessary to*

³⁹ SIRACUSA Principles on the Limitation and Derogation of Provisions in the International Covenant on Civil and Political Rights, Annex, UN Doc E/CN.4/1984/4 (1984).

*restrict the right to freedom of expression so as to protect the right to a fair trial and to maintain the administration of justice. Freedom of the press can, however, only be restricted where this is necessary for the administration of justice)*⁴⁰

b. Mu rubanza Kelly v O'Neill⁴¹ rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Ireland, Urukiko rwasobanuye ko ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo atari ndakuka, ko bushobora gushyirwaho imbibi mu manza zirebana no kubangamira imigendekere myiza y'ubutabera (*the court stated that the protection of freedom of expression is not absolute and may,, be subject to limitation in line with public order and the common good, which applies to cases concerning contempt*).

c. Na none mu rubanza DPP v Independent Newspapers (Irl) Ltd,⁴² rwaciwe n'urwo Rukiko, hasobanuwe ko mu manza zirebana n'ibyaha byo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera, ikibazo ari ukumenya niba ibyatangajwe byari bigamije kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera, cyangwa gutuma abantu bakeka ko habaye kwivanga (*the Supreme Court (Dunne J) explained that the test for sub judice contempt is whether the material published was intended to interfere with the administration of justice, or created the perception of such interference*). Naho mu rubanza *Attorney-General for England and Wales v Times Newspapers Ltd* rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire mu Bwongereza, hasobanuwe ko

⁴⁰ Cullen v Toibín [1984] ILRM 577 at 582, referred to in Contempt of Court and Other Offences and Torts involving the Administration of Justice, op. cit., p. 53.

⁴¹ 1999] IESC 81, [2000] 1 IR 354, at 374.

⁴² [2005] IEHC 353, [2006] 1 IR 366, at paragraph 34.

imanza zirebana n'ibyaha byo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera, ari uburyo bwo gukumira imanza ziciriwe mu itangazamakuru; itangazamakuru rikaba ritagomba kuvuga ku manza zikiburanishwa mu buryo bushobora kuyobya abatangabuhamyi cyangwa abaca imanza (*Sub judice contempt developed as another means to protect the administration of justice, by preventing a "trial by media". The media should not attempt to "prejudge" the issues in a certain case in a way that would influence would-be witnesses or jurors*)⁴³.

d. Mu rubanza *Worm v. Austria*⁴⁴, Urukiko rw'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ku bijyanye n'uburenganzira bwa muntu, rwasobanuye ko kutubahiriza ubwisanzure bwo gutangaza amakuru byari ngombwa mu rwego rwo kurengera uburenganzira ku butabera buboneye, no kwimakaza icyizere rubanda bagomba kugira mu migendekere y'ubutabera (*the interference with freedom of expression was "necessary in a democratic society" in order to protect the right to a fair trial and to maintain public confidence in the administration of justice.....*).

e. Mu rubanza *Sunday Times v. United Kingdom*⁴⁵. Urukiko rw'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ku bijyanye n'uburenganzira bwa muntu rwasobanuye kandi ko, mu gihe ibibazo biri mu rubanza bivuzwe mu buryo bugamije gutuma abantu babyifatiraho umwanzuro mbere

⁴³ Attorney-General for England and Wales v Times Newspapers Ltd [1974] AC 273 at 300; referred to in Contempt of Court and Other Offences and Torts involving the Administration of Justice, op. cit, p. 52.

⁴⁴ 29 August 1997, Application 22714/93, 25 EHRR 454, par.50.

⁴⁵The Sunday Times v. United Kingdom, 26 April 1979, Series A No. 30, 14 EHRR 229, par. 63.

y'uko urubanza rucibwa, bishobora gutuma batakaza icyizere bafitiye inkiko (*If the issues arising in litigation are ventilated in such a way to lead the public to form its own conclusion thereon in advance, it may lose its respect for and confidence in the courts*).

f. Urukiko rw'Uburujire rwa New Zealand, mu rubanza Gisborne Herald Co. Ltd. v. Solicitor General⁴⁶, rwasobanuye ko igihe ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo n'uburenganzira ku rubanza ruboneye bidashobora kubahirizwa byombi, igikwiye ari ukuba hagabanyijwe ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo kugirango hashobore kubaho urubanza ruboneye (...*The present rule is that, where on conventional analysis freedom of expression and fair trial rights cannot both be fully assured, it is appropriate in our free and democratic society to temporarily curtail freedom of media expression so as to guarantee a fair trial*).

g. Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada, rwasobanuye ko icyemezo cyo kubuza gutangaza inkuru gishobora gufatwa iyo ari ngombwa mu rwego rwo gukumira ko habaho kubangamira mu buryo bugaragara kandi bukomeye imigendekere myiza y'urubanza, kandi icyo cyemezo kikaba kiri buramire ibirenze ingaruka cyagira ku bo gifatiwe (... *A publication ban should only be ordered when:*

(a) Such ban is necessary in order to prevent a real and substantial risk to the fairness of the trial, because

⁴⁶ [1995] 3 NZLR 563; referred to in Background Paper on Freedom of Expression and Contempt of Court for the International Seminar Promoting Freedom of Expression with three specialized international mandates, o. cit., p. 10.

reasonably available alternative measures will not prevent the risk; and

(b) The salutary effects of the publication ban outweigh the deleterious effects to freedom of expression of those affected by the ban)⁴⁷.

h. Muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ububasha bwo guhana icyaha cyo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera hakoreshejwe gutangaza ibitekerezo bukoreshwa gake cyane. Umurongo rusange ni uko icyo cyaha gihanwa igihe hari impungenge ko habaho kubangamira mu buryo bugaragara kandi bukomeye imigendekere myiza y'ubutabera (*the power of the courts to punish for contempt by publication is extremely limited. The general rule is that a publication cannot be punished for contempt unless there is a "clear and present danger" to the administration of justice⁴⁸. The test requires that "the substantive evil must be extremely serious and the degree of imminence extremely high before utterances can be punished)*⁴⁹.

Uretse muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika na Canada, hari ibindi Bihugu byemeje ko kugirango habeho gukurikirana icyaha cyo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera, ibyatangajwe bigomba kuba bibangamiye mu buryo bugaragara kandi bukomeye imigendekere y'urubanza. Ibyo ni nka England and Wales

⁴⁷ Dagenais v. Canadian Broadcasting Corp., N° 23403, 1994: January 24, 1994, December 8, P.5.

⁴⁸ Bridges v. California, 314 US 252 (1941); Pennekamp v. Florida, 328 US 331 (1946) Craig v. Harney 331 US 367 (1946); Wood v. Georgia 370 US 375 (1962).

⁴⁹ Bridges v. California, Ibid., p. 263.

(the test for sub judice contempt in section 2(2) of the Contempt of Court Act 1981 is that there is “a substantial risk that the course of justice in the proceedings in question will be seriously impeded or prejudiced”); New Zealand (the test for “publication” is whether there is a “real risk” that the publication will interfere with the right to a fair trial⁵⁰); na South Africa (the Supreme Court of Appeal held that “a publication will be unlawful, and thus susceptible to being prohibited, only if the prejudice that the publication might cause to the administration of justice is demonstrable and substantial and there is a real risk that the prejudice may occur if the publication takes place)⁵¹.

[63] Mu bimaze kugaragazwa biteganyijwe n’Itegeko Nshinga, Amasezerano mpuzamahanga, hamwe n’ibisobanuro byagiye bitangwa by’umwihariko n’inkiko ku bijyanye n’imbibi zemewe ku ihame ry’ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo, humvikanamo ibintu by’ingenzi bikurikira:

- a. Ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo si ihame ndakuka; rifite imbibi;
- b. Imbibi ku ihame ry’ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo zigomba kugenwa n’itegeko;

⁵⁰ New Zealand Law Commission, Issues Paper on Contempt in Modern New Zealand (IP36 2014) at paragraph 4.9 (https://www.lawcom.govt.nz/sites/default/files/projectAvailableFormats/NZ_LC%20IP36.pdf).

⁵¹ South Africa Supreme Court of Appeal: The NDPP v Media 24 Limited & others and HC Van Breda v Media 24 Limited & others (425/2017) [2017] ZASCA 97 (21 June 2017), at para.37; and South Africa Supreme Court of Appeal: *Midi Television v Director of Public Prosecutions (Western Cape)* 2007 (3) SA 318 (SCA) at para 19.

c. Gushyira imbibi ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo bigomba kuba ari ngombwa mu rwego rwo kubahiriza uburenganzira bw'abandi, kandi bigamije impamvu zifite ireme. Mu burenganzira bw'abandi bufatwa nk'imwe mu mpamvu zifite ireme, harimo uburenganzira ku butabera buboneye, burimo n'uburenganzira ku rubanza ruboneye;

d. Bigomba kandi kuba ari ngombwa mu rwego rwo kurengera iyo mpamvu;

e. Gushyira imbibi ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo bigomba no kuba ari ngombwa mu rwego rwo kwimakaza icyizere rubanda bagomba kugira mu migendekere y'ubutabera;

f. Ibyatangajwe ku rubanza rukiburanishwa si ko byose bikurikiranwa. Biba ngombwa gukurikirana icyaha cyo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera, mu rwego rwo kurengera uburenganzira ku rubanza ruboneye, iyo ibyatangajwe bibangamiye mu buryo bugaragara kandi bukomeye imigendekere myiza y'urubanza.

[64] Urukiko, ruhuje ibi bitekerezo by'ingenzi n'ibiteganywa mu ngingo ya 256 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange, mu rwego rwo gusuzuma niba ibyo iteganywa birebwa cyangwa bitarebwa n'imbibi zishyirwa ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo, rusanga:

a. Ingingo ya 256 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ishyira imbibi ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo iyo ibyo bitekerezo bigamije kuyobya abatangabuhamyaga cyangwa icyemezo cy'umucamanza mbere y'uko urubanza rucibwa.

b. Umuntu utangaza ibitekerezo agambiriye kuyobya umutangabuhamba cyangwa icyemezo cy'umucamanza, aba agamije kubangamira imigendekere myiza y'ubutabera n'uburenganzira ku rubanza ruboneye.

c. Kubangamira imigendekere myiza y'ubutabera n'uburenganzira ku rubanza ruboneye, ari imwe mu mpamvu zifite ireme zishobora gutuma biba ngombwa gushyira imbibi ku bwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo.

Urukiko rusanga icyakora, ibitekerezo byose byatangajwe ku rubanza rukiburanishwa bitakurikiranwa hashingiwe ku bateganywa n'iyi ngingo, kuko kugirango bikurikiranwe, hagomba kugaragazwa ko uwabatangaje yari agambiriye kuyobya kandi ko ibyatangajwe bibangamiye mu buryo bugaragara kandi bukomeye imigendekere myiza y'urubanza.

[65] Ku bijyanye n'ibivugwa na Kabasinga Florida ko umucamanza aca urubanza ashingiye ku byo afite muri dosiye, akaba adashobora kuyobya n'ibyatangajwe mu buryo ubwo ari bwo bwose bitavugiwe mu iburanisha, Urukiko rurabisubiza rwifashishije izindi manza zagize icyo zibivugaho. Hari inkiko zagaragaje ko umucamanza adashobora kuyobya n'ibyatangajwe, ariko hakaba n'izindi zavuze ko bishoboka.

[66] Imanza zagaragaje ko umucamanza adashobora kuyobya n'ibyatangajwe zirimo:

a. Urubanza rwaciwe n'Urukiko Rukuru rwo mu Bwongereza, Vine Products Ltd. v. MacKenzie & Co.

Ltd⁵², rwavuze ko abacamanza b'umwuga baba bafite amahugurwa ahagije ku buryo, mu gihe bafata icyemezo, badashobora kuyobywa n'ibyatangajwe ku rubanza (*It has generally been accepted that professional judges are sufficiently well equipped by their professional training to be on their guard against allowing [a prejudging of the issues] to influence them in deciding the case*).

b. Urubanza *Akinrinsola v. Attorney-General of Anambra State*⁵³ rwaciwe n'Urukiko rwo muri Nigeria, rukemeza ko ibifatwa nk'icyaha cyo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera mu rubanza rurimo abacamanza batari ab'umwuga, ari gake byafatwa bityo mu rubanza rurimo abacamanza b'umwuga (*a statement that was regarded as contempt in a jury trial would rarely be contempt in a trial by judge-alone*).

c. Urubanza *Nebraska Press Association v. Hugh Stuart*⁵⁴, aho Urukiko rw'Ikirenga rwa Amerika rwemeje ko, icyemezo cyafashwe n'umucamanza w'Urukiko rwo hasi cyo guhagarika inyandiko y'itangazamakuru ku rubanza rwari rukiburanishwa ku mpamvu y'uko cyayobya abacamanza (batari ab'umwuga), ntacyo gishingiyeho (*the American Supreme Court vacated a prior-restraint order passed by the trial Judge in a multiple murder case while that case was pending, on the ground that the view*

⁵² 1965] 3 All ER 58, referred to in Background Paper on Freedom of Expression and Contempt of Court for the International Seminar Promoting Freedom of Expression with three specialized international mandates, op.cit., p. 11.

⁵³ (1980) 2 NCR 17, referred to in Background Paper on Freedom of Expression and Contempt of Court for the International Seminar Promoting Freedom of Expression with three specialized International Mandates p.11.

⁵⁴ *Nebraska Press Association v. Hugh Stuart*: (1976) 427 US 539.

of the trial Judge that Jurors are likely to be influenced by the press publications, was speculative).

d. Urubanza Attorney General v. BBC⁵⁵, rwaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire rwo mu Bwongereza, umacamanza akavuga ko abacamanza b'umwuga bahuguwe badashobora kuyobywa ku buryo bworoshye n'ibyangajwe (*Lord Denning in the Court of Appeal had observed that professionally trained Judges are not easily influenced by publications*).

[67] Imanza zagaragaje ko umucamanza ashobora kuyobywa n'ibyangajwe zirimo izi zikurikira:

a. Urubanza Reliance Petrochemicals v. Proprietor of Indian Express⁵⁶ rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo mu Buhinde, rwemeza ko nta tandukaniro hagati y'umucamanza w'umwuga n'utari uw'umwuga ku bijyanye no kuba bayobywa n'ibyangajwe ku rubanza rukiburamishwa (*No distinction is, in our judgment, warranted that comment on a pending case or abuse of a party may amount to contempt when the case is triable with the aid of a Jury and not when it is triable by a Judge or Judges*).

b. Ibisobanuro byatanzwe na Justice Frankfurter (concurrent opinion) mu rubanza *John D. Pennekamp v. State of Florida*⁵⁷ rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwo muri Amerika:

⁵⁵ Attorney General v. BBC: 1981 A.C 303 (HL), p.312

⁵⁶ Reliance Petrochemicals v. Proprietor of Indian Express : 1988(4) SCC 592.

⁵⁷ John D. Pennekamp v. State of Florida (1946) 328 US 331.

- Ubucamanza ntibushobora gukora neza mu gihe itangamakuru ryakora ibintu bigamije kubangamira urubanza ruburanishwa (*The Judiciary could not function properly if what the press does is reasonably calculated to disturb the judicial judgment in its duty and capacity to act solely on the basis of what is before the Court*).
- Nta mucamanza wagombye kuyobywa, abizi, n'ibindi bitari ibyo yabonye cyangwa yumvise mu Rukiko. icyakora, abacamanza nabo ni abantu bashobora kuyobywa bidaturutse ku bushake bwabo, akazi kabo kakaba katagombye kubangamirwa n'ibitangazwa n'abadafite icyo bitayeho. Ikiba kigamijwe mu guhana icyaha cyo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera, si ukurengera umucamanza nk'umuntu ahubwo ni ukurengera umurimo akora (*No Judge fit to be one is likely to be influenced consciously, except by what he sees or hears in Court and by what is judicially appropriate for his deliberations. However, Judges are also human and we know better than did our forbears how powerful is the pull of the unconscious and how treacherous the rational process ... and since Judges, however stalwart, are human, the delicate task of administering justice ought not to be made unduly difficult by irresponsible print. The power to punish for contempt of court is a safeguard not for Judges as persons but for the functions which they exercise. It is a condition of that function - indispensable in a free society - that in a particular controversy pending before a court and*

waiting judgment, human beings, however strong, should not be torn from their moorings of impartiality by the undertone of extraneous influence. In securing freedom of speech, the Constitution hardly meant to create the right to influence Judges and Jurors".

c. *Mu rubanza Attorney General v. BBC: 1981 A.C 303 (HL)*⁵⁸ rwavuzwe haruguru, Lord Dilhorne ntiyemeranyijwe n'igitekerezo cya Lord Denning cy'uko abacamanza b'umwuga badashobora kuyobywa n'ibyangajwe, asobanura ko bidashobora kubayobya babishaka, ariko ko nta muntu ushobora kuvana mu bwenge bwe ibyo yabonye, yumvise cyangwa yasomye, bishobora kumuyobya atabigizemo ubushake (*It is sometimes asserted that no Judge will be influenced in his Judgment by anything said by the media and consequently that the need to prevent the publication of matter prejudicial to the hearing of a case only exists where the decision rests with laymen. This claim to judicial superiority over human frailty is one that I find some difficulty in accepting. Every holder of a Judicial Office does his utmost not to let his mind be affected by what he has seen or heard or read outside the Court and he will not knowingly let himself be influenced in any way by the media, nor in my view will any layman experienced in the discharge of Judicial duties. Nevertheless, it should, I think, be recognized that a man may not be able to put that which he has seen, heard or read entirely out of his mind and that he may be subconsciously affected by it*).

⁵⁸ *Attorney General v. BBC: 1981 A.C 303 (HL)*, p. 335

[68] Ibyavuzwe na Justice Frankfurter na Lord Dilhorne byagiye binagarukwaho na zimwe muri Komisiyo zishinzwe kuvugurura amategeko, zikongeraho ko guhana icyaha cyo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera binagamije kurengera uburyo abaturage babona ukutabogama mu ibyemezo bifatwa n'abacamanza:

a. Komisiyo ishinzwe kuvugurura amategeko ya New South Wales muri Australia yasobanuye ko umucamanza ashobora kuyobya atabizi – n'ibyo yabonye, yumvise cyangwa yasomye -, kandi ko ari ngombwa gukumira ikibazo cyo kuba abantu batekereza ko umucamanza yabogamye (first, it is always possible that a Judicial officer may be subconsciously influenced; and secondly, it is just as important to protect the public perception of Judges' impartiality as to protect against risk of bias)⁵⁹.

b. Komisiyo ishinzwe kuvugurura amategeko muri Canada nayo yasobanuye ko n'ubwo muri rusange abacamanza badashobora kugira ikibayobya, ariko ko hadakwiye kwirengagizwa ko byanashoboka, kandi guhana icyaha cyo kwivanga mu migendekere myiza y'ubutabera binafite akamaro kanini ko abaturage batekereza ko umucamanza yabogamye (*while Judges may generally be impervious to influence, the possibility of such influence could not be ruled out altogether, and that in the case of Judicial officers, the sub-judice rule served an important function of protecting public perception of impartiality*)⁶⁰.

⁵⁹ The New South Wales Law Commission in its Discussion Paper (2000) (No.43) on 'Contempt by Publication,

para

⁶⁰ Canadian Law Reform Commission, Contempt of Court: Offences against Administration of Justice {Working Paper 20, 1977, p 42-43} and Report 17

[69] Ibimaze kuvugwa binagarukwaho n'Intumwa yihariye y'Umuryango w'Abibumbye ku byerekeye ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo (*The UN Special Rapporteur on Freedom of Expression and Opinion*), ku kibazo yari yashyikirijwe kireba abitwa Mrs. Bernadette na Mr. Michael McKevitt baharaniraga ubwigenge bwa Ireland, ibitangamakuru bikandika ko bafite aho bahuriye na bombe yatewe ikica abantu bagera kuri 29 kandi na Polisi itaragira icyo ibabaza. Intumwa yihariye y'Umuryango w'Abibumbye yagaragaje ko ibyatangajwe n'itangamakuru byatumye nta muntu n'umwe ushobora kwakira icyemezo cyagaragaza ko Bernadette na Michael McKevitt ari abere. Byatumye nabo bumva ko nibakurikiranwa, nta kizere ko bagira uburenganzira ku rubanza ruboneye(*...In the case of Bernadette and Michael McKevitt, the media have created a situation where almost no one in Ireland is prepared to countenance the possibility that they may be innocent.....They create such certainty of their guilt in the minds of the public that, if these persons are even actually charged and tried, they have no hope of obtaining a fair trial*)⁶¹.

[70] Ibireba by'umwihariko kuyobya abatangabuhamya, byavuzwe mu rubanza rwa Attorney General v. Mirror Newspapers (*The premature publication of evidence may have a tendency to influence the evidence of witnesses or potential witnesses*)⁶².

(1982) at p 30), cited by Law Commission of India, 20 Report on trial by media, free speech and fair trial under criminal procedure code 1973, August 2006, p.57 (<https://lawcommissionofindia.nic.in/reports/rep200.pdf>).

⁶¹ Cited by Law Commission of India, 20 Report on trial by media, Free speech and Fair trial under Criminal procedure code 1973, August 2006, p. 12 & 13.

⁶² Attorney General v Mirror Newspapers Ltd [1980] 1 NSWLR 374; Referred to in civil Trials Bench Book, Contempt Generally(https://www.judcom.nsw.gov.au/publications/benchbks/civil/contempt_generally.html#p10-0360)

[71] Mu manza no mu nyandiko zavuzwe mu bika bibanza, hagaragaramo ibitekerezo bitatu by'ingenzi. Icyamba mbere ni abavuga ko umucamanza w'umwuga adashobora kuyobywa n'ibyangajwe hanze y'iburanisha, icyamba kabiri ni abavuga ko bishoboka. Icyamba gatatu ni abavuga ko n'ubwo muri rusange umucamanza w'umwuga ashobora kutita ku byatangajwe mu gihe afata icyemezo, ariko ko bishobora kumuyobya atabizi; hakaba n'ikibazo cy'uko ababonye cyangwa abumvise ibyangajwe bashobora gukuka ko yabigendeyeho, bigatuma badaha agaciro icyemezo cyose cyafatwa, bikagira ingaruka mbi ku migendekere myiza y'ubutabera. Urukiko rwemeranya n'iki gitekerezo cyamba nyuma.

[72] Koko rero, umucamanza w'umwuga agomba guca urubanza mu buryo abona bukwiye akurikije ibyavugiye mu iburanisha n'ibyo afite muri dosiye, atitaye ku byo yabonye cyangwa yumvise byatangajwe. Icyakora, nawe ni umuntu kandi mu miterere ya buri muntu, ibyinjijye mu bwenge bwe bishobora kugira ingaruka mu byiyumviro bye atabigizemo uruhare. N'ubwo kandi muri rusange umucamanza ashobora gufata icyemezo atitaye ku byatangajwe, ababuranyi n'abandi baturage bo bashobora gutekereza ko yabigendeyeho, bigatuma icyemezo cyose yafata kitakirwa neza. Kandi rero, nk'uko byavuzwe na Komisiyo ishinze kuvugurura amategeko ya New South Wales (Australia)⁶³, igendeye ku ihame ryemejwe mu rubanza *R v. Sussex Justices: Ex parte McCarthy: 1924 (1) KB 256* rikababurikigenderwaho, ubutabera ntibugomba gutangwa gusa bigomba no kugaragara ko bwatanzwe (*"Justice should not only be done, it should manifestly and undoubtedly be seen to be done"*).

⁶³ The New South Wales Law Commission in its Discussion Paper (2000) (No.43) on 'Contempt by Publication', <https://www.lawreform.justice.nsw.gov.au/Documents/Publications/Other-Publications/Discussion-Papers/DP43>, p.70.

[73] Urukiko rurasanga rero, hashingiwe ku mategeko no ku masezerano mpuzamahanga u Rwanda rwasinye, hashingiwe kandi ku bisobanuro byose byatanzwe hifashishijwe by'umwihariko ibyemezo byafashwe n'inkiko, ibiteganyijwe mu ngingo ya 256 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange byemewe nk'imbibi zigamije impamvu ifite ireme ku ihame ry'ubwisanzure bwo gutangaza ibitekerezo, bikaba rero bitabangamiye iryo hame, bityo bikaba bitanyuranyije n'ingingo ya 38 y'Itegeko Nshinga.

ICYEMEZO CY'URUKIKO

[74] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Kabasinga Florida gifite ishingiro kuri bimwe.

[75] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Niyomugabo Ntakirutimana gifite ishingiro.

[76] Rwemeje ko igika cya 4 cy'ingingo ya 84 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange kinyuranyije n'ingingo ya 29 agace ka kane y'Itegeko Nshinga, kiba nta gaciro gifite hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko Nshinga.

[77] Rwemeje ko igice cy'ingingo ya 92 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, kigira kiti: “kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha”, kinyuranyije n'ingingo ya 29, n'iya 151 z'Itegeko Nshinga; icyo gice kikaba nta gaciro gifite.

[78] Rwemeje ko igika cya 3 cy'ingingo ya 133 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, agace kavuga ko iyo gusambanya umwana byakorewe

ku mwana uri muni y'imyaka cumi n'ine (14), igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, kanyuranyije n'ingingo ya 29, n'iya 151 z'Itegeko Nshinga; ako gace kakaba nta gaciro gafite.

[79] Rwemeje ko ingingo ya 271 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, itanyuranyije n'Itegeko Nshinga.

[80] Rwemeje ko ingingo ya 256 y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, itanyuranyije n'Itegeko Nshinga.

[81] Rutegetse ko uru rubanza rutangazwa mu igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**IMANZA ZEREKERANYE
N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA**

**URUBANZA RWEREKERANYE
N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA
ZASABIWE GUSUBIRISHAMO KU
MPAMVU Z'AKARENGANE**

NTEGEYE v ECOBANK RWANDA LTD N’UNDI

[Rwanda URUKIKO RW’IKIRENGA – RCOMAA
00001/2019/SC (Ntezilyayo, P.J., Rukundakuvuga na
Cyanzayire, J.) 24 Mutarama 2020]

Amategeko agenga imiburanishirize y’imanza zasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z’akarengane – Gusubirishamo urubanza ingingo nshya – Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane ni inzira idasanzwe idashobora gufungura izindi nzira z’ubujurire kuko ziba zararangiyeye – Urubanza rwaciye ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z’akarengane ruba ari urwa nyuma ndetse ntirushobora gusubirishwamo ingingo nshya.

Incamake y’ikibazo: BCDI (Ecobank) yahaye Ntegeye Bernard inguzanyo, maze ananirwa kwishyura mu bihe bumvikaniyeho, biba ngombwa ko ayegurira umutungo we utimukanwa ugizwe n’inzu mu rwego rwo kuyishyura, ariko mu masezerano bemeranywa na Banki ko niramuka ishatse kugurisha iyo nzu, ko ariwe uzaba ufite uburenganzira bwo kuyigura mbere y’abandi baguzi mu gihe cy’imyaka 10 (Droit de preemption).

Inzu iza kugurishwa muri cyamunara, ariko yegukanwa na BNR, ariko umwenda ntiwishyurwa wose. Ntegeye yaje kurega Ecobank mu bukemurampaka, avuga ko inzu ye yagurishijwe mu buryo bunyuranyije n’amategeko. Inteko y’Ubukemurampaka ryemeza ko BCDI itishe amasezerano ko bugure bwari bufite agaciro.

Urega yajuririye mu Rukiko Rukuru, rwemeza ko amasezerano yiswe *acte de cession d'immeuble* BCDI yagiranye n'urega aseswa, maze agasubirana inzu ye.

BCDI yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga ivuga ko urubanza rwajuririwe rwaciwe ku cyo rutasabwe kuko rwategetse ko amasezerano y'ubugure aseswa kandi ataribyo byari byaregewe. Uru rukiko rwemeje ko ubujurire bufite ishingiro, bityo ko Ntegeye agomba kwishyura umwenda remezo n'inyungu zawo.

Ntegeye yasubirishijemo urubanza ku mpamvu z'akarengane, nyuma yaho impande zombi zakoranye amasezerano yo kwikiranura. Mu gufata icyemezo, Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane kitakiriwe kuko amasezerano yo kwikiranura yakozwe agira agaciro kamwe n'akurubanza rwabaye itegeko, bityo ko ikirego kitariwe.

Ntegeye yatanze ikindi kirego asaba ko urubanza rusubirishwamo ingingo nshya, ashingiye ku ngingo ya 83 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko itamubuza gusubirishamo urubanza rw'akarengane ingingo nshya, avuga ko iyi ngingo ikumira gusa imanza zaburanishijwe n'Urukiko rw'Ikirenga rugasangamo akarengane, avuga ko ikirego cye kitari mu byakumiriwe niyi ngingo kuko ari ikirego kitigeze cyakirwa ngo gisuzumwe.

Ecobank Rwanda Ltd na National Bank of Rwanda bavuga ko ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga yamuzitiraga ku kuba yakongera kuregera icyemezo cyafashwe ku rubanza rwasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane kuko interuro ya kabiri y'iyi ngingo ivuga

icyemezo gifashwe icyo ari cyo cyose mu manza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane kidashobora kujuririrwa.

Urukiko rw'Ikirenga rwafashe icyemezo rushingiye ku ngingo ya 53 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 ryerekeye ububasha bw'Inkiko, ivuga ko umucamanza washikirijwe urubanza rw'akarengane ashobora gufata kimwe mu byemezo akemeza ko habaye akarengane, cyangwa nta karengane gahari, ashobora kutakira ikirego. Icyemezo cyose umucamanza yafata muri ibi, ntigishobora gusubirwaho, bityo ko urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane rudashobora gusubirishwamo ingingo nshya kuko ruba rwarabaye itegeko.

Incamake y'icyemezo: 1. Urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ruba ari urwa nyuma ndetse ntirushobora gusubirishwamo ingingo nshya kuko gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane ni inzira idasanzwe idashobora gufungura izindi nzira z'ubujurire kuko ziba zararangiyeye.

**Ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya
nticyakiriwe.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ingingo ya 53

Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingingo ya 83.

Imanza zifashishijwe:

Kabango v Leta y'u Rwanda, RAD 00001/2019/SC

Urubanza**I. IMITERERE Y'IKIBAZO**

[1] Mu mwaka wa 1998, Ntegeye Bernard yahawe inguzanyo na BCDI SA (ubu yitwa Ecobank Rwanda Ltd) ingana na 50.000.000 Frw, akuramo 42.485.087Frw yo kwishyura inguzanyo yari yarahawe na BACAR SA mu mwaka wa 1993 mu rwego rwo kubaka inzu iri mu kibanza No 1200 Kacyiru – Nord. Ntegeye Bernard ntiyishyuye umwenda yahawe na BCDI SA, ukomeza kwiyongera ugera kuri 73.839.942Frw, bituma ku wa 09/02/ 2001 agirana nayo amasezerano yo kuyegurira ya nzu iri mu kibanza No 1200 Kacyiru - Nord yari imaze kugira agaciro ka 41.484.288Frw. Kuri ayo mafaranga hiyongeraho 4.122.750Frw y'ibikoresho byarimo, byose hamwe bikaba 45.607.038Frw, bivuga ko yari asigaranye umwenda wa 28.232.904Frw. Mu ngingo ya 6 y'ayo masezerano, bemeranyijwe ko Banki iramutse ishatswe kugurisha iyo nzu, Ntegeye Bernard afite uburenganzira bwo kugura mbere y'abandi (Droit de préemption/préférence) mu gihe cy'imyaka icumi (10). Ntegeye Bernard yananiwe kwishyura amafaranga yari asigaye, agenda arushaho kwiyongera. Ku wa 11/04/2003, BCDI SA yagurishije mu cyamunara inzu yari yareguriwe, yegukanwa na National Bank of Rwanda.

[2] Ntegeye Bernard yareze BCDI SA (yahindutse Ecobank Rwanda Ltd) mu Rukiko Nkemurampaka, agobokesha National Bank of Rwanda, avuga ko inzu ye iri mu kibanza No 1200

Kacyiru-Nord yatejwe cyamunara hatubahirijwe amategeko, kandi hirengagijwe ingingo ya 6 y'amasezerano bari baragiranye. Ku wa 02/12/2005, Urukiko Nkemurampaka rwemeje ko BCDI SA itishe amasezerano, ko rero ubugure bwa National Bank of Rwanda bufite agaciro, rutegeka Ntegeye Bernard kwishyura 28.232.000Frw avugwa mu masezerano yo ku wa 09/02/2001. Ku bijyanye na « droit de préférence », Urukiko rwasobanuye ko ibyo Ntegeye Bernard avuga ari amagambo gusa, kuko atavuga ko yari kugura mbere inzu yagurishijwe 100.000.000Frw kandi yarananiwe kwishyura 28.232.000Frw. Rwasanze icyakora Banki yarateshutse ku nshingano yo kumumenyeshya iby'iryogurisha, ruyitegeka kubitangira indishyi zingana na 5.000.000Frw.

[3] Ntegeye Bernard ntiyishimiye icyemezo cy'Abakemurampaka, akijuririra mu Rukiko Rukuru rwa Repubulika. Ku wa 31/05/2007, mu rubanza RCOMA 0020/05/HCKIG, uru Rukiko rwemeje ko amasezerano Ntegeye Bernard yagiranye na BCDI SA bise "Acte de cession d'immeuble" asheshwe, kandi ko nta mwenda Ntegeye Bernard abereyemo iyo Banki hashingiwe kuri « extrait bancaire » ya konti N° 110-2534703-9. Rwategetse ko Ntegeye Bernard asubirana inzu ye, agahabwa 6.000.000Frw y'indishyi mbonezamusaruro, na 5.000.000Frw y'indishyi z'akababaro.

[4] BCDI SA na National Bank of Rwanda bajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga. Ku wa 30/07/2010, mu rubanza RCOMAA 0005/07/CS, Urukiko rwemeje ko ubwo bujirire bufite ishingiro, rutegeka Ntegeye Bernard kwishyura Ecobank Rwanda Ltd (yari BCDI SA mbere) 48.102.687Frw aturuka ku mwenda wa 28.232.000Frw n'inyungu zawo. Urukiko rwasobanuye ko :

- a. Urukiko Rukuru rwa Repubulika rwaciye urubanza ku cyo rutasabwe, kuko rwerekanye ko amasezerano y'ubugure hagati ya BCDI SA na National Bank of Rwanda yabayemo uburiganya, ariko rugasesa amasezerano yabaye hagati ya BCDI SA na Ntegeye Bernard atari byo byari byaregewe;
- b. Amasezerano yo ku wa 09/02/2001 yiswe « acte de cession d'immeuble » yujuje ibisabwa byose kugirango abe amasezerano y'ubugure, bityo inzu yarebwaga n'ayo masezerano ikaba yarinjiye mu mutungo wa BCDI SA, bivuga ko yari ifite uburenganzira bwo kuyigurisha National Bank of Rwanda;
- c. Hashingiwe kuri raporo y'umuhanga washyizweho n'Urukiko, Ntegeye Bernard atishyuye umwenda yari asigaje kwishyura BCDI SA.

[5] Ntegeye Bernard yasubirishijemo urubanza ku mpamvu z'akarengane, Urwego rw'Umuvunyi rugaragaza ko Urukiko rw'Ikirenga rutafashe umwanzuro ku bijyanye n'iyubahirizwa ry'ingingo ya 6 y'amasezerano yiswe « acte de session d'immeuble », ntirwagira n'icyo rubivugaho kandi biri mu byari byaregewe. Dosiye yashyikirijwe Urukiko rw'Ikirenga, ikirego cyandikwa kuri RS/REV/INJUST/COM 0001/16/CS. Muri urwo rubanza, Ecobank Rwanda Ltd yatanze inzitizi yo kutakira ikirego cya Ntegeye Bernard, ivuga ko nyuma y'uko agejeje ikibazo ku Rwego rw'Umuvunyi, bagiranye amasezerano y'uburyo urubanza ruzarangizwa, impande zombi zemeranywa ku kwikiranura.

[6] Ku wa 09/09/2016, Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko inzitizi yatanzwe na Ecobank Rwanda Ltd ifite ishingiro, rwemeza ko ikirego cya Ntegeye Bernard cyo gusubirishamo

urubanza ku mpamvu z'akarengane kitakiriwe, rumutegeka kwishyura Ecobank Rwanda Ltd na National Bank of Rwanda amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka. Urukiko rwafashe umwanzuro rushingiye ku ngingo ya 591 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano, yateganyaga ibi bikurikira : « amasezerano yo kwikiranura agira hagati y'abayagiranye agaciro kamwe n'ak'urubanza rwakemuwe ku buryo budasubirwaho mu rwego rwa nyuma. Ntawe ushobora gusaba ko ateshwa agaciro yitwaje ko yibeshye ku byo amategeko ateganya, cyangwa se yitwaje ko yahenzwe ».

[7] Urukiko rw'Ikirenga rwasobanuye ko, Ntegeye Bernard na Ecobank Rwanda Ltd bagiranye amasezerano ku wa 06/03/2014, avuga ko impande zombi zumvikanye ku irangizwa ry'urubanza RCOMAA 0005/07/CS rwaciwe ku wa 30/07/2010. Ingingo ya mbere y'ayo masezerano igaragaza ko Ntegeye Bernard yiyemeje kwishyura 34.000.000Frw mu rwego rwo kurangiza ibibazo afitanye na Ecobank Rwanda Ltd¹, naho ingingo ya 3 ikavuga ko impande zombi zemeye nta gahato gukora amasezerano yo kwikiranura bazi ingaruka zabyo, bakaba biyemeje kudakemanga ishyirwa mu bikorwa ryayo no kuyubahiriza nta buryarya².

¹ « Monsieur Ntegeye Bernard s'engage à verser la somme de 34.000.000 Frw à Ecobank Rwanda en vue de liquider tous ses engagements qu'il a envers Ecobank Rwanda Ltd en rapport avec le jugement (RCOMAA 0005/07) ».

² « les parties s'engagent à clôturer la mise en application de l'arrêt RCOMAA 0005/07 de la Cour Suprême et à exécuter de bonne foi la transaction. Les parties s'interdisent de remettre en cause la mise en application de la transaction et de ce fait les parties rappellent connaître pleinement la portée de leur engagement volontaire auquel elles ont donné un consentement libre et éclairé ».

[8] Urukiko rw'Ikirenga rwasobanuye kandi ko, Ntegeye Bernard yakoranye amasezerano yo kwikiranura na Ecobank Rwanda Ltd nyuma yo gushyikiriza Urwego rw'Umuvunyi ikirego cye cy'akarengane kuko yagitanze mu 2012, amasezerano agakorwa ku wa 06/03/2014 ; muri ayo masezerano akaba yemera ko akiranutse na Banki mu ngingo zose z'urubanza, harimo n'izo yari yaregeye akarengane. Urukiko rwagaragaje ko yikiranura na Banki, yemeraga ko nta karengane yakorewe, kuko iyo bitaba ibyo yari kugaragaza ingingo yikiranuyeho n'izo atikiranuyeho ku mpamvu y'uko atemera imikirize y'urubanza kuri zo.

[9] Ntegeye Bernard yatanze ikindi kirego asaba gusubirishamo ingingo nshya urubanza N° RS/REV/INJUST/COM 0001/16/CS rwaciwe ku wa 09/09/2016, Ubwanditsi bw'Urukiko bwemeza ko icyo kirego kitakiriwe ngo cyandikwe mu bitabo by'Urukiko, kubera ko kinyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga. Ntegeye Bernard yatakambiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga. Mu cyemezo cyo ku wa 08/06/2018, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko ikirego cya Ntegeye Bernard cyandikwa mu bitabo by'Urukiko, Inteko ikazasuzuma niba urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, rushobora gusubirishwamo ingingo nshya, icyemezo cyafatwa kikazifashishwa n'izindi nkiko.

[10] Impamvu Ntegeye Bernard ashingiraho asaba ko urubanza rusubirishwamo ingingo nshya, ni amahame yo mu rwego rw'amategeko avuga ko yirengagijwe n'Urukiko, ariyo : «

contra proferentem »³, na «*Parol evidence rule* »⁴, akaba avuga ko yayamenye nyuma y'aho urubanza rusabirwa gusubirwamo ruciriwe. Mu myanzuro yabo, abaregwa bavuga ko ayo mahame asanzwe mu mategeko, akaba atari impamvu yatuma urubanza rusubirishwamo ingingo nshya kuko nta cyamubujije kuyifashisha aburana urwo rubanza.

[11] Abaregwa bagaragaza kandi ko Ntegeye Bernard atubahirije ibihe byo gutanga ikirego, kuko urubanza RS/RV/INJUST/COM 0001/16/CS rwaciwe ku wa 09/09/2016, ikirego gisaba kurusubirishamo ingingo nshya kigatangwa ku wa 09/09/2017 nyuma y'umwaka ruciwe, mu gihe itegeko riteganywa igihe cy'amezi abiri. Ntegeye Bernard asobanura ko ihame rya « *contra proferentem* » yarimenye ku wa 14/08/2017, ikirego akagitanga ku wa 27/09/2017, igihe cy'amezi abiri kitararangira.

[12] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 06/01/2020, Ntegeye Bernard ahagarariwe na Me Zawadi Stephen, Me Mubangizi Frank na Me Umutangana Aimée Jacqueline, Ecobank Rwanda Ltd ihagarariwe na Me Munyaneza Remy, naho National Bank of Rwanda ihagarariwe na Me Murego Jean Leonard na Me Byiringiro Jacques. Ababuranyi babanje kujya impaka ku kibazo cyo kumenya niba urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, rushobora gusubirishwamo ingingo nshya, hemezwa ko ari nacyo kizabanza gufatwaho umwanzuro

3 Ihame risobanura ko iyo mu masezerano hari amagambo atera urujijo, harebwa ibiri mu nyungu z'uruhande rutagize uruhare mu kuyategura

4 Ihame risobanura ko mu gihe hari amasezerano yanditse yasinnye n'impande zose areba, bidashoboka kuyahindura n'ibyavugwa mu magambo binyuranye n'ibiyanditsemo.

n'Urukiko. Urukiko rwamenyesheje ababuranyi ko icyemezo kuri icyo kibazo kizasomwa ku wa 24/01/2020. Mu gihe Urukiko rwakwemeza ko urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane rushobora gusubirishwamo ingingo nshya, akaba aribwo haburanishwa ku bindi bibazo biri mu rubanza aribyo:

- a. Kumenya niba ibihe byo gusubirishamo urubanza ingingo nshya byarubahirijwe;
- b. Kumenya niba kudakurikiza ihame ry'amategeko byaba impamvu yatuma urubanza rusubirishwamo ingingo nshya.

[13] Hashingiwe ku byagaragajwe mu bika bibanza, ikibazo cy'ingenzi cyasuzumwe muri uru rubanza, ni ukumenya niba urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, rushobora gusubirishwamo ingingo nshya.

II. IKIBAZO KIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYACYO

- a. **Gusuzuma niba urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane rushobora gusubirishwamo ingingo nshya**

[14] Abahagarariye Ntegeye Bernard bavuga ko ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, itamubuza gusubirishamo urubanza RS/RV/INJUST/COM 0001/16/CS ingingo nshya. Babisobanura mu buryo bukurikira:

a. Bavuga ko iyi ngingo ikumira gusa imanza zaburanishijwe n'Urukiko rw'Ikirenga rugasangamo akarengane, kuko ruba rwarakosoye amakosa yose yaba yarakozwe mu rwego rw'amategeko, rugatanga umurongo ngenderwaho, ariyo mpamvu itegeko ryavuze ko icyo cyemezo kidasubirwaho; ibyo bikaba bitareba urubanza RS/RV/INJUST/COM 0001/16/CS kuko rutasuzumwe ngo hemezwe ko rwabayemo akarengane;

b. Bavuga ko ikirego cya Ntegeye Bernard kitari mu byakumiriwe n'ingingo yavuzwe haruguru, kuko ari ikirego kitigeze cyakirwa ngo gisuzumwe, bivuze ko akarengane Urwego rw'Umuvunyi rwabonye mu mikirize y'urubanza RCOMAA 0005/07/CS rwaciwe n'urukiko rw'Ikirenga ku wa 30/07/2010, ntaho kagiye. Bongeraho ko inzitizi yatanzwe na Ecobank Rwanda Ltd n'akarengane kabonywe n'Urwego rw'Umuvunyi byari gusuzumirwa hamwe, mu guca urubanza byose bigafatwaho icyemezo;

c. Bavuga kandi ko ibyo ababuranira Ecobank Rwanda Ltd na National Bank of Rwanda bavuga ko ingingo ya 53 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'Inkiko yakemuye impungenge zari mu ngingo ya 83 y'Itegeko Ngenga ryavuzwe haruguru atari byo, kuko yagiyeho nyuma y'uko ikirego gitangwa.

[15] Abahagarariye Ecobank Rwanda Ltd na National Bank of Rwanda bavuga ko ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga yamuzitiraga ku kuba yakongera kuregera icyemezo cyafashwe ku rubanza

rwasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane. Babisobanura mu buryo bukurikira:

a. Interuro ya kabiri y'iyo ngingo ivuga "icyemezo gifashwe", bivuze ko icyemezo icyo ari cyo cyose cyafatwa mu manza zasubirishijwemo ku mpamvu z'akarengane kidashobora kujuririrwa. Ibyo bikaba byarashimangiwe n'umushingamategeko mu ngingo ya 53 agace ka nyuma y'Itegeko rishya rigenga ububasha bw'inkiko ryatangajwe mu 2018⁵, naryo rikaba ryakwifashishwa kugira ngo ingingo ya 83 yavuzwe haruguru isobanuke neza ;

b. Indi mpamvu ituma ikirego cya Ntegeye Bernard kidashobora kwakirwa ishingiyeye ku nyungu z'ubutabera ziha agaciro k'ukuri ntabanduka (vérité irrefragable) icyemezo cy'Urukiko cyafashwe burundu (autorité de la chose jugée/stare decisis). Niyo mpamvu hateganyijwe inzira zisanzwe n'izidasanzwe z'ubujurire, uburyo zikoreshwa ndetse n'igihe zikorwamo. Kutabyubahiriza, byabangamira ihame riha agaciro imanza zaciwe burundu, umuntu watsinze agahorana impungenge ku cyo yatsindiye, cyangwa n'abaturanyi bakirara bibwira ko igihe cyose no ku mpamvu iyo ari yo yose bashobora gusubira mu nkiko;

c. Bavuga ko uburyo abahagarariye Ntegeye Bernard basobanuramo ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 ataribwo, kuko bashakaga gutandukanya ibyo umushingamategeko

5 « Imanza zasubiwemo ku mpamvu z'akarengane ntizishobora kongera kujuririrwa »

atatandukanyije kandi bitemewe mu bijyanye no gusesengura amategeko, hakaba hagomba kurebwa ingingo yose aho kureba agace kamwe ; ibyo kandi bigahuzwa n'umutwe w'iyi ngingo ureba icyemezo icyo aricyo cyose cyafatwa, ni ukuvuga igihe hagaragajwe akarengane, igihe nta karengane kagaragajwe, n'igihe ikirego kitakiriwe.

[16] Bongeraho ko impungenge Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yari yagaragaje yemera ko ikirego cya Ntegeye Bernard cyandikwa zitagihari, kuko zakuweho n'ingingo ya 53 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 ryerekeye ububasha bw'Inkiko, bivuze ko umurongo w'Urukiko utagikenewe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[17] Mu cyemezo N° 0022/2019 cyo ku wa 08/06/2018 kirebana n'itakamba rya Ntegeye Bernard ku iyakirwa ry'ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yasanze mu nyungu z'ubutabera, iki kirego cyakwandikwa mu bitabo by'Urukiko kugirango hazatangwe umurongo wafasha izindi nkiko ku kibazo cyo kumenya niba urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, rushobora gusubirishwamo ingingo nshya, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga(ryakoreshwaga igihe ikirego cyatangwaga) .

[18] Mu gihe urubanza rwari rutegereje kuburanishwa, hatangajwe Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, ibyataganywaga n'ingingo ya 83 y'Itegeko

Ngenga No 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 ryavuzwe haruguru, bisimburwa n'ibiteganywa mu ngingo ya 53 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018. N'ubwo ariko ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga No 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 itakiriho, Urukiko rurasanga ari ngombwa ko hatangwa umurongo ku byo yateganyaga ababuranyi batumva kimwe, kuko ikomeza gukoreshwa mu manza zikiri mu nkiko, zaregewe mbere y'uko Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 ritangazwa, hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 280 y'iri Tegeko⁶.

[19] Ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga No 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga yagiraga iti : « Iyo Urukiko rw'Ikirenga rusanze urubanza rwari rwaraciwe harabayemo akarengane, rukosora amakosa yakozwe mu ica ry'urwo rubanza kandi rugatanga umurongo ngenderwaho wo mu rwego rw'amategeko mu gukemura bene ibyo bibazo. icyemezo gifashwe ntigishobora gusubirwaho ».

[20] Mu gusobanura ibiteganywa n'iyi ngingo, ni ngombwa kubanza kureba icyari kigamijwe hashyirwaho inzira yo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane. Imanza zisabirwa gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane, ziba zaramaze gucibwa ku rwego rwa nyuma⁷. icyari kigamijwe n'umushingamategeko, ni ugukosora akarengane gashobora kuba

6 "Imanza zikiburanishwa mu nkiko igihe iri tegeko ritangiye gukurikizwa, ziburanishwa mu buryo bukurikije iri tegeko, ariko ntacyo rihinduye ku mihango y'iburanisha yakozwe mbere y'uko ritangazwa".

7 Ingingo ya 78 y'Itegeko Ngenga No 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga; Ingingo ya 53 y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko.

mu rubanza, bitewe no kwibeshya cyangwa amakosa y'umucamanza bigaragarira buri wese, kandi nta yindi nzira yo kugakosora igishoboka. Ni inzira rero idasanze, idashobora gufungura izindi nzira z'ubujurire, kuko ziba zarangiyeye.

[21] Umucamanza washyikirijwe ikirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, aba ashobora gufata kimwe mu byemezo bikurikira:

- a. Iyo asanze harabaye akarengane, aragakosora, agatanga umurongo mu rwego rw'amategeko iyo ari ngombwa;
- b. Iyo asanze nta karengane kabaye, arabisobanura, akavuga ko ikirego cy'akarengane nta shingiro gifite, urubanza rwari rwaciwe mbere rukagumaho;
- c. Ashobora kutakira ikirego, iyo asanga ibisabwa n'itegeko kugirango urubanza rusubirwemo ku mpamvu z'akarengane bituzuye; muri icyo gihe akavuga ko ikirego cy'akarengane kitakiriwe.

[22] icyemezo cyose umucamanza yafata muri ibi uko ari bitatu bimaze kuvugwa, ntigishobora gusubirwaho. Ibi nibyo byumvikana mu nteruro ya nyuma y'ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga No 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 ryavuzwe haruguru, irebwe hamwe n'umutwe w'iyo ngingo. Umutwe w'iyo ngingo uvuga « icyemezo gifatwa mu rubanza rusubiramo urwaciwe ku rwego rwa nyuma », ibi bikaba bitareba gusa icyemezo kigaragaza ko habaye akarengane, ahubwo bireba icyemezo cyose cyafatwa mu rubanza rwasabiwe gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane. Bitagenze bityo, urubanza rwose rugaragaje ko nta karengane kabaye, cyangwa rutakiriye ikirego, rwajya rwongera gufungura inzira zisanze n'izidasanzwe z'ubujurire, bigatuma urubanza rutagira iherezo

mu nkiko; ibyo kandi akaba ataribyo umushingamategeko yari agendereye.

[23] Mu nteruro ya mbere y'ingingo ya 83 imaze kuvugwa, Urukiko rusanga umushingamategeko yarashatse gusobanura uko bigomba kugenda igihe Urukiko rw'Ikirenga rusanze harabaye akarengane, kugirango rutagarukira gusa ku gukemura akarengane rudatanze umurongo wafasha izindi nkiko zihuye na bene ibyo bibazo. Ibi bikaba bitari bikenewe igihe Urukiko rwasanze nta karengane kabaye cyangwa ikirego kidashobora kwakirwa, ari nayo mpamvu byo bitavuzwe, kuko byumvikana ko hagumaho urubanza rwasabirwaga gusubirwamo.

[24] Urukiko rurasanga igikwiye kumvikana rero, ari uko mu ngingo ya 83 y'Itegeko Ngenga No 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012, umushingamategeko atashatse ko imanza zitarangira mu nkiko, ariyo mpamvu interuro ya nyuma y'iyi ngingo itareba gusa icyemezo cyagaragaje ko habaye akarengane, ahubwo ireba n'icyemezo cyagaragaje ko nta karengane kabaye, kimwe n'icyemezo cyo kutakira ikirego. Ni nayo mpamvu, mu ngingo ya 53 y'Itegeko No 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko, umushingamategeko yakosoye urujijo rwaterwaga n'imyandikire y'ingingo ya 83 y'Itegeko Ngenga No 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012, ibyari interuro ya nyuma y'iyi ngingo bikaba igika kihariye giteganywa ko: "Imanza zasubiwemo ku mpamvu z'akarengane zidashobora kongera kujuririrwa".

[25] Hashingiwe ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga urubanza rwaciwe ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane, rudashobora gusubirishwamo ingingo nshya. Muri uru rubanza, Ntegeye Bernard yasabye gusubirishamo ingingo nshya urubanza

RS/RV/INJUST/COM 0001/16/CS rwari rwaraciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 09/09/2016, ku kirego cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane. Bivuga rero ko, ikirego cyo gusubirishamo urubanza ingingo nshya, cyatanzwe na Ntegeye Bernard, kidashobora kwakirwa ngo gisuzumwe. Kubera iyo mpamvu, Urukiko rurasanga bitakiri ngombwa ko ibindi bibazo byari byagaragajwe byasuzumwa.

b. Gusuzuma indishyi zasabwe na Ecobank Rwanda Ltd na National Bank of Rwanda

[26] Abahagarariye National Bank of Rwanda bavuga ko kubera igihombo iyo Banki iterwa no kuba Ntegeye Bernard ayihoza mu manza z'amaherere, basaba Urukiko ko rwamutegeka kuyishyura indishyi zo gushorwa mu manza nta mpamvu, igihembo cy'Avoka no gukurikirana urubanza, zose hamwe zingana na miliyoni ebyiri (2.000.000Frw).

[27] Uhagarariye Ecobank Rwanda Ltd asaba Urukiko gutegeka Ntegeye Bernard kuyishyura indishyi zo gukomeza kuyishora mu manza zingana na miliyoni icumi (10.000.000Frw), rukanamutegeka kuyishyura amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka angana na miliyoni ebyiri (2.000.000Frw).

[28] Abahagarariye Ntegeye Bernard bavuga ko indishyi zo gushorwa mu manza Ecobank Rwanda Ltd na National Bank of Rwanda basaba nta shingiro zifite, kuko ari uburenganzira Ntegeye Bernard ahabwa n'itegeko bwo gusubirishamo urubanza ingingo nshya kugirango arenganurwe. Bavuga kandi ko amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy' Avoka Ecobank Rwanda Ltd isaba ariyo igomba kuyirengera, kuko ariyo yatumye Ntegeye Bernard ajya mu manza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

c. Ku bijyanye n'indishyi zo gushorwa mu manza nta mpamvu

[29] Urukiko rurasanga indishyi zo gushorwa mu manza nta mpamvu Ecobank Rwanda LTD na National Bank of Rwanda basaba ntazo bahabwa, kuko Ntegeye Bernard yatanze ikirego agamije kurengera inyungu ze, bikaba ari uburenganzira yemererwa n'amategeko.

[30] Urukiko rurasanga Ecobank Rwanda Ltd ikwiye guhabwa amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka kuko byabaye ngombwa ko ikurikirana urubanza yarezwemo na Ntegeye Bernard, ikishyura n'Abavoka bayihagararira muri urwo rubanza. Urukiko rurasanga ariko itahabwa 2.000.000Frw isaba kuko itayagaragarije ibisobanuro kandi akaba ari menshi, rukaba mu bushishozi bwarwo, ruyigeneye 300.000Frw y'ikurikiranarubanza, na 500.000Frw y'igihembo cy'Avoka. Ni ukuvuga ko Ecobank Rwanda Ltd igenewe amafaranga yose hamwe $300.000\text{Frw} + 500.000\text{Frw} = 800.000\text{Frw}$.

[31] Urukiko rurasanga amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka National Bank of Rwanda isaba itayahabwa, kuko urubanza rwakurikiranywe rukanaburanwa n'abakozi bayo bahemberwa ako kazi, bakagenerwa n'ibibafasha kugakora ku ngengo y'imari itangwa na Leta. Ibyo ni nabyo byemejwe mu rubanza RAD 00001/2019/SC rwaciwe n'uru Rukiko ku wa 31/05/2019, haburana Kabango Antoine na Leta y'u Rwanda.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[32] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Ntegeye Bernard kitakiriwe, kubera ko cyatanzwe mu nzira zidakurikije amategeko;

[33] Rwemeje ko imikirize y'Urubanza RS/RV/INJUST/COM 0001/16/CS, rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 09/09/2016, igumyeho;

[34] Rutegetse Ntegeye Bernard guha Ecobank Rwanda Ltd 800.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka;

[35] Rutegetse ko ingwate y'amagarama y'urubanza Ntegeye Bernard yatanze arega ihwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

**URUBANZA RWEREKERANYE
N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA
Z'IMBONEZAMUBANO,
IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO
IZ'UBUTEGETSI**

ACCESS BANK RWANDA LTD v RUHANDO

[Rwanda Urukiko rw'Ikirenga – RCOMAA 00051/2017/SC
(Kayitesi Z, P.J., Kayitesi R na Cyanzayire, J.) 23 Mata 2019]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Gusubirishamo urubanza ingingo nshya – Kwitiranya ibintu uko byagenze – Kwitiranya uko ibintu byagenze ni ukutumva neza ikibazo giteje impaka hagati y'ababuranyi ndetse n'ibyashingirwaho mu kugikemura, ibi bigatuma umucamanza agera ku mwanzuro atagombaga kugeraho iyo asobanukirwa neza cyangwa abona neza uko ibintu byari biri.

Incamake y'ikibazo: Kuwa 02/05/2013 Ruhando Ndatira Ernest yasabye Access bank Rwanda Ltd kohereza kuri konti ya sosiyete yitwa Aluzinc Asia Pte Ltd amadolari angana na 76.835 mu buryo bwa *international transfer* kuri konti N°503149270301 yanditse ku mazina ya sosiyete West Atlantic Pte Ltd, anyuze muri Bank yitwa OCBC yo muri Singapore, ku mpamvu yo kwishyura amabati. Amafaranga yaje kugera kuri konti yavuzwe hejuru ariko ahabwa sosiyete West Atlantic Pte Ltd kuko ariwe wari wanditse kuriyo konti.

Nyuma yaho haje kuvuka ikibazo aho Ruhando yavuze ko banki itubahirije inshingano yahawe kuko aya madolari atageze k'uwo yari agenewe, avuga ko uwo yashakaga kwishyura ari sosiyete Aluzinc Asia Pte Ltd, ariko amafaranga ahabwa West Atlantic Pte Ltd, avuga kandi ko yasanze fagitire(facture) yoherejwe nabishyuzaga ari impimbano. Ruhando yaje kurega banki mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge ayisaba gusubizwa ayo

mafaranga avuga ko itubahirije ubutumwa yayihaye kandi ari inshingano zayo. Uru Rukiko rwaciye urubanza, rwemeza ko banki isubiza Ruhando ayo mafaranga.

Access Bank Rwanda Ltd yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rubanza rwafashe ibintu uko bitari, rwirengagiza ibimenyetso yatanze. Uru rukiko rwemeje ko banki yubahirije inshingano yahawe, bityo ko nta kosa yakoze, kandi ko kuba fagitire yashingiweho yari impimbano nk'uko Ruhando Ndatira abivuga, Access Bank Rwanda Ltd atariyo yabiryoza, maze urukiko rwemeza ko urubanza rwajuririwe ruhindutse mu ngingo zarwo zose, bityo ko banki itabiryoza.

Ruhando ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ajuririra Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko rutasobanukiwe n'imikorere ya *SWIFT* nk'inzira yo kohereza amafaranga mu buryo bwa *international transfer*, rutesha agaciro *payment order* yatanze nta mategeko rushingiyeho. Uru rukiko mu gukora isesengura ry'urubanza, rwasanze banki itarashyize mu bikorwa *mandat* yahawe uko bikwiye kuko yohereje ama dolari kuwo itagomba kwohereza, bityo ikaba igomba kubiryoza, ikayasubisa hamwe n'indishyi zikomoka ku kutarangiza uko bikwiye ubutumwa yahawe.

Banki yatanze ikirego gisubirishamo urubanza ingingo nshya ivuga ko habayeho amakosa akabije yo kwitiranya uko ibintu byagenze no kuba kandi habonetse ikimenyetso gishya gishimangira ikirego cyayo gisaba gusubirisha urubanza ingingo nshya. Mu iburanisha, Ruhando yatanze inzitizi yo kutakira ikirego kuko banki itagaragaza impamvu zatuma urubanza rusubirishwamo ingingo nshya nk'uko amategeko abiteganyaga. Urukiko rwanzuye ko inzitizi izaburanishwa hamwe n'urubanza mu mizi.

Mu iburanisha, banki yisobanura ivuga ko isaba urukiko kwakira ikirego cyayo gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya ivuga ko habaye amakosa akabije kuko urukiko rwitiranyije ibintu uko byagenze rwitiranya *contrat de mandat* n'uburyo bwo kwoherezanya amafaranga mu rwego mpuzamahanga bwitwa SWIFT.

Ruhando we avuga ko banki yatanze ikirego gisubirishamo urubanza ingingo nshya ishingiye ku ngingo yavuyeho no ku nyandiko yitwa *Agreement of Participation in Automated Transfer System* ivuga ko ari ikimenyetso gishya kandi cyari gisanzwe kiriho urubanza rusubirishwamo ingingo nshya ruburanwa mu bujire, bityo ko ikirego kidakwiye kwakirwa kuko iyo nyandiko itatangwa nk'impamvu cyangwa nk'ikimenyetso gishya.

Access bank ivuga ko icyemeza ko yubahirije ubutumwa yahawe ari n'in'yemezabwishyu (facture) Ruhando ubwe yayihereye ariyo igaragaza ko uwagombaga kwishyurwa ari sosiyete Aluzinc asia pte ltd, ariko konti yatanze yo kwishyuriraho ikaba yari yanditse ku mazina ya sosiyete West Atrantic pte ltd (account name), ibyo bikaba aribyo byatumye Ruhando avuga ko amafaranga tahawe uwo yari agenewe.

Ruhando we akavuga ko nubwo banki ivuga ko yashingiye ku nyemezabwishyu yashingiweho yishyura yakozwe nawe, bitayikuraho uruhare mu iyoba ry'amafaranga yagombaga kohereza avuga ko banki yihaye guhindura izina ry'uwo yagombaga kwoherezwa, avuga kandi ko ariyo ifite ikosa kuko yagombaga gukora ibyo yasabwe nta kintu ihinduye.

Mu kirego cyuririye ku kindi cyatanzwe na Ruhando, yasabye ko indishyi zikomeza kubarwa kugeza igihe urubanza ruciriwe kandi zikabarwa mu gaciro k'amafaranga hashingiwe ku gaciro

k'idorari. Access Bank Rwanda yo ivuga ko izi ndishyi nta shingiro zahabwa ivuga ko ahubwo Access Bank Rwanda Ltd ariyo ikomeje gutakaza amafaranga kubera kuyihoza mu manza nta mpamvu.

Incamake y'icyemezo: 1. Kwitiranya uko ibintu byagenze ni ukutumva neza ikibazo giteje impaka hagati y'ababuranyi ndetse n'ibyashingirwaho mu kugikemura, ibi bigatuma umucamanza agera ku mwanzuro atagombaga kugeraho iyo asobanukirwa neza cyangwa abona neza uko ibintu byari biri, bityo kwitiranya ibintu uko byagenze nimwe mu mpamvu yatuma urubanza rusubirishwamo ingingo nshya kuko umucamanza aba yafashe icyemezo kitari gufatwa iyo hatabaho kwitiranya ibintu.

**Ikirego cyo gusurubishamo urubanza ingingo nshya gifite
ishingiro.**

**Banki ntigomba kwishyura amadolari hamwe n'indishyi.
Ingwate y'amagarama ihwanye n'ibyakozwe mu rubanza.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N^o21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye
imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano,
iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, ingingo ya
186, agace ka 6.

Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'Amategeko
y'imbonezamubano (CCLIII), ingingo ya 532.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Urubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, aho Ruhando Ndatira Ernest yatanze ikirego avuga ko yasabye Access Bank Rwanda Ltd kwishyura (international transfer) sosiyete yitwa Aluzinc Asia Pte Ltd, kuri Konti N° 503-149270-301, ariko amafaranga ntiyayigeraho. Mu rubanza RCOM 1218/14/TC/NYGE rwaciwe ku wa 13/03/2015, Urukiko rwasanze Access Bank Rwanda Ltd yari yemeye ubutumwa (mandat) yari yahawe na Ruhando Ndatira Ernest, ariko ntiyabwubahiriza, ruyitegeka gusubiza kuri Konti N°1002150200663201 ya Ruhando Ndatira Ernest amadolari 76.835 yakuye kuri iyo konti ye kuko atageze k'uwo yari agenewe, kumuha amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka yose hamwe angana na 2.000.000Frw no kumusubiza 50.000Frw y'ingwate y'amagarama y'urubanza.

[2] Access Bank Rwanda Ltd yajuririye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ivuga ko Urukiko rubanza rwafashe ibintu uko bitari, rwirengagiza ibimenyetso yatanze, rwanga no guhamagaza mu rubanza Banki Nkuru y'u Rwanda cyangwa umukozi w'icyitwa *SWIFT (Society for Worldwide Interbank Financial Telecommunication)* kugira ngo arusobanurire uburyo kohererezanya amafaranga hagati y'amabanki ku rwego mpuzamahanga bikorwa.

[3] Mu rubanza RCOMA 0179/15/HCC rwaciwe ku wa 20/07/2015, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasanze Access Bank Rwanda Ltd yarubahiriye inshingano yahawe na Ruhando Ndatira Ernest kuko amadolari 76.835 yoherejwe muri Singapore

nk'uko yari yabisabye hakoreshejwe uburyo bwa *SWIFT*, anyura ku izina na nimero ya konti byari byatanzwe na Ruhando Ndatira Ernest bityo ko banki nta kosa yakoze kandi ko kuba fagitire yashingiweho yari impimbano nk'uko Ruhando Ndatira Ernest yabiyemereye, Access Bank Rwanda Ltd atariyo yabiryoza, rwemeza ko urubanza rwajuririwe ruhindutse mu ngingo zarwo zose, ko nta madorali banki igomba kumusubiza.

[4] Ruhando Ndatira Ernest ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ajuririra Urukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko rutasobanukiwe n'imikorere ya *SWIFT* nk'inzira ya *international transfer*, rutesha agaciro *payment order* yatanze nta mategeko rushingiyeho, rufata icyemezo rushingiye ku kimenyetso (inyemezabuguzi) cyaje nyuma y'uko iburanisha ripfundikiwe bituma rugera ku mwanzuro udasobanutse mu mategeko, kuko rwamuvukije amadolari 76.835 n'inyungu zayo ruyaha banki nk'indonke nta mpamvu.

[5] Mu rubanza RCOMAA 0054/15/CS rwaciwe ku wa 21/04/2017, Urukiko rw'Ikirenga rwasanze Access Bank Rwanda Ltd itarashyize mu bikorwa *payment order* yatanzwe na Ruhando Ndatira Ernest uko bikwiye, yoherereza amadolari 76.835 sosiyete yitwa WEST ATLANTIC Pte Ltd itari iyagenewe aho kuyohereza ALUZINK ASIA Pte Ltd wari wanditse kuri *payment order*, rwanzura ko banki yagize uruhare mu ibura rya 76.835USD ya Ruhando Ndatira Ernest, bityo ko hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 532 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano, ikwiye kuryozwa ayo madolari n'indishyi zikomoka ku kutarangiza uko bikwiye ubutumwa yahawe. Urukiko rwategetse Access Bank Rwanda Ltd gusubiza Ruhando Ndatira Ernest amadolari ye angana na 76.835 hiyongereyeho inyungu zingana na 33.950.919Frw na

2.700.000Frw akubiyemo amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka.

[6] Ku wa 13/06/2017, Access Bank Rwanda Ltd yatanze ikirego gisubirishamo ingingo nshya urubanza RCOMAA 0054/15/CS, ivuga ko habayeho amakosa akabije yo kwitiranya uko ibintu byagenze, bituma Urukiko rugera ku mwanzuro utariwo, cyane cyane ko n'ibimenyetso Access Bank Rwanda Ltd yari yatanze byagaragazaga ko yubahirije inshingano zayo.

[7] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhamwe ku wa 06/02/2018, Ruhando Ndatira Ernest aburanirwa na Me Zitoni Pierre Claver, naho Access Bank Rwanda Ltd iburanirwa na Me Rukangira Emmanuel hamwe na Me Buzayire Angèle. Iburanisha rigitangira, Me Zitoni Pierre Claver yibukije inzitizi yatanze yo kutakira ikirego kuko Access Bank Rwanda Ltd itagaragaza impamvu zatumye urubanza rusubirishwamo ingingo nshya nk'uko biteganywa n'ingingo ya 186 y'Itegeko N^o 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi yubahirizwaga icyo gihe.

[8] Urukiko, rushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 78, igika cya 4, y'Itegeko N^o 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, rwafashe icyemezo cy'uko inzitizi izasuzumirwa hamwe n'urubanza mu mizi, ababuranyi bahabwa umwanya wo kwisobanura ku nzitizi no ku ngingo zigize ikirego gisubirishamo urubanza ingingo nshya, urubanza rurapfundikirwa, ababuranyi bamenyeshwa ko ruzasomwa ku wa 02/03/2018.

[9] Uwo muni urubanza ntirwasomwe kuko Urukiko rwari rugisuzuma inyandiko zigize dosiye, ari no muri icyo gihe rwasanze Me Rukangira Emmanuel, uburanira Access Bank Rwanda Ltd, yarandikiye Perezida w'Inteko iburanisha ku wa 12/02/2018 avuga ko nyuma y'iburanisha yabonye ikindi kimenyetso cyitwa *Agreement of Participation in Automated Transfer System* gishimangira ikirego cyayo, isaba ko iburanisha rifungurwa.

[10] Mu rubanza rubanziriza urundi rwaciwe ku wa 16/03/2018, Urukiko rwasanze inyandiko yitwa *Agreement of Participation in Automated Transfer System* itaraburanweho kandi banki ivuga ko ije gushimangira ibyo yaburanishaga, rutegeka ko iburanisha risubukurwa ku wa 08/05/2018 kugira ngo ababuranyi bagire icyo bavuga kuri iyo nyandiko.

[11] Uwo muni iburanisha ntiryabaye kuko inteko itari yuzuye, urubanza rwimurirwa ku wa 26/06/2018. Kubera impinduka zari ziteganyijwe mu nzego z'ubutabera, iburanisha ryigijwe imbere, rishyirwa ku wa 19/06/2018. Kuri iyo tariki, urubanza rwaraburanishijwe rurapfundikirwa isomwa ryarwo rishyirwa tariki ya 29/06/2018, ariko ubwo rwari mu mwiherero ngo rufate icyemezo, Urukiko rwasanze ari ngombwa gukora iperereza muri Banki Nkuru y'Igihugu kugira ngo rusobanukirwe ibikubiye mu nyandiko yitwa *Agreement of participation in Automated Transfer System*, imikoreshereze y'inyandiko yitwa *Payment Order* n'imikorere ya *SWIFT*, rutegeka ko iperereza rizakorwa tariki ya 11/07/2018.

[12] Urubanza rwongeye guhamagazwa tariki ya 27/11/2018, ariko rugenda rwimurwa ku mpamvu zitandukanye zemewe n'amategeko, ruza kuburanishwa rurapfundikirwa tariki ya 02/04/2019, Ruhando Ndatira Ernest aburanirwa na Me Zitoni

Pierre Claver, naho Access Bank Rwanda Ltd iburanirwa na Me Rukangira Emmanuel. Isomwa ry’urubanza ryashyizwe ku wa 23/04/2019.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N’ISESENGURA RYABYO

[13] Ibibazo bigomba gusuzumwa muri uru rubanza ni ukumenya niba ikirego cya Access Bank Rwanda Ltd cyo gusubirishamo ingingo nshya urubanza RCOMAA 0054/15/CS rwaciwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 21/04/2017 cya kwakirwa, Urukiko rwasanga cyakwakirwa, rugasuzuma niba Access Bank Rwanda Ltd itarubahirije ubutumwa (mandat) yahawe na Ruhando Ndatira Ernest bwo kohereza amadolari 76.835USD, ku buryo yabiryoza ikayasubiza, ikabitangira n’indishyi.

a. Kumenya niba ikirego cya Access Bank Rwanda Ltd cyo gusubirishamo ingingo nshya urubanza RCOMAA 0054/15/CS cya kwakirwa.

[14] Me Rukangira Emmanuel na Me Buzayire Angèle, baburanira Access Bank Rwanda Ltd, bavuga ko icyatumye batanga ikirego gisubirishamo urubanza ingingo nshya ari uko mu gika cya 34 cy’urubanza rwasabiwe gusubirishwamo ingingo nshya, Urukiko rwitiranyije *contrat de mandat* n’uburyo bwo kwoherezanya amafaranga mu rwego mpuzamahanga bwitwa *SWIFT*, ko rwavuze ko Ruhando Ndatira Ernest atari we wazanye inyemezabuguzi yashingiweho bituma amafaranga atagera kuri nyirayo, ariko ntirwagaragaza aho iyo nyemezabuguzi yaturutse.

[15] Basobanura ko Urukiko rwemeje ko amafaranga yoherejwe mbere y'uko iyo nyemezabuguzi iboneka kandi ataribyoye, kuko *carnet* ya banki igaragaza ko *payment order* yasinywe inyemezabuguzi ihari, ariyo mpamvu basaba uru Rukiko kwemeza ko habayeho amakosa akabije yo kwitiranywa uko ibintu byagenze, rukemeza ko hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 186,6^o y'Itegeko N^o 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, ikirego cyakiriwe. Basobanura ko Urukiko rwitiranyije ibintu aho rwavuze ko fagitire igaragaza izina West Atlantic Pte Ltd wohererejwe amafaranga, yaje nyuma yuko Ruhando Ndatira Ernest akora *OP*, nyamara iyo fagitire yarayibonye ku wa 26/04/2013, *transaction* iba ku wa 02/05/2013, bivuga ko yari ayifite mbere hose, aha akaba ariho hari ikosa rikomeye ryo kwitiranywa ibintu.

[16] Me Rukangira Emmanuel na Me Buzayire Angèle bavuga kandi ko inyandiko yitwa “*Agreement of Participation in Automated Transfer System*” ari ikimenyetso gishya babonye gisobanura uburyo *transfer* y'amafaranga hagati y'amabanki ikorwa, kigaragaza ko Urukiko rwagombaga gushingira kuri *compte* aho gushingira kuri *intitulé de compte*, kuba rutarabikoze bikaba bishimangira ikirego cyabo cy'uko rwitiranyije ibintu uko byagenze. Basoza bavuga ko inyandiko yitwa *Agreement of Participation in Automated Transfer System* itareba ama banki gusa nk'uko bivugwa n'uburanira Ruhando Ndatira Ernest, kuko irengera n'abakiliya b'amabanki, bitewe n'uko irimo amabwiriza ya Banki Nkuru y'Igihugu, kandi iyi akaba ariyo banki ishinze gushyiraho umurongo andi ma banki agenderaho (*banque de régulation*), ariyo mpamvu ikirego cya Access Bank Rwanda Ltd gikwiye kwakirwa.

[17] Me Zitoni Pierre Claver, uburanira Ruhando Ndatira Ernest, avuga ko gusubirishamo urubanza ingingo nshya byemerwa gusa iyo hagaragajwe nibura imwe mu mpamvu ziteganywa n'ingingo ya 186 y'Itegeko N^o 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu. Asobanura ko Access Bank Rwanda Ltd ivuga ko ishingira ikirego cyayo ku gace ka gatandatu k'iyi ngingo bitewe n'uko Urukiko rwaba rwaritanyije *contrat de mandat* n'uburyo bwo kwohererezanya amafaranga bwitwa *SWIFT* ariko ntigaragaze aho byitanyijwe, ko Urukiko rwirengagije ko inyemezabuguzi yashingiweho amafaranga yoherezwa yari yashyikirijwe banki mbere y'uko amafaranga yoherezwa, nyamara iyo nyemezabuguzi yarazanywe nayo hagati mu iburanisha, atari Ruhando Ndatira Ernest wayitanze kuko atazi aho yaturutse, kubera ko yagaragajwe mu Rukiko bwa mbere tariki ya 29/06/2015 itanzwe na Me Rukangira Emmanuel. Asobanura ko Access Bank Rwanda Ltd ivuga ko Urukiko rwitanyije inyemezabuguzi na *payment order* kandi ntabyabaye, uretse ko bibaye ari nabyo byafatwa nko kunenga imikirize y'urubanza, ariyo mpamvu asaba uru Rukiko kwemeza ko ikirego kitakiriwe, kuko nta mpamvu n'imwe urega agaragaza yatuma urubanza rusubirishwamo ingingo nshya.

[18] Me Zitoni Pierre Claver avuga kandi ko inyandiko yitwa *Agreement of Participation in Automated Transfer System* Access Bank Rwanda Ltd yashyizwe muri dosiye nyuma yari isanzwe iriho urubanza rusubirishwamo ingingo nshya ruburanwa mu bujirire, kandi ko Access Bank Rwanda Ltd itabihakana, iyo nyandiko ikaba itatangwa nk'impamvu cyangwa nk'ikimenyetso gishya cyatuma urubanza rusubirishwamo ingingo nshya. Avuga ko iyo nyandiko yatanze na Banki Nkuru

y'u Rwanda, akaba atabona aho ihuriye n'abakiliya ba Access Bank Rwanda Ltd, nabyo bikaba bigaragaza ko ikirego cya Access Bank Rwanda Ltd kidakwiye kwakirwa.

[19] Me Zitoni Pierre Claver asoza avuga ko Access Bank Rwanda Ltd yatanze ikirego gisubirishamo urubanza ingingo nshya ishingiyeye ku ngingo ya 186, agace ka 6 y'Itegeko N^o21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu kavuga "ukwitiranyaga uko ibintu byagenze" kandi ko ako gace kavanyweho n'Itegeko rishya N^o22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, bityo hagendewe ku biteganywa n'ingingo ya 280 yaryo iteganywa ko imanza zikiburanishwa mu nkiko igihe iri tegeko ritangiye gukurikizwa, ziburanishwa mu buryo bukurikije iri tegeko, ariko ntacyo rihinduye ku mihango y'iburanisha yakozwe mbere y'uko ritangazwa, akaba ari ryo rigomba gukoreshwa, ibi nabyo bikaba ari impamvu ituma ikirego cya Access Bank Rwanda Ltd kidakwiye kwakirwa.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[20] Urukiko rurasanga mbere yo gusesengura ingingo ijyanye n'iyakirwa ry'ikirego bishingiyeye ku kwitiranyaga ibintu uko byagenze nkuko biteganywa n'ingingo ya 186, agace ka 6 y'Itegeko N^o21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, hagomba kubanza gusuzuma ikibazo cyatanze n'uburanira Ruhando Ndatira Ernest avuga ko Access Bank Rwanda Ltd yatanze ikirego gisubirishamo urubanza

ingingo nshya ishingiyeye kuri iyo ingingo ya 186, agace ka 6, nyamara ako gace karavanyweho n'Itegeko rishya N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'ianza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu hagendewe ku biteganywa n'ingingo ya 280 yaryo iteganya ko: “ianza zikiburanishwa mu nkiko igihe iri tegeko ritangiye gukurikizwa, ziburanishwa mu buryo bukurikije iri tegeko, ariko ntacyo rihinduye ku mihango y'iburanisha yakozwe mbere y'uko ritangazwa.

[21] Urukiko rurasanga ibyo uburanira Ruhando Ndatira Ernest avuga bitahabwa ishingiro kuko aha igisobanuro kitari cyo ingingo ya 280 y'Itegeko rishya N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryavuzwe haruguru mu gihe ahubwo ariyo igomba gushingirwaho ngo ibirego byatanze iri Tegeko ritarajyaho bishobore kwakirwa ngo bisuzumwe hashingiwe ku Itegeko ryariho inkiko ziregerwa, bityo iki kirego kikaba kigomba gusuzumwa hashingiwe ku ingingo ya 186 agace ka 6 y'Itegeko No 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, kuko ikirego cyatanze ariryo rikurikizwa.

[22] Ku bijyanye no gusubirishamo urubanza ingingo nshya, ingingo ya 186 agace ka 6 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012, ryavuzwe haruguru, ryakurikizwaga Access Bank Rwanda Ltd itanga ikirego, ari naryo ishingiraho isaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya, iteganya ko :,urubanza rusaba gusubirishwamo ingingo nshya iyo mu icibwa ryarwo hakozwe amakosa akabije yo kwitiranya uko ibintu byagenze cyagwa hashingiwe ku Itegeko ritakiriho“.

[23] Urukiko rurasanga kwitiranya uko ibintu byagenze ari ukutumva neza ikibazo giteje impaka hagati y'ababuranyi ndetse

n'ibyashingirwaho mu kugikemura, ibi bigatuma umucamanza agera ku mwanzuro atagombaga kugeraho iyo asobanukirwa neza cyangwa abona neza uko ibintu byari biri.

[24] Urukiko rurasanga mu kiga cya 34 cy'urubanza RCOMAA 0054/15/CS rwaciye ku wa 21/04/2017 rusabirwa gusubirishwamo, Urukiko rugaragaza ko Ruhando Ndatira Ernest atigeze yemera ko ari we wahaye Access Bank Rwanda Ltd inyemezabuguzi (fagitiri), kubera ko amakuru yuko amadorali ye atageze kuwo agenewe yayabwiwe na Access Bank Rwanda Ltd, iyi Bank kandi ikaba itaragaragaje uko yayihaye iyo fagitiri, ndetse ko ntakigaragaza ko mbere yuko yohereza amadorali yari yakabonye iyo fagitiri.

[25] Urukiko rurasanga iyo nyemezabuguzi (fagitiri) ivugwa ari igaragara muri dosiye (Cote c 29), yakozwe na Aluzing Asia Pte Ltd kuwa 26.04.2013, igenewe Rwatole Entreprises (Customer name) yerekana ko Bank izishyurirwaho (Beneficiary Bank ari OCBC Bank Singapore, izina rya Konti izishyurirwaho (Account Beneficiary Name) rikaba West Atlantic Pte Ltd, Nimero ya konti ikaba No 503149270301. Rurasanga iyo nyemezabuguzi (fagitiri) ivugwa mu baruwa yo ku wa 06/05/2013 yashyizweho umukono na Ruhando Ndatira Ernest nka Perezida wa Rwatole Entreprises, yandikiye uwitwa Mr Bala, asobanura ko habaye kohereza amafaranga kuri West Atlantic Pte Ltd, ko iyo fagitiri ari impimbano (Cote 28), ibi bikaba bigaragaza ko yanditse iyi baruwa ayizi kandi ayifite, ku bwizo mpamvu, iyo nyandiko ye ikaba igomba guhabwa agaciro, hashingiwe ku ngingo ya 28 y'Itegeko N° 47/2017 ryo ku wa 23/09/2017 iteganya ko ibaruwa umuntu yandikiye undi itsindisha uwayanditse....”.

[26] Urukiko rurasanga kuba Ruhando Ndatira Ernest yari azi iyo nyemezabuguzi (fagitiri) kandi ayifite mbere yuko akora *OP* ku wa 02/05/2013, bigaragaza ko nta wundi waba warayigejeje muri Access Bank Rwanda Ltd, cyane cyane ko ikoresha nk'umugereka kuri *OP* isobanura impamvu amafaranga yoherezwa nkuko bisanzwe bikorwa kubohereza amafaranga abandi muri ubwo buryo.

[27] Naho ibyo uhagarariye Ruhando Ndatira Ernest avuga ko iyo nyemezabwishyu itakoreshejwe mu nzego zibanza, ikaba yaragarajwe ku rwego rw'ubujurire mu rubanza rusabirwa gushubirishwamo ingingo nshya, ntiyaba impamvu yabuza Access Bank Rwanda Ltd kuyikoresha ku rwego rw'ubujurire nk'ikimenyetso gishimangira imiburanire yayo, kuko ikibujijwe ku rwego rw'ubujurire ari ingingo nshya ariko ikimenyetso gishya kitabujijwe mu gihe gishobora gufasha umuburanyi gushimangira ingingo aburanisha.

[28] Urukiko rurasanga kwitiranya ibintu uko byagenze gushingiye ku kuba Urukiko rwarafashe ko igihe Ruhando Ndatira Ernest yakoraga *OP* yishyuriweho amafaranga 76.835USD yari atarabona inyemezabuguzi (fagitire) igaragaramo West Atlantic Pte Ltd, ko atari nawe waba warayigejeje muri Access Bank Rwanda Ltd, nyamara mu ibaruwa yo ku wa 06/05/2013 yavuzwe haruguru yiyemerera ubwe ko yakiriye iyo nyemezabuguzi (fagitire).

[29] Kuba rero mu gufata icyemezo Urukiko rwarashingiye ku kibazo cy'iyo nyemezabuguzi (fagitire) rwitiranya igihe yabonekeye, uwayakiriye n'uko yageze muri Access Bank Rwanda Ltd nk'uko bigaragara mu gika cya 34 cy'urubanza RCOMAA 0054/15/CS rusabirwa gushubirishwamo ingingo nshya, Urukiko rurasanga harabayeho amakosa akomeye yo

kwitiranya ibintu uko ibintu byagenze, bituma hafatwa icyemezo kitari gufatwa iyo hatabaho uko kwitiranya ibintu.

[30] Hashingiwe kuri ibyo bisobanuro no ku ngingo ya 186, 6 nk'uko yasobanuwe haruguru, Urukiko rurasanga habayeho kwitiranya uko ibintu byagenze ku bijyanye n'inyemezabwishyu (fagitire), bikaba ari imwe mu mpamvu ituma ikirego cya Access Bank Rwanda Ltd cyo gusubirishamo urubanza RCOMAA 0054/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/04/2017 ingingo nshya cyakirwa.

[31] Urukiko rurasanga kandi mu gihe rusanze ikirego cya Access Bank Rwanda Ltd cya kwakirwa hashingiwe ku mpamvu yo kwitiranya ibintu uko byagenze, atari ngombwa gusuzuma indi mpamvu yatanzwe na Access Bank Rwanda Ltd yo gusubirishamo urubanza RCOMAA 0054/15/CS ingingo nshya ishingiyeye ku kimenyetso gishya, cyane cyane ko mu gusobanura iyo ngingo yo ubwayo yivugira ko icyo kimenyetso gishimangira ikirego cyabo cy'uko rwitiranya ibintu uko byagenze, kuko gisobanura uburyo *transfer* y'amafaranga hagati y'amabanki ikorwa, cyerekana ko hashingirwa kuri *compte* aho gushingira kuri *intitulé de compte*.

b. Kumenya niba Access Bank Rwanda Ltd itarubahirije ubutumwa (mandat) yahawe na Ruhando Ndatira Ernest zo kohereza amadorari 76.835 ku buryo yayaryozwa ikabitangira n'indishyi.

[32] Me Rukangira Emmanuel na Me Buzayire Angel baburanira Access Bank Rwanda Ltd bavuga ko Ruhando Ndatira Ernest yagiye muri Access Bank ubwe yuzuzura *bordereau de transfert/ordre de payement (OP)* y'amadorali 76.835 n'intoki, bivuga ko *informations* yashyize kuri iyo bordereau

zirebana n’uwagombaga kohererezwa amafaranga ari we wazitangiye, ko na *code* yoherejweho nayo igaragaza ko yoherejwe na Ruhando Ndatira Ernest, bityo kuba amafaranga atarageze k’uwo yagombaga kohererezwa nta makosa Access Bank Rwanda Ltd yakoze.

[33] Basobanura ko inyemezabwishyu (fagitiri) Ruhando Ndatira Ernest ubwe yihereye Access Bank Rwanda Ltd igaragaza ko uwagombaga kwishyura ari sosiyete yitwa Aluzinc Asia Pte Ltd, ariko konti yayo Ruhando Ndatira yatanze ari nayo yanditse kuri *Ordre de Payement* yanditse kuri West Atrantic Pte Ltd, kuba rero amafaranga yaroherejwe kuri iyo konti ya Aluzinc Asia Pte Ltd iri muri OCBC (OVERSEAS CHINESE BANKING CORPORATION) nk’uko yari yabisabwe, yubahirije ubutumwa (mandat) yahawe na Ruhando Ndatira Ernest.

[34] Bakomeza bavuga ko Ruhando Ndatira Ernest adasobanura icyatumye ayo madolari atagera k’uwo yari agenewe kubera ko yaje gusanga inyemezabwishyu (facture) yahaye Access Bank Rwanda Ltd ari y’impimbano, kandi ko nyuma yo gukora *operation* yo kuyohereza Ruhando Ndatira Ernest yandikiye uwitwa Mr Bala amusaba kuvugana na Banki (OCBC) yoherejwemo ayo madolari kugira ngo amufashe igikorwa cya *transfert* gihagarare, ariko bamubwira ko yakererewe, ko *transfert* yarangiye, ndetse na Ruhando Ndatira Ernest ubwe ajya muri Singapore gukurikirana icyo kibazo.

[35] Bavuga ko mu rwego rwo kumufasha, Access Bank Rwanda Ltd nayo yandikiye Correspondant Bank yayo (CITI BANK NEW YORK) iyisaba guhagarika igikorwa cyo kuyohereza muri bank OCBC, ariko bayisubiza ko cyarangiye bitagishobotse, ndetse inandikira na OCBC iyisaba gusubiza ayo madolari kubera ko yoherejwe k’uwo atari agenewe, ariko

ntiyasubizwa. Bavuga ko Ruhando Ndatira Ernest ashaka gutwera Access Bank Rwanda Ltd amakosa kandi ari aye bwite, kuko fagitiri (facture) yakoreshejwe niwe ubwe wayitangiye.

[36] Ku byerekeye umubare w'amadorari ari ku nyemezabwishyu adahura n'ayari kuri *ordre de payement* bavuga ko kuba imibare itandukanye biterwa n'imikoranire hagati ye n'uwo yayoherezaga, ibyo bikaba bitatuma havugwa ko ubutumwa Access Bank Rwanda Ltd itabwubahirije. Naho kucyo Access Bank Rwanda Ltd yakozwe imaze kubona ko uwagombaga kwishyura ugaragara kuri *ordre de payement* atandukanye n'ugaragara kuri *facture*, asubiza ko kuri *ordre de payement* hari handitseho ALUZINC ASIA Pte Ltd kandi ko ari yo yari yatanze iyo nyemezabwishyu igaragaraho ko uwanditse kuri iyo konti ari West Atlantic Pte Ltd, bityo ko Access Bank Rwanda Ltd yarebye numero ya konti yatanzwe na Ruhando Ndatira Ernest kuri *Ordre de Payement* ireba na numero ya konti yari ku nyemezabwishyu yatanzwe na Aluzinc Asia Pte Ltd isanga birahura, kandi ko umuntu umwe ashobora kugira konti nyinshi muri banki imwe ariko zifite inyito (intitulées) zitandukanye.

[37] Bavuga ko iperereza Urukiko rwakoze muri Banki Nkuru y'u Rwanda rihuzwa n'ibisobanuro byatanzwe na Access Bank Rwanda Ltd kuva urubanza rwatangira, kuko byagaragaye ko mu gihe hari contradiction hagati ya intitulé na numero ya konti ubwayo, ikitabwaho ari konti, kandi ko mu gihe usaba ko amafaranga yoherezwa yujuje *ordre de payement*, bank igakora operation yo kohereza amafaranga, ibisigaye gukorwa kugira ngo amafaranga agere ku wo agenewe bikorwa na banki zindi.

[38] Naho kubyerekeye ibyo uhagarariye Ruhando Ndatira Ernest anenga iperereza ryakozwe n'Urukiko avuga ko itsinda

ryabajijwe ritarahiye kandi ko imyironodoro y'ababajijwe ituzuye, ko n'ababajijwe batari bafite ubumenyi buhagije ku mikorere ya SWIFT ndetse ko na Banki Nkuru y'u Rwanda idafite aho ihuriye n'imikorere yayo, bavuga ko nta handi amakuru yari akenewe n'Urukiko yagombaga gushakirwa usibye muri Banki Nkuru y'u Rwanda kuko ariyo ikurikirana imikorere y'amabanki (regulator), ko nibyo banenga byose bigaragara kuri iyo raporo.

[39] Me Zitoni Pierre Claver uburanira Ruhando Ndatira Ernest avuga ko ikosa ryakozwe ryatumye Access Bank Rwanda Ltd itishyura uwo yagombaga kwishyura, ariyo yarikoze, kuko n'ubwo ivuga ko inyemezabwishyu (fagitiri) yashingiweho yishyura ari Ruhando Ndatira Ernest wayitanze atari ukuri kuko atazi aho yaturutse, kubera ko yagaragajwe mu Rukiko bwa mbere tariki ya 29/06/2015 itanzwe na Me Rukangira Emmanuel. Akomeza avuga ko umubare wa 71.241,12USD uyigaragaraho utandukanye n'ugaragara kuri *ordre de payement* yatanzwe na Ruhando Ndatira Ernest ya 76.835 USD, ikanagaragaraho ko *account beneficiary name* ari West Atlantic Pte Ltd, mu gihe *ordre de payement* yo igaragaza ko *beneficiary name* ari Aluzinc Asia Pte Ltd, bityo Access Bank Rwanda Ltd ikaba ifite uruhare mu iyoba ry'amadolari yagombaga kohereza, kubera ko yihaye guhindura *beneficiary name* inyuranije n'uwo yabwiwe na Ruhando Ndatira Ernest kwishyura.

[40] Me Zitoni avuga ko iperereza ryakozwe n'Urukiko muri Banki Nkuru y'Igihugu ritakurikije amategeko kuko ababajijwe batabanje kurahira, ko n'imyironodoro yabo ituzuye, kandi ko n'itsinda ryabajijwe nta makuru afatika ryashoboraga gutanga kuko ridafite aho rihuriye n'imikorere ya SWIFT, hakaba haragombaga kubazwa abakozi bo mu ishami rishinzwe *external transaction* ribarizwa muri *banking operations department* kuko

aribo bashoboraga gutanga amakuru ya nyayo ku mikorere ya *SWIFT* system, ko *SWIFT* system ari uburyo bwo kohererezanya amafaranga bwigenga budafite aho buhuriye na Bank Nkuru, usibye kumenya ko buriho, ikaba ntacyo yabukoraho.

[41] Akomeza avuga ko mu iperereza ryakozwe n'Urukiko rw'Ikirenga itsinda ryabajijwe ryasobanuye ko iyo izina ry'umukiriya ritandukanye na konti ye, igihe cy'iyishyurwa bahitamo konti, nyirayo akaba ariwe wishyurwa, ariko ko ibyo bishoka igihe ari ukwishyurana hagati y'amabanki ubwayo, bitandukanye n'uburyo bwo kwishyurana hakoreshejwe SWIFT, ko ikizwi ari uko mu gihe banki isanze izina ry'umukiriya ritandukanye na konti ye kwishyura bihita bihagarara, umuntu akaba yakwibaza impamvu Access Bank Rwanda Ltd yo yahisemo guhindura uwo yari yasabwe kohereza ayo madolari.

[42] Me Zitoni Pierre asoza avuga ko Access Bank Rwanda Ltd ariyo ifite ikosa kuko yagombaga gukora ibyo yasabwe nta kintu ihinduye, ibyo abayiburanira bavuga ko inyemezabwishyu (fagitiri) yari umugereka (annexe) ya *Ordre de payement* akaba atari ukuri, kuko nta bisobanuro uwohereza amafaranga asabwa guha banki, kandi ko no ku nyandiko yuzuzwa ntaho ayo makuru yateganyirijwe. Akomeza asobanura ko igishimangira ko ikosa ryayo ari uko nyuma y'uko amadolari yagombaga koherezwa abuze, Access Bank Rwanda Ltd yanditse inyandiko zitandukanye zigamije guhagarika *transfert* harimo na Email umukozi wayo witwa Aline yagiye yandika, ko n'ibaruwa Ruhando Ndatira Ernest yanditse yayandikishijwe nayo, kandi hakurikijwe context ibintu byakozwemo impande zombi zarafatanyaga gukemura ikibazo, ko iyo baruwa yanditse itavanaho inshingano za Access Bank Rwanda Ltd. Abajijwe niba banki ishobora kohereza amafaranga itabajije impamvu

yoherezwa, avuga ko bikorwa iyo hishyurwa umwenda, ariko ko atari ngombwa mu gihe cyo kohereza amafaranga.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[43] Urukiko rurasanga nkuko dosiye y’urubanza ibigaragaza, tariki ya 02/05/2013 Ruhando Ndatira Ernest yasabye Access Bank Rwanda Ltd kohereza amadolari 76.835 kuri konti N°503149270301, iri muri Bank OCBC yo muri Singapore uwo yari agenewe akaba ari Aluzinc Asia Pte Ltd, impamvu yo kohereza ayo madolari akaba ari ukwishyura amabati (achat tôles) nk’uko bigaragazwa n’inyandiko (OP- ordre de payement) yakozwe na Ruhando Ndatira Ernest. Rurasanga kandi tariki ya 24/03/2013 Aluzinc Asia Pte Ltd yari yarakoze fagitiri iyohereza uruganda rukora amabati rwitwa Rwatole Enterprises, sosiyete yanditse kuri Ruhando Ndatira Ernest, iriho konti numero 503149270301 yanditse ku izina rya West Atlantic Ltd.

[44] Urukiko rurasanga mu idosiye y’urubanza harimo inyandiko yitwa Payment TT197013 Details, yujujwe na Access Bank Rwanda Ltd igaragaza ko Access Bank Rwanda Ltd yishyuye 76.835.00 USD, yakozwe ku wa 30/12/2014 (saa 12:03:53 (Cote ya 6), ikaba yanditseho ko Value date ari ku wa 02/05/2013, uyishyuye (Ordering Party) akaba Ruhando Ndatira Ernest, Konti yishyuweho (Beneficiary account or ID) ikaba konti N° 503149270301, uwishyuwe (Beneficiary Name) akaba West Atlantic Pte Ltd, naho Bank yishyuwe (Beneficiary Bank Account other ID) ikaba OCBC CENTER, SINGAPORE, uyu wishyuwe akaba atandukanye na Aluzinc Asia Pte Ltd wari wanditse kuri “Ordre de payement“ yakozwe na Ruhando Ndatira Ernest.

[45] Urukiko rurasanga ariko nubwo ruri bwibande ku nyandiko imaze kuvugwa mu gika kibanza gusa, kuko ariyo Ruhando Ndatira Ernest ashingiraho avuga ko amafaranga ye yoherejwe utari wanditse kuri *OP*, muri dossiye hagaragaramo indi nyandiko nayo yitwa *Payment TT197013 Details* yo ku wa 02/05/2013 yanditswe ku wa 02/05/2013 saa 16:55:05, yuzujwe na Access Bank Rwand Ltd igaragaza ko Access bank yishyuye 76.835.00 USD, yanditseho ko *Value date* ari ku wa 02/05/2013, uyishyuye (Ordering Party) akaba Ruhando Ndatira Ernest, Konti yishyuweho (Beneficiary account or ID) ikaba konte N^o503149270301, Bank yishyuwe (Beneficiary Bank Account) ikaba OCBC CENTER, SINGAPORE, naho uwishyuwe (Beneficiary Name) akaba ALUZINC ASIA Pte Ltd, bihura n'uwari wanditse kuri *Ordre de payement* yakozwe na Ruhando Ndatira Ernest (Cote ya 4).

[46] Urukiko rurasanga kandi muri dosiye y'urubanza harimo inyandiko zitandukanye zerekana ko nyuma yo gusabwa kohereza amadolari 76.835, Access Bank Rwanda Ltd yayohereje kuri Konti numero 503149270301 iri muri OCBC Bank i Singapore, murizo hakabamo iyiswe Start of message, ibaruwa yo ku wa 06/05/2013 ya Ruhando Ndatira Ernest yandikiye uwitwa Bala amusaba kumufasha gukurikirana kugira ngo ayo madolari adakurwa kuri Konti kuko mu kuyishyura yashingiye kuri fagitire y'impimbano (Cote 28), inyandiko yitwa *Account statement details* igaragaza uburyo ayo madolari yoherejwe n'inzira yanyuzemo kugira ngo agere kuri konti yagomba gushyirwaho, ibi bikaba bigaragaza ko ayo madolari yageze kuri Konti numero 503149270301; bikanashimangirwa na intermediary bank (New York CITI Bank) mu butumwa yoherereje Access Bank Rwanda Ltd iyimenesha ko amadolari

yageze kuri iyo konti ariko ko *operation* idashoboka guhagarikwa kuko yarangiye.

[47] Urukiko rurasanga mu iperereza ryakozwe n’Urukiko rw’Ikirenga ku wa 11/07/2018 muri Banki Nkuru y’Igihugu, abakozi babihereye ububasha n’Ubuyobozi bwayo basorabanuriye Urukiko imikorere ya *SWIFT* (uko kohererezanya amafaranga hagati y’amabanki ku rwego mpuzamahanga bikorwa), n’uburyo iyo havutse ikibazo cy’amazina y’uwohererejwe amafaranga gikemuka, bagaragaza ko iyo banki yohereza amafaranga imaze kuyohereza, ibikorwa bindi bikorwa n’izindi banki (*intermediary bank-correspondant bank and receiving bank*), bityo ikaba idashobora kubona amakuru yose kuri konti yoherejweho amafaranga harimo no kuba yahuza ikonti yoherejweho n’izina yanditseho kugira ngo imenye koko ko ari nyirayo. Raporo yiryo perereza igaragaza ko iyo havutse ikibazo cy’uko nimeru ya konti igaragaraho amazina atandukanye ya nyiri konti, ikirebwa ari nimeru ya konti aho kuba amazina ya banyirayo.

[48] Urukiko rurasanga uwunganira Ruhando Ndatira Ernest adahakana ko amadolari 76.835 yageze kuri konti N°503149270301 yatanzwe na Ruhando Ndatira Ernest ubwe kuri OP yashyikirije Access Bank Rwanda Ltd, ahubwo icyo ahakana ari uko izina ALUZINC ASIA Pte Ltd ryanditse kuri iyo OP ritandukanye n’izina WEST ATLANTIC PTE LTD rigaragara kuri iyo konti muri *Bank Oversea Chinese Banking Corporation Limited Singapore (OCBC)* yafunguwemo, kandi akaba atemera na fagitiri igaragaramo WEST ATLANTIC PTE LTD nk’uwari kwoherezwa ayo madorali.

[49] Urukiko rurasanga nkuko byasobanuwe haruguru, inyemezabwishyu (fagitiri) igaragaramo izina WEST

ATLANTIC PTE LTD ryari kuri konti N°503149270301 Ruhando Ndatira Ernest yujuje kuri *OP* ngo yoherezweho amadorali ye ariwe yari yakorewe kandi nta wundi wayigejeje muri Access Bank Rwanda Ltd atari we, bivuga ko Access Bank Rwanda Ltd yohereje amadorali kuri konti no kuri numero Ruhando Ndatira Ernest yatanze; bityo ikaba yarujuje inshingano yayo.

[50] Urukiko rurasanga na none hashingiwe kuri raporo y'iperereza ry'Urukiko rw'Ikirenga ryakozwe muri Banki Nkuru y'Igihugu yavuzwe haruguru, kuba Access Bank Rwanda Ltd yarohereje amadorali 76.835 akagera kuri konti N°503149270301 yari yahawe na Ruhando Ndatira Ernest, iri muri Bank Oversea Chinese Banking Corporation Limited Singapore (OCBC), nabyo bishimangira ko yari yakoze inshingano yayo, kubera ko iyo havutse ikibazo ku mazina ya nyiri konti ikigomba kurebwa ari numero ya konti aho kuba amazina y'uwohererejwe. Ibi kandi niko bimeze mu nyandiko yitwa “*Agreement of Participation in Automated Transfer System*”, mu gika cyayo ya 39.2. aho bavuga ko iyo hari itandukaniro hagati ya numero ya konti n'izina rya nyirayo, numero ya konti niyo irebwa (*Where there is discrepancy between a beneficiary account number and beneficiary name and address in a message, the account number will take precedence*).

[51] Ku bijyanye nuko umubare w'amadorali uri kuri iyo nyemezabwishyu utandukanye n'umubare uri kuri *OP* yujijwe na Ruhando Ndatira Ernest nabyo ntacyo byafasha mu kumenya nyiri konti yoherejweho amafaranga kuko icyari gikenewe mu kohereza amafaranga ari numero ya konti yagombaga koherezwaho, nk'uko byagaragajwe haruguru, kuba Ruhando Ndatira Ernest yohereje make cyangwa menshi bikaba byaba

ikibazo kimureba we n'uwo yari yoherereje ayo madolari, kitareba banki yagombaga kuyohereza.

[52] Urukiko rurasanga rero rushingiye kuri ibyo bisobanuro, no ku biteganywa n'ingingo ya 532 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'Amategako y'imbonezamubano, iteganya ko: „Intumwa itegetswe kurangiza ubutumwa yahawe mu gihe cyose ikibushinzwe kandi iryozwa indishyi zikomoka ku kutarangiza ubutumwa yahawe. Itegetswe kurangiza ibintu yatangiye gukora, kabone n'iyo uwamutumye yaba yarapfuye, niba hari ibishoboka kwangirika “; Access Bank Rwanda Ltd yarubahirije inshingano yahawe *Mandat*, ikaba itaryozwa kwishyura 76.835 USD n'indishyi zijyanye nayo; ku bw'izo mpamvu urubanza RCOMAA0054/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/04/2017 rukaba rugomba guhinduka mu ngingo zarwo zose.

c. Kumenya niba izindi ndishyi zisabwa muri uru rubanza zikwiye

[53] Uhagarariye Ruhando Ndatira Ernest yatanze ikirego cyuririre ku kindi asaba ko indishyi zikomeza kubarwa kugeza igihe urubanza ruciriwe nk'uko byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga mu rubanza RCOMAA 0054/15/CS, kandi zikabarwa mu gaciro k'amafaranga hashingiwe ku gaciro k'idorari kangana na 890Frw. Bityo indishyi basaba zikabarwa mu buryo bukurikira: $76,835 \text{ USD} \times 890 \text{ Frw} = 68.383.150 \text{ Frw}$. Access Bank Rwanda Ltd ikaba kuva muri Gicurasi 2013 kugeza muri Gashyantare 2019 hashize imyaka 5 n'amezi 8 ni ukuvuga iminsi 1860. Inyungu zikaba ari: $(68.383.150 \times 17,56\% \times 1860/360) = 62.041.557 \text{ FRW}$, zikazatangwa hamwe n'umwenda remezo wa 76.835USD.

[54] Ababuranira Access Bank Rwanda Ltd bavuga ko indishyi Ruhando Ndatira Ernest asaba nta shingiro zifite, ahubwo kugeza ubu Access Bank Rwanda Ltd ariyo ikomeje gutakaza amafaranga kubera kuyihoza mu manza nta mpamvu, ariko mu myanzuro yabo ntibagaragaza ingano yizo ndishyi.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[55] Urukiko rurasanga indishyi zisabwa n'uhagarariye Ruhando Ndatira Ernest zidakwiye kuko ntacyo atsindiye muri uru rubanza, byongeye kandi Access Bank Rwanda Ltd yari ifite uburenganzira bwo kugana inkiko igihe yumva ko hari uburenganzira bwayo igomba guharanira.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[56] Rwemeje ko ikirego cyo gusubirishamo ingingo nshya urubanza RCOMAA0054/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/04/2017 cyatanzwe na Access Bank Rwanda Ltd cyakiriwe kandi ko gifite ishingiro;

[57] Rwemeje ko urubanza RCOMAA0054/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/04/2017 ruhindutse mu ngingo zarwo zose;

[58] Rwemeje ko Access Bank Rwanda Ltd itagomba kwishyura Ruhando Ndatira Ernest 76.835 USD n'indishyi zijyana nayo;

[59] Ruvuze ko ingwate y'amagarama yatanzwe ihwanye n'ibyakozwe muri uru rubanza.

IMANZA ZACIWE MU MIZI

URUBANZA MBONEZAMUBANO

NTAGANZWA v MUNYANTORE N'UNDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RC
00002/2019/SC (Ntezilyayo, P.J, Nyirinkwaya, Cyanzayire,
Rukundakuvuga, na Hitiyaremye, J.) 28 Gashyantare 2020]

*Amategeko agenga imanza z'imbonezamubano – Cyamunara –
Kwegukana umutungo uguzwe muri cyamunara – Mu gihe
uberewemo umwenda yitabiriye cyamunara y'igurisha
ry'umutungo w'umubereyemo umwenda akaba ari we
uyitsindira, ntibimuhesha uburenganzira bwo kuwegukana
atishyuye ikiguzi yitwaje umwenda aberewemo, kuko iyo
yitabiriye iyo cyamunara afatwa nk'abandi baguzi bose.*

Incamake y'ikibazo: Urubanza rwatangiriye mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru Ntaganzwa arega Umuhesha w'Inkiko Munyantore ndetse na Uwitonze, asaba Urukiko ko rwatesha agaciro cyamunara y'inzu ye kubera ko yakozwe mu buryo bunyuranije n'amategeko kuko inzu ye yateshejwe agaciro, ko imihango yo gutangaza cyamunara y'inzu ye itakozwe kuko nta matangazo yamanitswe kandi ko amafaranga yavuye muri cyamunara atashyizwe kuri konti y'urukiko nk'uko amategeko abiteganyaga. Urukiko rw'Ibanze rwafashe icyemezo rwemeza ko ikirego cye nta shingiro gifite ko cyamunara yakozwe ikurikije amategeko.

Urega ntiyishimiye imikirize y'Urukiko ajuririra Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo narwo rwemeza ko bujurire bwe nta shingiro bufite kuko Urukiko rw'Ibanze rwagaragaje ko

cyamunara yabaye yakurikije amategeko, rushingiye kubimenyetso rwahawe.

Urega ntiyishimiye imikirize y'urubanza maze yandikira Perezida w'Urukiko Rukuru asaba ko rwasubirwamo kumpamvu z'akarengane, Perezida amaze kubisuzuma yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga avuga ko rushobora kuba rurimo akarengane ko byasuzumwa; Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeza ko urubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

Urubanza rwo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane rwaburanishirijwe mu Rukiko rw'Ikirenga, aho Ntaganzwa yavuze ko Urukiko Rwisumbuye rutasuzumye agaciro nyakuri k'umutungo nk'uko kari kemejwe mu rubanza rwasabirwaga kurangizwa ahubwo abaregwa bumvikanye n'umugenagaciro batesha agaciro inzu ye; yanavuze ko cyamunara itamenyekanishijwe mu buryo bukurikije amategeko kuko itangazo rya cyamunara ritamanitswe ahategetswe hose nk'uko bigaragazwa nibimenyetso batanze, asoza avuga kandi ko Uwitonze yegukanye inzu ya Ntaganzwa mu buryo bunyuranije n'amategeko kuko Munyantore yafashe inzu ye ayiha Uwitonze atayiguze muri cyamunara kuko ntakigaragaza aho yishyuye ikiguzi cy'inzu nk'uko biteganywa n'amategeko.

Abaregwa bavuga ko ibyo urega avuga ko umutungo we wateshejwe agaciro bafatanije n'impuguke ataribyho kuko iyo mpuguke yashyizweho na Perezida w'Urukiko rw'Ibanze bo ntaho bahuriye nawe, naho kugaciro avuga ko kari karagenwe mu rubanza rwarangizwaga ataribyho kuko iryo genagaciro ariwe ubwe wariyikoreshereje akaritanga mu Rukiko ntaho Urukiko rwigeze rurisaba cyangwa ngo rurishingireho, kubijyanye no kuba cyamunara itamenyekanishijwe mu buryo bukurikije amategeko bavuze ko ataribyho kuko byose byakozwe ndetse akaba ariyo mpamvu yanitabiriwe inshuro enye zose, ku kuba

urega avuga kandi ko Uwitonze yegukanye inzu mu buryo bunyuranije n'amategeko nabyo sibyo kuko Uwitonze nawe yari yemerewe gupiganwa nk'abandi akaba yari kuri liste y'abapiganwa akaba ari nawe watanze amafaranga menshi kurusha abandi bitabiriye cyamunara.

Incamake y'icyemezo: 1. Mu gihe uberewemo umwenda yitabiriye cyamunara y'igurisha ry'umutungo w'umubereyemo umwenda akaba ari we uyitsindira, ntibimuhesha uburenganzira bwo kuwegukana atishyuye ikiguzi yitwaje umwenda aberewemo, kuko iyo yitabiriye iyo cyamunara afatwa nk'abandi baguzi bose. Bityo kuba Uwitonze yaregukanye inzu ya Ntaganzwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko kuko yayegukanye nta bwishyu atanze yitwaje umwenda aberewemo bikaba ari impamvu ituma cyamunara iseswa.

2. Mu gihe imenyekanisha rya cyamunara ritubahirije ibiteganya n'amategeko, cyamunara igomba guseswa kuko iba yakozwe mu buryo bunyuranije n'amategeko.

**Gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane bifite
ishingiro;
Imikirize y'urubanza rwasabiwe gusubirirwamo ihindutse
kuri byose.**

Amategeko yashingiweho :

Itegeko N° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'Abahesha b'Inkiko, ingingo ya 60

Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, ingingo ya 147, 263, 295, 306, 307, 312 n'iya 315

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA:

[1] Mu rubanza RCA 0175/15/HC/KIG rwaciwe ku wa 30/12/2015, Uwitonze Innocent yaregagamo Ntaganzwa Faustin na Kabahire Louise asaba ko bategekwa kumuha inzu baguze iri mu kibanza gifite UPI 1/02/02/05/583, kiri mu Kagari ka Nyamugali, Umurenge wa Gatsata, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, nk'uko babyemeranyijweho mu masezerano bakoranye ku wa 28/10/2013, Urukiko Rukuru rwanzuye ko nta bugure bwabayeho, ko icyari kigamijwe ari inguzanyo y'amafaranga yunguka (*banque Lambert*), ariko kubera ko bibujijwe bandika amasezerano agaragaza ibintu uko bitari, rutegeka Uwitonze Innocent gusubiza abo baburana icyangombwa cy'inzu, Ntaganzwa Faustin nawe akamwishyura umwenda amurimo ungana na 16.000.000 Frw.

[2] Urwo rubanza rumaze gucibwa, Umuhesha w'inkiko w'umwuga Munyantore Bonaventure yatangiye imihango yo kurangiza urubanza ku gahato kugira ngo Uwitonze Innocent yishyurwe amafaranga yatsindiye, yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru amusaba gushyiraho impuguke yakwifashishwa mu kugena agaciro k'umutungo utimukanwa wa Ntaganzwa Faustin na Kabahire Louise uri mu kibanza cyavuzwe haruguru mu rwego rwo kurangiza urubanza RCA 0175/15/HC/KIG.

[3] Ku wa 01/04/2016, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru yategetse ko inzu ya Ntaganzwa Faustin na Kabahire Louise ikorerwa igenagaciro na Ir Sebakwiye Théophile. Uyu yakoze ibyo yasabwe maze muri raporo ye yo ku wa 08/04/2016, agaragaza ko inzu n'ikibanza yubatsemo bifite agaciro ka 13.033.020 Frw.

[4] Tariki ya 19/04/2016, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru yemeje ko uwo mutungo uzatezwa cyamunara ku wa 26/05/2016 saa ine z'amanywa, anategeka uko cyamunara izatangazwa n'aho amatangazo ya cyamunara azamanikwa.

[5] Ku itariki ya 04/08/2016, Umuhesha w'inkiko Munyantore Bonaventure yakoze inyandikomvugo ya cyamunara igaragaza ko cyamunara yabaye uwo munsu kandi ko inzu yegukanywe na Uwitonze Innocent (ari nawe wari uberewemo umwenda waburanyweho mu rubanza rwarangizwaga) kuko ariwe watanze igiciro cya 16.500.000 Frw kiri hejuru mu bapiganwa umunani bari bayitabiriye, ndetse ku wa 04/01/2017 inzu iva mu maboko ya Ntaganzwa Faustin, ihabwa Uwitonze Innocent.

[6] Ku wa 13/06/2017, Ntaganzwa Faustin yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru asaba ko cyamunara iteshwa agaciro kubera ko yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Mu kirego cye yavugaga ko:

Umuhesha w'Inkiko Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent bumvikanye n'impuguke Sebakwiye Théophile, inzu bayitesha agaciro, ntibanamumenyesha iryo genagaciro ryatesheje inzu ye agaciro;

Icyemezo gishyiraho impuguke, Munyantore Bonaventure yakibonye ku wa 12/04/2016 kandi

bigaragara ko *expertise* yakozwe ku wa 08/04/2016, hakibazwa ukuntu yaba yarakozwe mbere y'uko icyemezo cy'Urukiko kiboneka;

Umuhesha w'inkiko ntabwo yubahirije amategeko agenga imihango yose ya cyamunara kuko amatangazo amenyesha ko hari cyamunara ku itariki ya 04/08/2016 atamanitswe ahategetswe hose;

Hari abantu baje muri cyamunara ibanziriza iya 04/08/2019, Munyantore Bonaventure yanga kubandika, ahubwo yandika aba *commissionaires* bazanywe na Uwitonze Innocent, ari nabo yandukuye mu nyandikomvugo ya cyamunara yo ku wa 04/08/2019;

Amafaranga yavuye muri cyamunara ntabwo yashyizwe kuri konti y'Urukiko.

[7] Ku wa 09/02/2018, Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru rwaciye urubanza RC 00411/2017/TB/KCY, rwemeza ko ikirego cya Ntaganzwa Faustin nta shingiro gifite kuko cyamunara yakurikije amategeko hakurikijwe ibimenyetso rwahawe.

[8] Mu gufata icyo cyemezo, Urukiko rwavuze ko umuhanga wakoze igenagaciro yashyizweho n'Urukiko ku buryo Ntaganzwa Faustin adashobora kuvuga ko atarimenyeshejwe cyangwa ngo avuge ko ryakozwe ku buriganya bwa Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent kuko ntaho bahuriye naryo, cyane cyane ko n'amafaranga yatanzwe muri cyamunara yarenze avugwa muri iryo genagaciro.

[9] Urukiko rwavuze kandi ko ibivugwa na Ntaganzwa Faustin ko raporo y'impuguke yabonetse mbere y'icyemezo

kimushyiraho atari ukuri kuko yashyizweho ku wa 01/04/2016, hanyuma raporo ye isohoka ku wa 08/04/2016.

[10] Ku birebana n'itangazo rya cyamunara, rwavuze ko bigaragara muri dosiye ko yamanitswe ahategetswe hose, naho ku birebana n'uko amafaranga yaguze inzu atanyuze kuri konti y'Urukiko, rwavuze ko nubwo biteganywa n'itegeko, bitari ngombwa kuko uwagombaga kuyishyurwa ari nawe watsindiye inzu yagombaga kuvamo ubwishyu.

[11] Ntaganzwa Faustin yajuriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo avuga ko Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru rwirengagije ko inzu ye yapfobejwe agaciro, ndetse ko amatangazo ya cyamunara atamanitswe ahari hategetswe hose.

[12] Ku wa 17/10/2018, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, rwaciye urubanza RCA 00052/18/TGI/GSBO, rwemeza ko ubujurire bwa Ntaganzwa Faustin nta shingiro bufite kuko urukiko rubanza rwagaragaje ko cyamunara yakurikije amategeko hakurikijwe ibimenyetso rwahawe, Ntaganzwa Faustin akaba nta gishya yazanye mu bujurire kivuguruza ibyo rwashingiyeho, rumutegeka kwishyura Uwitonze Innocent na Munyantore Bonaventure 1.000.000 Frw y'igihembo cya Avoka.

[13] Nyuma y'uko urwo rubanza ruciwe, Ntaganzwa Faustin yandikiye Perezida w'Urukiko Rukuru asaba ko rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, nawe amaze gusuzuma ubusabe bwe yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga avuga ko rushobora kuba rwarabayemo akarengane, ko byasuzumwa hakemezwa niba rwasubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.

[14] Mu cyemezo cye 0102/CJ/2019 cyo ku wa 09/05/2019, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeje ko urubanza RCA

00052/18/TGI/GSBO rwandikwa mu bitabo kugirango ruzongere kuburanishwa.

[15] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 04/02/2020, Ntaganzwa Faustin ahagarariwe na Me Nzeyimana Lusinga Innocent, Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent bahagarariwe na Me Twizeyimana Innocent.

[16] Me Nzeyimana Lusinga Innocent uhagarariye Ntaganzwa Faustin yaburanye avuga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwirengagije ko cyamunara yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, haba ku bijyanye n'agaciro kahawe inzu ye, haba ku bijyanye n'imenyekanisha rya cyamunara, haba ku bijyanye n'uburyo umutungo weguriwe Uwitonze Innocent atawuguze, naho Me Twizeyimana Innocent uhagarariye abaregwa avuga ko ntacyo urwo rukiko rwirengagije.

[17] Ibibazo byasuzumwe muri uru rubanza ni ibyo kumenya niba mu rubanza RCA 00052/18/TGI/GSBO, Urukiko Rwisumbuye rwarirengagije ko agaciro k'inzu ya Ntaganzwa Faustin kagenwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko; ko cyamunara itamenyekanishijwe nk'uko byari byategetswe; ko Uwitonze Innocent yeguriwe inzu ya Ntaganzwa Faustin mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

A. Kumenya niba agaciro k'inzu ya Ntaganzwa Faustin karagenwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko

[18] Me Nzeyimana Lusinga Innocent uhagarariye Ntaganzwa Faustin avuga ko Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rutasuzumye agaciro nyakuri k'umutungo wagurishijwe kuko mu rubanza RCA 0175/15/HC/KIG rwarangizwaga hemejwe ko umutungo ufite agaciro kangana na 51.720.900 Frw, ariko mu kururangiza Umuhesha w'inkiko Munyantore Bonaventure afatanyije na Uwitonze Innocent n'umugenagaciro Ir Sebakwiye Théophile bakora uburiganya, bapfobya agaciro k'inzu ye, bayiha agaciro ka 13.033.020 Frw, n'iyo raporo y'igenagaciro ntibayimushyikiriza kugira ngo agire icyo ayivugaho, abe yanakoresha indi iyivuguruza mbere y'uko inzu igurishwa muri cyamunara.

[19] Avuga kandi ko mbere yo gushyiraho umugenagaciro, bagombaga kubanza kureba niba hari uwo bahuriraho bombi aho kugira ngo Uwitonze Innocent baburana washakaga gutwara inzu ye ariwe umutanga wenyine, ari nabyo byatumye apfobya agaciro k'inzu ye, nyuma bagahimba amayeri bavuga ko yaguzwe 16.500.000 Frw kugira ngo bihurirane n'umwenda wa 16.000.000 Frw yari amubereyemo, hiyongereyeho igihembo cy'umuhesha w'inkiko Munyantore Bonaventure kingana na 500.000 Frw.

[20] Me Twizeyimana Innocent uhagarariye Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent avuga ko ibyo Ntaganzwa Faustin avuga ko umutungo we wateshejwe agaciro n'abo ahagarariye bafatanyije na Ir Sebakwiye Théophile bishyiriyeho

ubwabo nta kuri kurimo kuko ataribo bashyizeho impuguke yagennye agaciro k'inzu, ahubwo ari Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru wamushyizeho.

[21] Avuga kandi ko ibyo Ntaganzwa Faustin avuga ko atigeze yerekwa igenagaciro ryakozwe na Ir Sebakwiye Théophile nta gaciro byahabwa kuko nta kimenyetso na kimwe yatanze kigaragaza ko atayibonye cyangwa se ko yayisabye ntayihabwe, cyane ko cyamunara zose zagiye zisubikwa ahari kugeza ku ya nyuma, ku buryo iyo haba hari ikinyuranyije n'amategeko yari guhita akivuga cyamunara ntibe.

[22] Avuga nanone ko igenagaciro rya 51.720.900 Frw Ntaganzwa Faustin avuga ko ryirengagijwe ari ryo yakoresheje mu rubanza RCA 0175/15/HC/KIG agamije gutesha agaciro amasezerano y'ubugure yari yaragiranye na Uwitonze Innocent, ko ataryitwaza kuko ritigeze risabwa n'Urukiko.

[23] Avuga kandi ko nawe ubwe ako gaciro azi ko kadahuje n'ukuri kuko nyuma y'amasezerano y'ubugure bw'inzu yari yarakoranye na Uwitonze Innocent, kuitariki ya 05/10/2013, yayigurishije uwitwa Kamana Kanani ku mafaranga 10.000.000 nk'uko bigaragazwa n'amasezerano bashyize muri dosiye.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[24] Ingingo ya 263 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, mu gika cyayo cya gatatu igira iti : mbere yo guteza cyamunara umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa ufite agaciro kari

hejuru ya miliyoni eshatu (3.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda, umuhesha w'inkiko agomba kwiambaza impuguke mu igenagaciro ry'umutungo. Amafaranga y'igihembo cy'impuguke yemezwa na Perezida w'urukiko watanze icyemezo cya cyamunara kandi akurwa mu mafaranga ya cyamunara.

[25] Ingingo ya 54 y'amabwiriza N° 002/2015 yo ku wa 18/05/2015 ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agenga imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nayo igira iti "haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 263 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, umuhesha w'inkiko ushaka guteza cyamunara abanza gushyikiriza Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rw'aho umutungo utezwa cyamunara uri inyandiko isaba kugena impuguke n'igihembo cyayo. Perezida agomba kuba yasubije mu gihe kitarenze iminsi icumi y'akazi. Icyemezo cya Perezida ni icyemezo cy'ubuyobozi, gishobora guhindurwa igihe cyose hagaragajwe mu nyandiko ko habaye kwibeshya mu kugitanga

[26] Urukiko rurasanga ibiteganywa mu itegeko n'amabwiriza bimaze kuvugwa byarubahirijwe kuko icyemezo cya Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru cyo ku wa 01/04/2016 kigaragaza ko ariwe washyizeho Ir SebakwiyeThéophile nk'impuguke yo kugena agaciro k'umutungo utimukanwa wa Ntaganzwa Faustin na Kabahire Louise nyuma yo kubona ibaruwa y'Umuhesha w'inkiko Munyantore Bonaventure amusaba kugena impuguke yakwifashishwa mu kugena agaciro k'uwo mutungo mu rwego rwo kurangiza urubanza RCA 0175/15/HC/KIG, bityo rero ibyo uburanira Ntaganzwa Faustin avuga ko ari Uwitonze Innocent watanze umugenagaciro Ir

Sebakwiye Théophile, bikaba bitafatwaho ukuri kuko nta kibigaragaza, n'ibyo avuga ko umucamanza yagombaga gushyiraho umugenagaciro wumvikanyweho n'impande zombi bikaba nta shingiro bifite kuko ntaho itegeko cyangwa amabwiriza byagenderwagaho icyo gihe byabiteganyaga.

[27] Ku bijyanye n'ibyo uburanira Ntaganzwa Faustin avuga ko Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent bafatanyije na Ir Sebakwiye Théophile bakoze uburiganya kuko inzu yari ifite agaciro ka 51.720.900 Frw kemejwe mu rubanza RCA 0175/15/HC/KIG rwarangizwaga yahawe agaciro ka 13.033.020 Frw, Urukiko rurasanga nabyo bitafatwaho ukuri kuko ukunyuranya kw'abahanga ku gaciro k'umutungo ubwabyo atari ikimenyetso cy'uburiganya, akaba nta kindi kimenyetso atanga gishyigikira imvugo ye ko habaye uburiganya mu kugena agaciro k'umutungo we.

[28] Hashingiwe ku bisobanuro byatanzwe, Urukiko rurasanga agaciro k'inzu ya Ntaganzwa Faustin karagenwe mu buryo bukurikije amategeko.

B. Kumenya niba cyamunara itaramenyekanishijwe mu buryo bukurikije amategeko

[29] Me Nzeyimana Lusina Innocent uhagarariye Ntaganzwa Faustin avuga ko itangazo rya cyamunara ritigeze rimanikwa ahategetswe hose mu rwego rw'ubucuruzi kumenyekanisha cyamunara, ibi bikaba binyuranyije n'ibyateganywaga n'ingingo ya 295 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu.

[30] Avuga ko ibimenyetso atanga by'uko itangazo rya cyamunara ritamanitswe ahategetswe hose ari inyandiko zanditswe n'inzego zitandukanye z'aho itangazo ryagombaga kumanikwa zigaragaza ko ritamanitswe ku biro byazo, na kopi y'ikaye y'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo yandikwamo inyandiko zizanywe n'abagana urwo rukiko igaragaza ko kuva tariki ya 20/07/2016 kugeza ku wa 04/08/2016 nta tangazo rya cyamunara Munyantore Bonaventure yigeze aza kumanika kuri urwo rukiko kuko iyo ayizana iba yaranditswe muri iyo kaye nk'uko andi matangazo ya cyamunara yanditswemo.

[31] Me Twizeyimana Innocent uhagarariye Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent avuga ko ibyategetswe byose kubirebana n'itangazo rya cyamunara byakozwe, bituma n'abantu bitabira za cyamunara nk'uko zagiye zikurikirana kugeza ku nshuro ya kane ubwo cyamunara yakorwaga bwa nyuma, kandi ko byasuzumwe mu rubanza rusabirwa gusubirishwamo, Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rusanga ibyo Ntaganzwa Faustin avuga nta shingiro bifite.

[32] Avuga kandi ko inyandiko zatanzweho ibimenyetso na Ntaganzwa Faustin, zanditswe n'abayobozi b'inzego zitandukanye zitashingirwaho hemezwa ko itangazo rya cyamunara ritamanitswe ku biro by'izo nzego kuko zitigeze zihabwa kopi yaryo mbere y'uko rimanikwa, cyane ko atariko itegeko ryabiteganyaga icyo gihe.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[33] Cyamunara ni igurisha rikorewe mu ruhame hagamijwe kwegurira umutungo ugurishwa utanze amafaranga menshi kurusha abandi. Birumvikana ko ikigamijwe kitagerwaho mu

gihe hatabaye kumenyekanisha cyamunara ku buryo amakuru arebana nayo agera ku bantu benshi bashoboka, ari nayo mpamvu, ku birebana na cyamunara itegegetswe n'Urukiko kugirango hishyurwe uberewemo umwenda yatsindiye mu rubanza rwabaye itegeko, Umushingamategeko yashyizeho uburyo cyamunara imenyekanishwa.

[34] Ingingo ya 295 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'ibanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu, mu gika cyayo cya gatatu igira iti : 'bisabwe n'uwafatiriye, kandi amaze kugenzura ko imihango yose y'ifatira yubahirijwe, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rw'aho icyamunara izabera, cyangwa Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi mu gihe harangizwa urubanza rwaciwe n'inkiko z'ubucuruzi, akena itariki n'aho ibintu bigomba kugurishirizwa, ahantu n'uburyo amatangazo y'iyi cyamunara agomba kumanikwa. icyemezo cya Perezida w'Urukiko kigomba na none gutangazwa, nibura mu minsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko icyamunara ikorwa, mu kinyamakuru kimwe cya Leta, byaba ngombwa kikanatangazwa no mu kindi kinyamakuru cyigenga gisomwa na benshi cyagenwe na Perezida w'Urukiko cyangwa se bigatangazwa no kuri radiyo, televiziyo cyangwa irindi koranabuhanga. Perezida w'Urukiko rw'Ibanze cyangwa Perezida w'Urukiko rw'Ubucuruzi ashobora no gushyiraho ubundi buryo bwatuma cyamunara irushaho kwamamazwa.

[35] Ku birebana na cyamunara igibwaho impaka muri uru rubanza, Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru, ashingiye ku bubasha ahabwa n'ingingo ya 295 y'itegeko ryavuzwe, yategetse ko inzu ya Ntaganzwa Faustin na Kabahire Louise izatezwa cyamunara ku wa 26/05/2016 saa ine z'anywa, ko

mu rwego rwo kuyimenyekanisha izatangazwa inshuro imwe kuri Radio Rwanda n'inshuro imwe mu Mvaho, nibura iminsi 15 mbere y'uko ikorwa kandi ko itangazo ryayo rizamanikwa mu gihe cy'iminsi 15 mbere y'uko ikorwa aha hakurikira:

Ku biro by'uturere tugize Umujyi wa Kigali;

Ku biro by'inkiko zisumbuye ziri mu Mujyi wa Kigali;

Ku biro by'inkiko z'ibanze ziri mu Karere ka Gasabo;

Ku biro by'Akagali ka Nyamugali no ku biro by'Umurenge wa Gatsata.

[36] Ku bijyanye n'aho itangazo rya cyamunara ryagombaga kumanikwa, Urukiko rurasanga mu rubanza RCA 00052/18/TGI/GSBO Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwaremeje ko ryamanitswe ahategetswe hose ntacyo rushingiyeho kuko mu cyemezo cyarwo ruvuga gusa ko Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru rwerekanye ko ryamanitswe, ariko wareba urubanza rwaciwe n'urwo rukiko ugasanga narwo rubyemeza gutyo ntacyo rushingiyeho, ibi ubwabyo bikaba binyuranye n'amategeko kuko umucamanza ategetswe gusobanura amategeko n'ibimenyetso ashingiraho icyemezo cye nk'uko biteganywa mu ngingo ya 147, agace ka kabiri y'Itegeko n° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsu.

[37] Ku birebana n'ibimenyetso byatanzwe na Ntaganzwa Faustin, bigizwe n'inyandiko zikurikira:

1° Ibaruwa yo ku wa 06/05/2018 y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ka Nyamugali agaragaza ko

nta tangazo rya cyamunara ryigeze rimanikwa ku nyubako y'ibiro by'ako kagali;

2° Ibaruwa yo ku wa 07/05/2018 y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gatsata nawe agaragaza ko nta tangazo rya cyamunara ryigeze rimanikwa ku nyubako y'ibiro bw'uwo murenge;

3° Ibaruwa yo ku wa 15/05/2018 y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge agaragaza ko igihe cyose nta cyemezo cy'iyakira uwamanitse itangazo agaragaza, riba ritagejewe ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'ako Karere;

4° Ibaruwa yo ku wa 07/06/2018 y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kicukiro nawe agaragaza ko igihe cyose nta cyemezo cy'iyakira uwamanitse itangazo agaragaza, riba ritagejewe ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'ako karere;

5° Ibaruwa yo ku wa 31/05/2018 ya Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo agaragaza ko icyemezo cy'iyakirwa ry'itangazo rya cyamunara cyabazwa uwarizanye kuko gishyirwa kuri kopi uwazanye itangazo asubirana;

6° Ibaruwa yo ku wa 03/05/2018 ya Visi-Perezida w'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge agaragaza ko uvuga ko itangazo ya cyamunara ryakiriwe agomba kugaragaza ko Urukiko rwaryakiriye mbere y'uko rimanikwa.

7° Ibaruwa yo ku wa 08/05/2018 ya Perezida w'Urukiko rw'Ibanze rwa Kacyiru agaragaza ko amakuru y'uko

itangazo rya cyamunara ryaba ryaramanistwe kuri urwo rukiko yabazwa uvuga ko yarimanitse;

8° Ikaye y'Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo yandikwamo inyandiko zakiriwe muri urwo rukiko, igaragaza ko mu nyandiko rwashyikirijwe guhera ku wa 20/07 kugeza ku wa 04/08/2016, nta na hamwe hagaragaramo itangazo ryaba ryarazanywe na Munyantore Bonaventure, nyamara igaragaramo amatangazo ya cyamunara yazanywe n'abandi bahesha b'inkiko.

Urukiko rurasanga izo nyandiko n'iyo kaye y'urukiko bigaragaza ko uvuga ko yamanitse itangazo yagombye kubitangira ibimenyetso, kuba rero abaregwa, usibye kuvuga ko ryamanitswe, badashobora kugaragaza ibimenyetso basabwa, bikaba byumvikanisha ko ritamanitswe ahategetswe hose nk'uko Ntaganzwa Faustin abivuga, cyane ko Munyantore Bonaventure, nk'Umuhesha w'inkiko w'umwuga, uri mu rwego rw'abakora imirimo y'inyungu rusange z'Igihugu, mu cyiciro cy'abunganira Ubutabera nk'uko bivugwa mu ngingo ya 60 y'Itegeko N° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'Abahesha b'Inkiko, kandi ufite inshingano zo gukorana imirimo ye ubwitonzi, ubuhanga n'ubushishozi nk'uko bivugwa mu ngingo ya 69 y'iryo tegeko, atari ayobewe ko ari inshingano ze kugaragaza, igihe bibaye ngombwa, ibimenyetso by'uko yubahirije ibyategetswe n'Urukiko.

[38] Hashingiwe ku bimaze gusobanurwa, Urukiko rurasanga imenyekanisha rya cyamunara ritarubahirije ibiteganywa mu ngingo ya 295, igika cya gatatu y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

C. Kumenya niba Uwitonze Innocent yaregukanye inzu ya Ntaganzwa Faustin mu buryo bunyuranyije n'amategeko

[39] Me Nzeyimana Lusinga Innocent uhagarariye Ntaganzwa Faustin avuga ko Munyantore Bonaventure yafashe inzu ye ayiha Uwitonze Innocent atayiguze muri cyamunara kuko nta kigaragaza aho yishyuye ikiguzi cy'inzu, ibyo bikaba binyuranyije n'ibiteganywa n'ingingo ya 306 igika cya 2, 307 na 315 z'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi kuko uwitwa ko yaguze yananiwe kugaragariza Urukiko *bordereau* yishyuriyeho kuri konti y'Urukiko.

[40] Avuga kandi ko ikindi kigaragaza ko Uwitonze Innocent yegukanye inzu mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ari uko amazina y'abavugwa ko bitabiriye cyamunara yo ku wa 04/08/2016 ari ay'aba *commissionnaires* Uwitonze Innocent yashakishije, akaba ari amazina amenyerewe kwifashishwa muri za cyamunara kugirango bagaragaze ko yitabiriwe.

[41] Akomeza avuga ko ikindi nanone kigaragaza ko cyamunara yabayemo uburiganya, ari inyandikomvugo ya cyamunara yakozwe na Munyantore Bonaventure ku wa 06/07/2016 avuga ko uwitwa Musoni Jean Bosco yegukanye inzu kuko yatanze 16.500.000 Frw, ngo ariko akazishyura ku wa 07/07/2016, 8h00, uwo munsu, mu ma saa 16h00 agakora indi nyandiko ivuga ko cyamunara isubitswe, ibi bikaba binyuranye n'ibivugwa mu ngingo ya 301 igika cya 3 y'Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbenezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

[42] Me Twizeyimana Innocent uhagarariye Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent avuga ko ibivugwa na Ntaganzwa Faustin nta shingiro byahabwa kuko Uwitonze Innocent nawe yari yemerewe gupiganwa muri cyamunara nk'abandi, kuko ingingo ya 315 y'itegeko ryavuzwe ibimwemerera, nawe akaba yari kuri lisiti y'abapiganwa, ndetse akaba ari nawe utanga amafaranga menshi kurusha abandi bari bitabiriye iyo cyamunara.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[43] Ku birebana n'uko cyamunara yo ku wa 04/08/2016 yaba yaritabiriwe na ba commissionnaires Uwitonze Innocent yashakishije, bamenyerewe kwifashishwa muri za cyamunara kugira ngo bigaragaze ko yitabiriwe, Urukiko rurasanga usibye kubivuga uburanira Ntaganzwa Faustin atagaragaza ibimenyetso ashingiraho abivuga, rukaba rero ntaho rwahera rwemeza ko ibyo avuga ari ukuri.

[44] Ku bijyanye n'uko inzu ya Ntaganzwa Faustin yabanje kwegurirwa uwitwa Musoni Jean Bosco muri cyamunara yabaye ku wa 06/07/2016 kuko ariwe wari watanze amafaranga menshi kurusha abandi, ariko uwo muni Umuhesha w'inkiko Munyantore Bonaventure agakora indi nyandiko mvugo ya cyamunara ivuga ko isubitswe ku itariki ya 04/08/2016 bitewe n'uko uwari wegukanye inzu yamumenyesheje ko atakiyiguze kuko aho yari yizeye amafaranga bitashobotse, Urukiko rurasanga ubwabyo bitagaragaza ko cyamunara yabayemo uburiganya kuko ingingo ya 312 y'itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryavuzwe haruguru, ari nayo Munyantore Bonaventure yashingiyeho asubika cyamunara nk'uko bigaragara mu nyandiko mvugo yayo, iteganya ko "iyo uwaguze muri

cyamunara atishyuye uko yabyemeye, icyo yari yaguze cyongera gutezwa cyamunara“, yamuhaga uburenganzira bwo gusubika cyamunara igihe uwaguze atishyuye nk'uko yabyiyemeje.

[45] Ku birebana n'uburyo bwo kwishyura umutungo wagurishijwe muri cyamunara, Itegeko N° 21/2012 ryo ku wa 14/06/2012 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsiryakurikizwaga igihe cyamunara yakorwaga riteganya, mu ngingo yaryo ya 306, igika cya kabiri ko “uwaguze muri cyamunara (...) yishyura mu gihe kitarenze umunsi umwe (1) w'akazi ukurikira cyamunara amafaranga ya cyamunara kuri konti y'Urukiko Rwisumbuye rwo mu ifasi iyo cyamunara yabereyemo; rigateganya nanone mu ngingo yaryo ya 307 ko “uberewemo umwenda yishyurwa n'umucungamari w'Urukiko Rwisumbuye rwakiriye amafaranga ya cyamunara amaze kuvanamo amagarama y'urubanza, amafaranga asigaye agashyikirizwa nyir'ibintu byatejwe cyamunara mu gihe nta bandi bagomba kwishyurwa nyuma y'iminsi cumi n'itanu (15); naho mu ngingo ya 315 rigateganya ko “nta na rimwe, uwasabye ko bafatira ibintu by'undi ashobora kubitwara atabiguzwe muri cyamunara nk'abandi“.

[46] Urukiko rurasanga izi ngingo z'amategeko zumvikanisha ko uwaguze umutungo muri cyamunara awegukana ari uko awishyuye mu gihe no mu buryo bitegetswe, uberewemo umwenda nawe akishyurwa mu gihe no mu buryo bitegetswe.

[47] Urukiko rurasanga rero kuba uwaguze umutungo muri cyamunara ari nawe uberewemo umwenda bitamuhesha uburenganzira bwo kutishyura umutungo watejwe cyamunara yitwaje umwenda aberewemo kuko iyo yitabiriye cyamunara igurishwamo umutungo w'umubereyemo umwenda afatwa

nk'abandi baguzi bose, ibi bikaba byumvikana kuko ari bumwe mu buryo bwo kwirinda ko umutungo w'umuntu ugurishwa ku giciro kidafite aho gihuriye n'agaciro kawo nyakuri.

[48] Hashingiwe ku bimaze kuvugwa, Urukiko rurasanga Uwitonze Innocent yaregukanye inzu ya Ntaganzwa Faustin mu buryo bunyuranyije n'amategeko nk'uko uyu abivuga kuko yayegukanye nta bwishyu atanze yitwaje umwenda aberewemo.

[49] Mu gusoza, Urukiko rurasanga cyamunara yabaye ku wa 04/08/2016 igomba guseswa nk'uko Ntaganzwa Faustin abisaba kuko yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, haba ku birebana n'imenyekanisha rya cyamunara, haba no ku birebana n'ubwishyu bw'inzu yatejwe cyamunara.

D. Ku birebana n'indishyi zisabwa muri uru rubanza

[50] Ntaganzwa Faustin avuga ko asaba 3.000.000 Frw y'indishyi z'akabaro zo kumushora mu manza, 1.500.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza, yose agatangwa n'abaregwa bombi, Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent.

[51] Uwitonze Innocent avuga ko indishyi zisabwa na Ntaganzwa nta shingiro zifite kuko ariwe wakuruye izi manza zose, aho gushyira mu bikorwa ibyo yatsindiwe mu rukiko.

[52] Avuga kandi ko Ntaganzwa Faustin yamushoye mu manza nyinshi, kugeza ubu akaba amaze kumurega mu manza zirenga esheshatu (6) kandi agatsindwa, ariko ntanyurwe agakomeza kumukurura mu manza, ku buryo bimaze kumutwara amafaranga menshi cyane yishyura abamuburanira muri izo manza zose, akaba asaba ko yamusubiza ayo mafaranga yose

yatakaje angana na 6.000.000 Frw akubiyemo 4. 000.000 Frw mu nkiko zabanjehiyongereyeho 1.000.000 Frw kuri uru rwego na 1.000.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

[53] Munyantore Bonaventure ntacyo yavuze ku ndishyi zasabwe na Ntaganzwa Faustin, ahubwo nawe arasaba ko yamuha 500.000 Frw y'indishyi z'akababaro, 1.500.000 Frw y'igihembo cya Avoka na 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[54] Urukiko rurasanga indishyi Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent basaba batazigenywa kuko ntacyo batsindiye mu rubanza.

[55] Urukiko rurasanga indishyi z'akababaro Ntaganzwa Faustin asaba yazihabwa kubera ko yavukijwe umutungo we mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ariko akagenerwa 1.000.000 Frw kubera ko ayo asaba ari menshi, kandi adasobanura uko azibara.

[56] Urukiko rurasanga kandi akwiye guhabwa amafaranga y'igihembo cya Avoka n'ay'ikurikiranarubanza, akanagenerwa 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka agenwe mu bushishozi bw'urukiko kuko 1.500.000 Frw asaba atayatangira ibisobanuro, akagenerwa na 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza kuko ari mu rugero.

[57] Urukiko rurasanga Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent bagomba gufatanya kwishyura amafaranga yategetswe kuko bombi bagize uruhare mu igurishwa ry'inzu ya

Ntaganzwa Faustin muri cyamunara yakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO:

[58] Rwemeje ko ikirego cya Ntaganzwa Faustin cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane urubanza RCA 00052/18/TGI/GSBO rwaciwe n' Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ku wa 17/10/2018 gifite ishingiro;

[59] Rwemeje ko imikirize y'urwo rubanza ihindutse kuri byose, cyamunara y'umutungo utimukanwa wa Ntaganzwa Faustin yabaye ku wa 04/08/2016 ikaba iteshejwe agaciro;

[60] Rutegetse Munyantore Bonaventure na Uwitonze Innocent guha Ntaganzwa Faustin 1.600.000 Frw akubiyemo 1.000.000 Frw y'indishyi z'akababaro, 100.000 Frw y'ikurikiranarubanza na 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka.

URUBANZA RW'UBUCURUZI

RWANDA TEA TRADING LTD v GT BANK LTD

[Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMAA
00037/2018/CA- RCOMAA 00023/2018/SC (Karimunda, P.J.,
Ngagi na Mukanyundo, J.) 22 Gashyantare 2019]

Amategeko agenga amasezerano – Impamvu itunguranye (force majeure) – Impamvu ntarengwa itunguranye (force majeure) igomba kuba ari impamvu koko ntarengwa kandi akaba nta wayihagarika (irresistible), idaturutse ku ruhande ruri mu masezerano (extérieure) kandi ikaba ari impamvu itunguranye (imprévisible).

Incamake y'ikibazo: Rwanda Tea Trading Ltd yagiranye amasezerano y'inguzanyo na GT Bank Ltd y'amafaranga angana na miliyoni magana atatu na mirongo itanu (350.000.000 Frw) yagombaga kwishyurwa mu gihe cy'amezi atandatu, Rwanda Tea Trading Ltd yakoranye amasezerano y'ubwishingire magirirane (acte de caution solidaire) na Karyabwite Claver, Mukandori Eugénie, Karyabwite Désiré, Karyabwite Eric na Karyabwite Jean Claude.

Rwanda Tea Trading Ltd ntiyubahirije amasezerano, maze igirana na GT Bank Ltd andi masezerano yo kuvugurura umwenda (réaménagement du crédit), bumvikana ko Rwanda Tea Trading Ltd ihawe undi mwenda ungana na 415.445.080Frw wagombaga kwishyurwa hamwe n'inyungu zawo mu cyiciro kimwe (paiement unique).

Aya masezerano nayo ntiyubahirije, bituma GT Bank Ltd irega Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, isaba ko bayishyura umwenda n'inyungu zawo inasaba n'indishyi zitandukanye.

Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwemeza ko ikirego cyatanzwe na GT Bank Ltd gifite ishingiro, rutegeka Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo kuyishyura umwenda remezo n'inyungu zawo.

Ababuranyi bose bajuririye uru rubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, GT Bank Ltd ivuga ko itishimiye umwenda Urukiko rwemeje ko yishyurwa, naho Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo bavuga ko atari bo batubahirije amasezerano, ko ahubwo ari GT Bank Ltd yayatesheje agaciro igihe cyo kwishyura kitaragera. Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasanze ubujurire bwa Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo nta shingiro bufite, naho ubwa GT Bank Ltd bukaba bufite ishingiro kuri bimwe.

Rwanda Tea Trading Ltd ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ijuririra mu Rukiko rw'Ikirenga, nyuma y'ishyirwaho ry'Urukiko rw'Ubujurire, ubujurire bwayo bwoherezwa muri urwo Rukiko. Mu Rukiko rw'Ubujurire isobanura ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko yo n'abishingizi bayo batubahirije amasezerano, nyamara yarerekanye ko nyuma y'aho Leta y'u Rwanda ihagarikiye umushinga w'uruganda rw'icyayi rwa Gatara Tea Factory, banki yahise iyandikira iyisaba guhita yishyura kandi itariki yumvikanyweho itaragera, kuko hari hasigaye amezi atandatu (6).

GT Bank Ltd yiregura ivuga ko nta kosa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakoze mu kwemeza ko uwajuriye atubahirije amasezerano y'inguzanyo kuko nawe atabasha kugaragaza ko

yishyuye umwenda yari yahawe, bityo ko isanga nta mpamvu yari gutuma agumana uyu mwenda kandi icyo yawukoreshaga kitakiriho.

Rwanda Tea Trading Ltd ivuga ko kuba umushinga warahagaze bidaturutse ku makosa yayo bikwiye gufatwa nk'impamvu itunguranye yatumye amasezerano atubahirizwa kuko hatari harigeze hateganywa uko byagenda umushinga uramutse uhagaritswe. Ikomeza ivuga ko nyuma y'uko umushinga uhagaritswe, ibintu byari gusubira uko byari biri mbere, GT Bank Ltd igasubizwa amafaranga yatanze agaragara mu masezerano y'inyongera ariko nti hagire inyungu n'indishyi byishyurwa.

GT Bank Ltd ivuga ko ibyo uwajuriye avuga y'uko nta nyungu ikwiye gusabwa nta shingiro byahabwa, kuko icyatumye itanga amafaranga yayo ari uko yari itegereje inyungu, ko kuba Leta y'u Rwanda yarahagaritse iyubakwa ry'uruganda, bitabuza Banki kubona inyungu z'umwenda yatanze.

GT Bank Ltd isaba ko uwajuriye n'abishingizi be bahatirwa kwishyura umwenda usigaye. Ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabariye inyungu kuri 17.5 % nyamara rwaragombaga kongeraho 2% nk'uko amasezerano abiteganyaga.

Uwajuriye avuga ko 594.052.834 Frw yamaze kwishyurwa kandi ko banki yabonye amafaranga menshi, inyungu zikaba zabarwa kugeza ku wa 22/04/2016, kuko aribwo umushinga wo kubaka uruganda wahagaze.

Incamake y'icyemezo: 1. Kuba uwahawe inguzanyo atarashoboye gushyira mu bikorwa inshingano ze zo kwishyura inguzanyo yahawe kugeza aho igihe cyari giteganyijwe mu masezerano kigeze ndetse kikanarenga aba ariwe wishe amasezerano. Bityo uwahawe umwenda ategetswe kwishyura

umwenda remezo, inyungu zawo ndetse n'ibihano by'ubukererwe mu gihe atubahirije igihe cyo kwishyura cyumvikanywe mu masezerano.

2. Impamvu ntarengwa itunguranye (force majeure) igomba kuba ari impamvu koko ntarengwa kandi akaba nta wayihagarika (irresistible), idaturutse ku ruhande ruri mu masezerano (extérieure) kandi ikaba ari impamvu itunguranye (imprévisible). Bityo, icyo umuntu yashoboraga kwirinda, ntiyacyitwaza nk'impamvu ntarengwa, ahubwo aba agomba kugikora n'ubwo byaba bimuhenze.

**Ubujurire nta shingiro bufite;
Ubujurire bwuririye ku bundi bufite ishingiro;
Amagarama y'urubanza ahwanyane n'ibyarukozwemo.**

Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, ingingo ya 80 n'ya 60.

Nta manza zifashishijwe.

Urubanza

I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ku wa 25/09/2013, Rwanda Tea Trading Ltd yagiranye amasezerano y'inguzanyo na GT Bank Ltd, muri ayo masezerano GT Bank Ltd ikaba yarahaye Rwanda Tea Trading Ltd inguzanyo y'amafaranga angana na miliyoni magana atatu na mirongo itanu (350.000.000 Frw) yagombaga kwishyurwa mu gihe cy'amezi

atandatu. Kuri uwo munsu kandi, GT Bank Ltd yagiranye amasezerano y'ubwishingire magirirane (acte de caution solidaire) na Karyabwite Claver, Mukandori Eugénie, Karyabwite Désiré, Karyabwite Eric na Karyabwite Jean Claude, ko bishingiye Rwanda Tea Trading Ltd ku mwenda yahawe na GT Bank Ltd.

[2] Rwanda Tea Trading Ltd ntiyubahirije amasezerano, maze nyuma y'ibiganiro, ku wa 16/10/2014, igirana na GT Bank Ltd andi masezerano yo kuvugurura umwenda (réaménagement du crédit), bumvikana ko Rwanda Tea Trading Ltd ihawe umwenda ungana na 415.445.080Frw wagombaga kwishyurwa hamwe n'inyungu zawo mu cyiciro kimwe (paiement unique) bitarenze tariki ya 30/10/2016¹.

[3] Aya masezerano nayo Rwanda Tea Trading Ltd ntiyubahirije, bituma GT Bank Ltd iyirega mu Rukiko rw'Ubucuruza rwa Nyarugenge hamwe n'abishingizi bayo, isaba ko bayishyura umwenda n'inyungu zawo bingana na 623.353.711Frw wabazwe by'agateganyo kugeza ku wa 11/01/2017, isaba kandi indishyi zitandukanye ndetse n'uko urubanza rurarangizwa by'agateganyo ku mwenda abaregwa biyemerera.

[4] Ku wa 19/05/2017, Urukiko rw'Ubucuruza rwa Nyarugenge rwaciye urubanza RCOM 00093/2017/TC/NYGE rwemeza ko ikirego cyatanzwe na GT Bank Ltd gifite ishingiro, rutegeka Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo kuyishyura 594.052.834Frw y'umwenda remezo n'inyungu zawo,

¹ GT BANK Ltd ariko ivuga ko habayeho kwibeshya, uwo mwenda mushya ukaba wari 431.102.236 Frw ari nayo yashyizwe kuri konti ya RWANDA TEA TRADING Ltd ku wa 30/10/2015, aho kuba 415.445.080 Frw.

500.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, na 50.000 Frw, GT Bank Ltd yatanzeho ingwate y'amagarama irega, kandi urubanza rukarangizwa by'agateganyo ku mwenda n'inyungu abaregwa biyemerera.

[5] Ababuranyi bose bajuririyeye uru rubanza mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, GT Bank Ltd ivuga ko itishimiye umwenda Urukiko rwemeje ko yishyurwa, kandi ko umwenda remezo n'inyungu zawo bigeze kuri 769.564.268Frw, aba ari yo isaba kwishyurwa, naho Rwanda TT Ltd n'abishingizi bayo bavuga ko atari bo batubahirije amasezerano, ko ahubwo ari GT Bank Ltd yayatesheje agaciro igihe cyo kwishyura kitaragera, bavuga ko batemera irangizarubanza ry'agateganyo ryategetswe n'Urukiko rubanza.

[6] Ku wa 05/01/2018, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaciye urubanza RCOMA 00393/2017/CHC/HCC-RCOMA 00395/2017/CHC/HCC rwemeza ko ubujurire bwa Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo nta shingiro bufite, naho ubwa GT Bank Ltd bukaba bufite ishingiro kuri bimwe, ko umwenda remezo GT Bank Ltd igomba kwishyurwa hamwe n'inyungu zawo bingana na 657,430,909 Frw. Urukiko kandi rwemeje ko irangizarubanza ry'agateganyo ryemejwe ku rwego rwa mbere ku mwenda ungana na 594.052.834Frw rigumyeho, rutegeka Rwanda Tea Trading Ltd Ltd n'abishingizi bayo guha GT Bank Ltd 500.000 Frw y'igihembo cya Avoka mu bujurire, yiyongera kuri 500.000 Frw yari yagenewe ku rwego rwa mbere.

[7] Rwanda Tea Trading Ltd ntiyishimiye imikirize y'urubanza, ijuririra mu Rukiko rw'Ikirenga, nyuma y'ishyirwaho ry'Urukiko rw'Ubujurire, ubujurire bwayo bwoherezwa muri urwo Rukiko hashingiwe ku ngingo ya 105

y'Itegeko N° 30/2018 ryo ku wa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko².

[8] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 17/01/2019, Rwanda Tea Trading Ltd iburanirwa na Me Nkongoli Laurent na Me Rwagatare Janvier, naho GT Bank Ltd iburanirwa na Me Bimenyimana Eric.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

A. UBUJURIRE BWA RWANDA TEA TRADING Ltd

1. Kumenya niba Rwanda Tea Trading Ltd yarubahirije amasezerano y'inguzanyo

[9] Rwanda Tea Trading Ltd ivuga ko, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwemeje ko yo n'abishingizi bayo batubahirije amasezerano, nyamara yarerekanye ko nyuma y'aho Leta y'u Rwanda ihagarikiye umushinga w'uruganda rw'icyayi rwa Gatare Tea Factory, ku wa 22/04/2016, GT Bank Ltd yahise iyandikira iyisaba guhita yishyura kandi itariki yumvikanyweho itaragera, kuko hari hasigaye amezi atandatu (6). Ikomeza ivuga ko itananiwe kwishyura, ko ahubwo GT Bank Ltd ariyo yatesheje agaciro amasezerano, kuko icyo amasezerano y'inguzanyo yari

2 "Guhera igihe iri tegeko ritangiriye gukurikizwa, uretse imanza zatangiye kuburanishwa, imanza zose zitakiri mu bubasha bw'Urukiko zaregewe, zohererezwa Urukiko rubifitiye ububasha hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko".

ashingiyeho cyari kivuyeho ubwo umushinga wo kubaka uruganda rw'icyayi rwa Gatare Tea Factory wari umaze guhagarikwa, ibintu bikaba byaragombaga gusubira uko byari bimeze mbere.

[10] GT Bank Ltd ivuga ko nta kosa Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakoze mu kwemeza ko RTT Ltd itubahirije amasezerano y'inguzanyo kuko nayo itagaragaza ko yishyuye umwenda yari yahawe. Isanga nta mpamvu yari gutuma Rwanda Tea Trading Ltd igumana uyu mwenda, nyamara icyo yawukoreshaga kitakiriho ; ikaba isanga iyo yo n'abishingizi bayo baza kwishyurira umwenda ku gihe, byari kubafasha kugabanya inyungu ntizikomeze kwiyongera. Ikomeza ivuga ko n'ubwo umwenda wari kwishyurirwa rimwe ku wa 30/10/2016, ikigaragara ari uko na nyuma y'aho, Rwanda Tea Trading Ltd itishyuye umwenda ku itariki yari yumvikanyweho mu masezerano, bituma GT Bank Ltd iyandikira iyisaba kwishyura 594.052.834 Frw, ariko ntibahita bayishyura, ahubwo mu iburanisha mu Rukiko rwabanje bavuga ko ari wo bemera bituma Urukiko rutegeka irangizarubanza ry'agateganyo.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[11] Ingingo ya 80, igika cya kabiri, y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano iteganya ko: “Iyo igihe cyo gukora ibisabwa mu masezerano kigeze, kutabikora bifatwa nko kwica amasezerano”.

[12] Inyandiko ziri muri dosiye zigaragaza ko ku wa 25/09/2013, GT Bank Ltd yakoranye amasezerano y'inguzanyo na Rwanda Tea Trading Ltd yanganaga na 350.000.000 Frw, iyo nguzanyo ikaba yaragombaga kwishyurwa mu gihe cy'amezi

atandatu (6). Ayo masezerano yaje kuvugururwa ku wa 16/10/2014, impande zombi zumvikana ko umwenda Rwanda Tea Trading Ltd ibereyemo GT Bank Ltd ungana na 415.445.080 Frw³, wagombaga kwishyurirwa rimwe bitarenze ku wa 30/10/2016. Mbere y'uko iyo tariki igera, GT Bank Ltd imaze kumenya ko umushinga Rwanda Tea Trading Ltd yari yarasabiye inguzanyo wahagaze, yahise isaba Rwanda Tea Trading Ltd kuyishyura umwenda yafashe bitabaye ngombwa ko itegereza iriya tariki. Rwanda Tea Trading Ltd ntabwo yashoboye kwishyura umwenda, bituma ku wa 06/11/2016, nyuma yo gutanga integuza, GT Bank Ltd itanga ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, urwo Rukiko rutegeka Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo kuyishyura 594.052.834 Frw y'umwenda n'inyungu zawo. Iki cyemezo kijurirwa mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi narwo rwemeza ko Rwanda Tea Trading Ltd itubahirije amasezerano, ko umwenda GT Bank Ltd igomba kwishyurwa n'inyungu zawo bingana na 657.430.909 Frw.

[13] Dosiye igaragaza ko mu masezerano yo ku wa 16/10/2014, avugurura ayo ku wa 25/09/2013, Rwanda Tea Trading Ltd yiyemereye ko izishyura mu ngunga imwe umwenda remezo wa 415.445.080 Frw n'inyungu zawo zibariye kuri 17.95% ku wa 30/10/2016.

[14] Kuri iki kibazo, Urukiko rurasanga uruhande rwari rusigaje gusohoza amasezerano ari Rwanda Tea Trading Ltd, inshingano yayo y'ibanze ikaba yari ukwishyura umwenda nk'uko bigaragara mu masezerano yo ku wa 16/10/2014 yibukijwe haruguru. Kuba rero itariki yumvikanyweho yarageze

3 GT BANK Ltd ivuga ko muri ayo masezerano habayeho kwibeshya ko ahubwo umwenda ungana na 431.102.236 Frw aho kuba 415.445.080 Frw.

Rwanda Tea Trading Ltd itarishyura umwenda yari ifitiye GT Bank Ltd, bivuze ko Rwanda Tea Trading Ltd ari rwo ruhande rutubahirije inshingano zarwo nk'uko ziteganywa mu masezerano.

[15] Urukiko rurasanga imvugo y'uburanira Rwanda Tea Trading Ltd, ko GT Bank Ltd ari yo itarubahirije amasezerano kuko yayisabye kwishyura igihe bumvikanye kitaragera nta shingiro yahabwa, kuko nk'uko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabibonye, kuba GT Bank Ltd ikimara kumenya ko umushinga yatangiye inguzanyo utagikomeje kuko wahagaritswe na Leta y'u Rwanda, igahita isaba gusubizwa amafaranga yayo, nta kosa yakoze, kuko kuyasubiza byari ku nyungu z'impande zombi, cyane cyane ko nk'uko byagaragajwe, byageze no ku itariki iteganyijwe mu masezerano Rwanda Tea Trading Ltd itarishyura, bituma nyuma y'aho GT Bank Ltd iregera Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, kuko yari imaze kubona ko integuza yatanze zabaye impfabusa.

[16] Urukiko rero rushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 80, igika cya kabiri, y'Itegeko N°45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 yavuzwe haruguru, rurasanga kuba Rwanda Tea Trading Ltd itarashoboye gushyira mu bikorwa inshingano zayo zo kwishyura inguzanyo yahawe na GT Bank Ltd kugeza aho igihe cyari giteganyijwe mu masezerano kigeze ndetse kikanarenga, ariyo yishe masezerano, akaba ntaho Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwari guhera rwemeza ko RTT Ltd itishe amasezerano, ndetse akaba ari nako n'uru Rukiko rubibona.

2. Kumenya niba kuba Leta y'u Rwanda yarahagaritse umushinga wo kubaka uruganda rwa Gatare Tea Factory byafatwa nk'impamvu itunguranye yatumye amasezerano atubahirizwa ku buryo nta nyungu zari zikwiye kubarwa

[17] Rwanda Tea Trading Ltd ivuga ko kuba umushinga warahagaze bidaturutse ku makosa yayo bikwiye gufatwa nk'impamvu itunguranye yatumye amasezerano atubahirizwa nk'uko biteganywa mu ngingo ya 92 y'Itegeko rigenga amasezerano⁴ kuko hatari harigeze hateganywa uko byagenda umushinga uramutse uhagaritswe. Ikomeza ivuga ko nyuma y'uko umushinga uhagaritswe, ibintu byari gusubira uko byari biri mbere, GT Bank Ltd igasubizwa amafaranga yatanze agaragara mu masezerano y'inyongera yo ku wa 15/10/2014, ariko ntihasigire inyungu n'indishyi byishyurwa nk'uko bivugwa mu ngingo ya 91, igika cya mbere, y'Itegeko ryerekeye amasezerano⁵.

[18] GT Bank Ltd ivuga ko ibyo Rwanda Tea Trading Ltd ivuga y'uko nta nyungu GT Bank Ltd ikwiye gusaba nta shingiro byahabwa, kuko icyatumye itanga amafaranga yayo ari uko yari itegereje inyungu, ko kuba Leta y'u Rwanda (MINECOFIN) yarahagaritse iyubakwa ry'uruganda, bitabuza Banki kubona

4 Iyo ngingo igira iti: "Iyo uruhande rumwe rudashobora gukora ibisabwa mu masezerano ku mpamvu zitaruturutseho kubera ko habuze ikintu amasezerano yari ashingiyeho cyangwa indi mpamvu ntarengwa itunguranye, inshingano y'urwo ruhande yo gukora ibisabwa ivaho, keretse iyo uko ibintu bimeze bibigaragaza ukundi".

5 Inshingano zo kuriha indishyi z'akababaro zishingiye ku guhakana inshingano zivaho iyo bigaragara ko uruhande rwarenganye na rwo rutari gukora igisabwa.

inyungu z'umwenda yatanze, ahubwo ko ibyo Rwanda Tea Trading Ltd yaba yaratakaje yazabisaba MINECOFIN.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[19] Ingingo ya 64 y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano iteganya ko : “Amasezerano akozwe mu buryo bukurikije amategeko aba itegeko ku bayagiranye”. Naho ingingo ya 92 y'iri Tegeko iteganya ko : “ Iyo uruhande rumwe rudashobora gukora ibisabwa mu masezerano ku mpamvu zitaruturutseho kubera ko habuze ikintu amasezerano yari ashingiyeho cyangwa indi mpamvu ntarengwa itunguranye, inshingano y'urwo ruhande yo gukora ibisabwa ivaho, keretse iyo uko ibintubimeze bibigaragaza ukundi ” .

[20] Dosiye igaragaza ko mu masezerano Rwanda Tea Trading Ltd yakoranye na GT bank Ltd ku wa 16/10/2014, mu ngingo bise “ Les intérêts débiteurs”, impande zombi zemeranyije ko inyungu zibarwa kuri 17.95% ku mwaka, ko ariko icyo gipimo gishobora guhinduka (kigabanuka cyangwa cyiyongera) bitewe n'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko.

[21] Urukiko rurasanga kuba Urukiko Rukuru rwaremeje ko inyungu zikomeza kubarwa, ariko rugakosora uburyo izo nyungu zabazwe nta kosa rwakozwe, kuko rwasanze ko, mu gihe bigaragaye ko GT Bank Ltd atari rwo ruhande rwishe amasezerano, ahubwo ari Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo batubahirije ibiteganyijwe mu masezerano, nta mpamvu rutari kubara inyungu.

[22] Urukiko rurasanga nanone ingingo ya 92 y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano, Rwanda Tea Trading Ltd ishingiraho ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rutari kubara inyungu itakurikizwa muri uru rubanza, kuko usibye ko kuyikoresha ku ruhande rwa Rwanda Tea Trading Ltd kandi byemejwe ko ari yo itarujuje ibisabwa mu masezerano, ikaba itasaba ko yasonerwa kwishyura inyungu, kuko isesengura ry'iyi ngingo ryumvikanisha ibitandukanye n'imyumvire y'ababuranira Rwanda Tea Trading Ltd nk'uko biza gusobanurwa mu bika bikurikira.

[23] Urukiko rurasanga icyo amasezerano ya Rwanda Tea Trading Ltd na GT Bank Ltd yari ashingiyeho (objet) ari amafaranga y'inguzanyo Banki yahaye Rwanda Tea Trading Ltd, aho kuba kubaka uruganda rw'icyayi, kandi n'iyi biza kuba ari ko bimeze, Urukiko rurasanga nta mpamvu ntarengwa itunguranye (force majeure) yaba yarabujije Rwanda Tea Trading Ltd gukomeza kurwubuka, kuko iyo mpamvu igomba kuba yujuje ibi bikurikira⁶: kuba ari impamvu koko ntarengwa kandi akaba nta wayihagarika (irresistible), ikaba idaturutse ku ruhande ruri mu masezerano (extérieure) kandi ikaba ari impamvu itunguranye (imprévisible).

[24] Rurasanga rero kuba MINECOFIN yarahagaritse isoko ryo kubaka uruganda kubera ko itishimiye uburyo ryakorwaga, bidahura n'ibiteganywa n'ingingo ya 92 y'Itegeko ryibukijwe haruguru ngo ibe yakwitwaza amakosa yayo yo kudakora isoko neza, ngo iyuririreho ivuga ko icyemezo cyafashwe na MINECOFIN ari impamvu ntarengwa itunguranye. Ibi bishimangirwa kandi n'inyandiko z'abahanga mu mategeko, aho

6 . Ph. MALAURIE, L. AYNES, Ph. STOFFEL-MUNCK, *Droit des obligations*, 7e édition, Paris, LGDJ, 2015, pp. 515-516.

bavuga ko icyo umuntu yashoboraga kwirinda, atacyitwaza nk'impamvu ntarengwa, ko ahubwo aba agomba kugikora n'ubwo byaba bimuhenze; bakanavuga ko nta mpamvu ntarengwa itunguranye ibaho ku bijyanye n'inshingano yo kwishyura amafaranga, kuko ufite iyo nshingano ashobora kuyishyura akoresheje umutungo we, kandi ko igihombo kitarengera ufiteinshingano⁷.

[25] Ku byerekeranye n'ibyo ababuranira Rwanda Tea Trading Ltd bavuga ko GT Bank Ltd itubahirije ibiteganywa n'ingingo ya 70 y'Itegeko N° 45/2011 ryo ku wa 25/11/2011 rigenga amasezerano⁸, kuko iyo ijya kuba ikunda ukuri kandi ifite ubushake bwo kwirinda kurenganya umukiliya wayo, kuko mu gihe yari imaze kumenya ko isoko Rwanda Tea Trading Ltd yafatiye inguzanyo rivuyeho itari kujya mu byo kubara inyungu, ahubwo yari kwakira ubwishyu bw'umwenda fatizo gusa, Urukiko rurasanga nabyo bitahabwa ishingiro, kuko GT Bank Ltd, imaze kubona ko isoko rihagaze, yasabye Rwanda Tea Trading Ltd, kuyisubiza amafaranga yayo, ibonye Rwanda Tea Trading Ltd idahise iyasubiza, itegereza itariki yari iteganyijwe mu masezerano, iyo tariki igeze itarishyurwa yohereza inyandiko z'integuza, nabwo Rwanda Tea Trading Ltd ntiyishyura, bituma ibona kugana inkiko. Urukiko rurasanga rero nta mikorere irimo uburiganya cyangwa amananiza yaba yaranze GT Bank Ltd, bityo akaba nta mpamvu itari gukomeza kubara inyungu nk'uko

⁷ (... , il n'existe pas de force majeure à l'égard des obligations de somme d'argent car le débiteur peut fournir une somme d'argent en prélevant sur ses biens, et l'insolabilité n'est pas libératoire, (Ph. MALAURIE, L. AYNES, Ph. STOFFEL-MUNCK, Droit des obligations, 7ème édition, Paris, L.G.D.J., 2015, p. 515.

⁸ Buri ruhande rufite inshingano yo kurangiza amasezerano nta buriganya kandi rukarangwa n'imikorere myiza yemerwa ku bagiranye amasezerano.

zari ziteganyijwe mu masezerano, cyane cyane ko itanarebwagwa n'amasezerano yari hagati ya Rwanda Tea Trading Ltd na MINECOFIN, akaba nta n'uruhare yagize mw'ihagarikwa ry'uwo mushinga, wenda nko kuba yarimanye amafaranga nta mpamvu bigatuma Rwanda Tea Trading Ltd idashobora kubahiriza inshingano zayo mu masezerano yakoranye na Leta y'u Rwanda (MINECOFIN).

B. UBURIRIRE BWURIRIYE KU BUNDI BWATANZWE NA GT BANK LTD

1. Kumenya niba Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo bahatirwa kwishyura umwenda usigaye n'ingano yawo

[26] GT Bank Ltd isaba ko Rwanda Tea Trading Ltd n'abishingizi bayo bahatirwa kwishyura umwenda usigaye ungana 255.279.610 Frw wabazwe kugeza ku wa 17/01/2019 kuko amafaranga yemera angana na 594.052.834 Frw yo yamaze kuyishyura. Ivuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabariye inyungu kuri 17.5 % nyamara rwaragombaga kongeraho 2%nk'uko amasezerano abiteganyaga.

[27] Kuri ubu bujirire bwa GT Bank Ltd, Rwanda Tea Trading Ltd ivuga ko 594.052.834 Frw yamaze kwishyurwa nk'uko biri mu irangizwa ry'urubanza ry'agateganyo, bakumva banki yarabonye amafaranga menshi, inyungu zikaba zabarwa kugeza ku wa 22/04/2016, kuko aribwo umushinga wo kubaka uruganda wahagaze.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[28] Ku byerekeranye n'ibyo uburanira GT Bank Ltd avuga ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwabaze inyungu kuri 17.5% ariko ntirwongeraho 2% nk'uko amasezerano abiteganyaga, Urukiko rurasanga koko ingingo ya 3 y'amasezerano yo ku wa 16/10/2014, iteganyaga ko hejuru y'inyungu zavuzwe haruguru (17.95%) hiyongeraho 2% akurwa ku mafaranga yose arenze urugero rw'umwenda watanzwe. Urukiko rurasanga nanone mu gika cya 16 cy'urubanza rwajuririwe, Urukiko koko ntacyo rwavuze kuri 2% yavuzwe mu masezerano.

[29] Ku byerekeranye n'ingano y'umwenda Rwanda Tea Trading Ltd igomba kwishyura GT Bank Ltd, Urukiko rurasanga impande zombi zemeranya ko GT Bank Ltd yamaze kwishyurwa 594.052.834Frw nk'uko byagaragajwe haruguru, ariko nk'uko GT Bank Ltd yabigaragaje mu iburanisha ryo ku wa 17/01/2019, Rwanda Tea Trading Ltd igomba kwishyura 255.279.610Frw akubiyemo umwenda remezo wari usigaye, inyungu zawo n'ibihano by'ubukererwe kuko itigeze iyavuguruzwa, ahubwo yatsimbaraye ku mvugo y'uko nta nyungu zikwiye kubarwa kubera ko habaye impamvu ntarengwa itunguranye, no kuba ngo yarishyuye amafaranga menshi, ibyo Urukiko rukaba rutabishingiraho gutyo gusa kuko Rwanda Tea Trading Ltd itatanze ibimenyetso bivuguruzwa ingano y'umwenda n'inyungu zawo⁹.

9 Ingingo ya 12 y'Itegeko N°22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganyaga ko: "Uvuga ko atagitegetswe gukora icyo yategekwe gukora cyagaragarijwe ibimenyetso agomba kugaragaza impamvuzakimukuyeho. Iyo abiburiye ibimenyetso, uwo baburana aramutsinda".

C. Kumenya ishingiro ry'indishyi zisabwa

[30] GT Bank Ltd isaba Urukiko gutegeka Rwanda Tea Trading Ltd kuyishyura miliyoni imwe (1.000.000 Frw) y'igihembo cya Avoka kuri uru rwego kubera gukomeza kuyishora mu manza nta mpamvu.

Me Rwagatare Janvier, uburanira Rwanda Tea Trading Ltd, avuga ko Urukiko rwazasuma ishingiro ry'izo ndishyi GT Bank Ltd isaba.

UKO URUKIKO RUBIBONA

[31] Urukiko rurasanga GT Bank Ltd yarashatse umunyamategeko uyiburanira kuri uru rwego, bikaba byumvikana ko yamuhaye ikiguzi kugira ngo ayikorere uyu murimo,

[32] Urukiko rurasanga ariko 1.000.000 Frw Banki isaba, itayatangira ibimenyetso, bityo ikaba ikwiye guhabwa 700.000 Frw y'igihembo cya Avoka, agenwe mu bushishozi bwarwo.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[33] Rwemeje ko ubujurire bwa Rwanda Tea Trading Ltd nta shingiro bufite;

[34] Rwemeje ko ubujurire bwuririye ku bundi bwa GT Bank Ltd bufite ishingiro;

[35] Rwemeje ko urubanza RCOMA 00393/2017/CHC/HCC-RCOMA00395/2017/CHC/HCC rwaciwe n'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ku wa 05/01/2018 rwajuririwe ruhindutse ku byerekeranye n'ingano y'inguzanyo n'inyungu zayo Rwanda tea Trading Ltd igomba kwishyura GT Bank Ltd ;

[36] Rutegetse Rwanda Tea Trading Ltd kwishyura GT Bank Ltd amafaranga asigaye ku nguzanyo yayihaye hamwe n'inyungu zayo angana na 255.279.610 Frw;

[37] Rutegetse Rwanda Tea Trading Ltd guha GT Bank Ltd, 700.000 Frw y'igihembo cya Avoka kuri uru rwego;

[38] Rwemeje ko amagarama yatanzwe ahwanye n'imirimo yakozwe.

**RWANDA LAW
REPORTS**

ENGLISH VERSION

TABLE OF CONTENTS

| | |
|---|------|
| TEAM OF EDITORS..... | iii |
| PREFACE | ix |
| SCOPE OF THE REPORTS | xi |
| CITATION | xi |
| LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED..... | xiii |
| LIST OF CASES CONSIDERED..... | xv |
| SUBJECT INDEX..... | xvii |
| Re ASIMWE | 1 |
| NTEGEYE v ECOBANK RWANDA LTD | 95 |
| ACCESS BANK RWANDA LTD v RUHANDO | 117 |
| NTAGANZWA v MUNYANTORE ET AL | 147 |
| RWANDA TEA TRADING LTD v GT BANK LTD..... | 171 |

TEAM OF EDITORS

I. LAW REPORTING TEAM

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

UWINKINDI Angelique

II. MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE

- Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse** : President of the Committee,
Judge of the Court of Appeal
- Dr. MUHIRE G. Yves** : Vice President of the
Committee,
Lecturer in the School
of Law/UR
- NSENGIYUMVA Jean Claude** : Secretary of the Committee,
Inspector of Courts
- RUKUNDAKUVUGA F. Regis** : President of Court of Appeal
- Dr. KARIMUNDA M. Aimé** : Judge at Supreme Court
- NDAHAYO Xavier** : President of High Court
- RUTAZANA Angeline** : Inspector General of Courts
- KALIWABO Charles** : Judge of the Court of Appeal
- Dr. KAYIHURA Didas** : Rector of ILPD
- BURAYOBERA UMUZAYIRE
Bibiane** : Vice-Chairman
of Rwanda Law
Reform Commission
- BWIZA N. Blanche** : Inspector of Courts
- KIBUKA Jean Luc** : Judge at Commercial
High Court

- HABARUREMA Jean Pierre** : Prosecutor at National Level
- BUNYOYE Grace** : Prosecutor at National Level
- KABIBI Specioza** : State Attorney
- MUREREREHE Saouda** : Judge at High Court
- Lt. Col. MADUDU A. Charles** : Judge at Military Court
- Dr. NSHIMIYIMANA Didace** : Peresident of Intermediate Court
- GIRANEZA Clémentine** : Judge of the Intermediate Court
- TASHOBYA Benon** : Judge of the Intermediate Court
- BAGABO Faustin** : Advocate at Rwanda Bar Association
- GAPARAYI Idi** : Lecturer at the University of Kigali
- Dr. SHEMA Pierre** : Lecturer at ULK
- KARAKE Canisius** : Lecturer at UNILAK
- Dr. HABIMANA Pie** : Advocate at Rwanda

RWIGEMA Royck : Bar Association
Judge of Commercial Court

YANKURIJE Dorothée : Judge of Primary Court

PREFACE

Dear Readers,

We are pleased to present to you the Law Reports Volume 4 [2021]. As usual, we select cases that solve some of the legal issues you encounter, either in your career or in your daily life.

This volume contains six (6) cases, which includes; two (2) petitions seeking to declare the law unconstitutional, one (1) civil case, one (1) commercial case and two (2) procedural cases.

These cases can be accessed on the website of the judiciary:
<http://decisia.lexum.com/rlr/en/nav.do>.

Dr NTEZILYAYO Faustin
President of the Supreme Court and
President of the High Council of Judiciary

SCOPE OF THE REPORTS

These reports cover cases decided by the Supreme Court and the Court of Appeal.

CITATION

The Reports in this volume are cited as:
[2021] 4 RLR

LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED

a. Current laws

| | |
|--|-----|
| <i>Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 Revised in 2015, articles 3, 29, 38 and 151</i> | 33 |
| <i>article 15 and 29</i> | 6 |
| <i>Universal Declaration of Human Rights as ratified by Rwanda on 18/09/1962, article 11</i> | 33 |
| <i>International Covenant on Civil and Political Rights as ratified by Decree-Law N° 8/75 of 12/02/1975, published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda of 1975, Articles 10, 15 and 19</i> | 33 |
| <i>Article 14, paragraphs 1 and 5</i> | 6 |
| <i>African Charter on Human and Peoples' Rights of 27/06/1981 as ratified by Law N°10/1983 of 01/07/1983 and published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda of 01/07/1983, article 7</i> | 33 |
| <i>Law N° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general, in Articles 2, 3, 49, 84, 92, 133, 256 and 271</i> | 33 |
| <i>Law N° 30/2018 of 02/06/2018 determining the jurisdiction of courts, article 53</i> | 97 |
| <i>article 46, paragraph 2 and article 52, paragraph 3</i> | 6 |
| <i>Law N° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda, article 48</i> | 33. |
| <i>Law N°12/2013 of 22/03/2013 governing the bailiff function, article 60</i> | 147 |

| | |
|---|------------|
| <i>Law N° 45/2011 of 25/11/2011 Governing Contracts, articles 80 and 60.....</i> | <i>174</i> |
| <i>Law N° 15/2004 of 12/6/2004 relating to Evidence and its Production, article 62.....</i> | <i>33</i> |

b. Repealed laws

| | |
|--|------------|
| <i>Law N° 21/2012 of 14/06/2012 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, articles 147, 263, 295, 306, 307, 312 and 315.....</i> | <i>147</i> |
| <i>article 186, paragraph 6.....</i> | <i>118</i> |
| <i>Organic Law N° 03/2012/OL of 13/06/2012 determining the organization, functioning and jurisdiction of the Supreme Court, article 83.....</i> | <i>97</i> |
| <i>Organic Law N° 01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the penal code, articles 257, 326, 477 and 478.....</i> | <i>33</i> |
| <i>Law N° 09/2004 of 29/04/2004 relating to the Code of Ethics for the Judiciary, articles 4 and 5.....</i> | <i>33</i> |
| <i>Decree- law N° 21/77 of 18 August 1977 Instituting the Penal Code.....</i> | <i>33</i> |
| <i>Decree-Law of 30/07/1888 relating to contracts or obligations, article 532.....</i> | <i>118</i> |

LIST OF CASES CONSIDERED

| | |
|---|--------------|
| <i>Attorney-General for England and Wales v Times Newspapers Ltd rendered by the court of appeal of England</i> | <i>34</i> |
| <i>Bridges v. California, 314 US 252 (1941); Pennekamp v. Florida, 328 US 331 (1946); Craig v. Harney 331 US 367 (1946)</i> | <i>34</i> |
| <i>Cullen v. Toibin rendered by the Supreme Court of Ireland.....</i> | <i>34</i> |
| <i>Dagenais v. Canadian Broadcasting Corp., N° 23403, 1994: January 24, 1994, December 8, P.5</i> | <i>34</i> |
| <i>DPP v Independent Newspapers (Irl) Ltd,42 rendered by the Supreme Court of Ireland.....</i> | <i>34</i> |
| <i>Kelly v O’Neill41 rendered by the Supreme Court of Ireland....</i> | <i>34</i> |
| <i>Kotak Mahindra Bank Pvt. Limited Vs Ambuj A. Kasliwal & Ors, Supreme Court of India, Civil Appellate Jurisdiction, Civil Appeal N°. 538 of 2021,</i> | <i>7</i> |
| <i>John D. Pennekamp v. State of Florida57 rendered by the supreme Court of United States of America</i> | <i>34</i> |
| <i>Nebraska Press Association v. Hugh Stuart: (1976) 427 US 539.....</i> | <i>.....</i> |
| <i>R. v. Beauregard, rendered by the Supreme Court of Canada.....</i> | <i>34</i> |
| <i>Re Kabasinga, RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC rendered on 04/12/2019 by the Supreme Court.....</i> | <i>6</i> |
| <i>Reliance Petrochemicals v. Proprietor of Indian Express56 rendered by the Supreme Court of India</i> | <i>34</i> |

RS/REV/INJUST/CIV 0023/16/CS, Rutabayiro and others v Mukakabano, rendered on 27/09/2019 by the Supreme Court6

South Africa Supreme Court of Appeal: Midi Television v Director of Public Prosecutions (Western Cape) 2007 (3) SA 318 (SCA) at para 19.....34

South Africa Supreme Court of Appeal: The NDPP v Media 24 Limited & others and HC Van Breda v Media 24 Limited & others (425/2017) [2017] ZASCA 97 (21 June 2017), at para.37.....34

The Sunday Times v. United Kingdom, 26 April 1979, Series A N^o. 30, 14 EHRR 229, par. 63.....34

Worm v. Austria, 29 August 1997, Application 22714/93, 25 EHRR 454, par.50.....34

SUBJECT INDEX

- 1. Auction** - Successful bidder - When the creditor becomes the successful bidder of his/her debtor's property, he cannot possess that property without paying the price on the pretext that the owner owes him money, because he/she is equally treated like the other bidders.

NTAGANZWA v MUNYANTORE ET AL.....147

- 2. Commercial procedure law** – Commercial procedure – Case review– Confusion about the situation of facts – Confusion about the situation of facts is a misunderstanding of the subject of the dispute between the parties and the basis for its settlement, which misleads the judge to take a decision he should not have taken if he understood or got well the situation of facts.

ACCESS BANK RWANDA LTD v RUHANDO.....117

- 3. Constitution** - Due process of law - Second appeal – Due process of law – The inalienable right of appeal consists of the first appeal which may however have some limitations for legitimate reasons - The right to appeal may be limited on the second appeal but for legitimate reasons.

Re. ASIIMWE.....1

Second appeal in criminal cases - Due process of law – The fact that the party pleading not guilty may be allowed a second appeal depending on the sentence imposed while the accused who pleaded guilty is barred from lodging a second appeal, amounts to unequal treatment of accused persons, which is inconsistent with the principle of equality before the law.

Re. ASIIMWE.....1

Criminal law – The criminal law must be clear, plain and unambiguous – It is not the duty of the judge to determine punishable acts, rather it is the duty of the legislator – The law must be written in such a way that everyone can know the limits of what is allowed and prohibited as well the consequences of penalties in order to refrain for committing a crime (predictability) – The punishable act and related penalty are determined by the Law.

KABASINGA ET AL.....25

